UMWAKA W'AMASHURI WA 2027-28

Amahitamo y'Ishuri Ribanza

SHAKISHA AHO WAHITAMO



Sikana kugira ngo Usabe—Igihe cyo Gusaba:
Kuva ku wa 2 Ugushyingo kugeza ku wa 18 Ukuboza, 2026

JEFFERSON COUNTY PUBLIC SCHOOLS

JCPS

apptegy

Bwira "muraho" abantu benshi muri apurikasiyo ya Jefferson County Public Schools.

- Ohereza ubutumwa ku barimu n'abakozi bo ku mashuri yitabiriye.
- Ongera ibikorwa mu ngengabihe yawe
- Habwa amakuru mashya y'amasomo
- Bona amamenyesha ku gihe kuri telefoni yawe

n'ibindi byinshi... byose muri apurikasiyo yacu ya Jefferson County Public Schools.

Manura apurikasiyo ya Jefferson County Public Schools maze wemeze guhabwa amamenyesha.


JCPS, KY

Manura kuri iPhone https://aptq.co/mqSZIT

Manura kuri Android https://aptq.co/5BH22f

Download on the App Store

GET IT ON Google Play



edurooms

Ibirimo

Reka Dutangire 4

Kwiyandikisha no Gusaba 5

Amahitamo y'Ishuri Ribanza. 8

Ishusho y'Ibigo by'Amashuri Abanza 10

Agace k'Amahitamo 14

Amashuri Abanyeshuri Bakunze kuva muri Rimwe bajya mu Rindi Rikurikira 15

Imyirondoro y'Amashuri Abanza 18

Amashuri y'Ubuntu ya Leta Yihariye 68

Porogaramu Zidasanzwe zo Gukurura Abanyeshuri . . 76

Serivisi Zihabwa Abanyeshuri Bavuga Izindi Ndimi 77

Serivisi Zihabwa Abanyeshuri Bafite Ubumuga bwo Kwiga 77

Ibibazo Bikunze Kubazwa 78

Amakuru yerekeye ishuri aba ari ukuri igihe cy'icapwa ry'inyandiko. Niba ufite ikibazo icyo ari cyo cyose, vugisha ishuri nyirizina.

Uduce tw'Ishuri | Amashuri Yihariye | Porogaramu Zihariye | Zone y'Ibigo Bitoranywa

Reka Dutangire

Akarere k'Amashuri ka Jefferson County Public School (JCPS) **ibigo by'amashuri abanza 86**, kandi byose byibanda ku masomo y'ingenzi nko gusoma, kwandika, imibare, siyansi, n'amasomo yerekeye imibanire, kandi abanyeshuri bakigishwa urunyuranyurane rw'andi masomo nk'ubugeni n'ubuhanzi, ikoranabuhanga n'indimi zikoreshwa ku isi.

Kugira urusheho gutahura neza inzira y'uburezi y'umunyeshuri wawe, JCPS irimo kuva mu buryo busanzweho bw'ihuzwa ry'amashuri bwa "clusters" ikajya mu buryo bwa zone z'ibigo by'amashuri binyuze mu mahuriro y'ibigo by'amashuri yisumbuye. Buri kigo cy'amashuri abanza kiri muri **1 mu matsinda y'ibigo 15 abanyeshuri bemerewe gukomerezaho amasomo**—amatsinda agiye agizwe n'ibigo by'amashuri abanza bya JCPS kuva kuri 3 kugera ku 8 bihereye mu gace karimo ikigo cy'amashuri yisumbuye cya JCPS runaka. JCPS irakwizeza umwanya w'umunyeshuri wawe muri kimwe mu bigo by'amashuri biri muri zone yatoranyijwe, hashingiwe kuri aderesi yo mu rugo umunyeshuri wawe abamo. JCPS iha kandi abanyeshuri batuye muri Choice Zone uburyo bwo guhitamo kwiga ku kigo cy'amashuri cyegereye aho bataha cyangwa kiri kure y'aho bataha.

Mu gihe abenshi mu banyeshuri biga mu mashuri abanza bahitamo kwiga mu bigo bihereye muri zone batuyemo, JCPS ifite izindi porogaramu zigamije gufasha umunyeshuri wawe kwiga mu buryo bumunogeye cyangwa kwiga ibyo akunda. Dutanga urunyuranyuranye rw'amashuri abanza ya magnet na porogaramu za magnet—inyinshi zizewe ku rwego rw'igihugu cyangwa zibanda ku masomo yihariye.

JCPS SchoolFinder

Kwiyandikisha no Gusaba

Suzuma Amahitamo maze Uhitemo Ibyo Ukunda Cyane

Fata icyemezo cy'ubwoko bw'imyigire bubereye umunyeshuri wawe, maze urebe mu mahitamo y'ibigo by'amashuri, porogaramu n'ibitangirwa kuri buri kigo cy'amashuri.

Mugi cy'ubusabe, usabwe gukurikiranya ibigo byo muri zone yawe ukurikije uko ubyifuza. Unafite kandi andi mahitamo abiri, nko kuba wasaba ikigo cy'amashuri ya magnet cyangwa porgaramu ya magnet itangirwa ku kigo cy'amashuri.

Gutangira kwiga mu kigo cy'amashuri bica mu nzira ebyiri.

1. Kwiyandikisha muri JCPS niba uri umunyeshuri mushya.
2. Kuzuza ubusabe bwo mu mashuri abanza.



Amahitamo y'Ibigo by'Amashuri abanza

- **Amashuri ya Zone (paji ya 8)**
- **Amashuri Yihariye (paji ya 68)**
- **Porogaramu Zihariye (paji ya 76)**

Wariyandikishije?

Ukeneye kwiyandikisha niba:

- Umunyeshuri wawe ntiyigeze yiga ku kigo cy'amashuri cyo muri JCPS.

Uko wakwiyandikisha

- Kuri interineti
- Ku kigo cy'amashuri abanza cyo muri JCPS icyo ari cyo cyose
- Ku biro bishinzwe amahitamo y'ibigo by'amashuri

Inzira yo Kwiyandikisha

- Abanyeshuri bose bashya muri JCPS basabwe kwiyandikisha mu ifasi mbere y'uko basaba ishuri. Ushobora kwiyandikishiriza kuri interineti igihe cyose. Abanyeshuri basanzwe biga mu Mashuri y'incuke ya JCPS ntabwo basabwa kongera kwiyandikisha.
- Abanyeshuri bagomba kuba batuye mu ntara ya Jefferson kugira ngo biyandikishe. Mu gihe imiryango yimutse, vugisha Ibiro bishinzwe amahitamo y'ibigo by'amashuri kuri **(502) 485-6250**.
- Ushobora kwandikisha umunyeshuri wawe ku ishuri hatitawe kuri sitati y'ubwimukira cyangwa aho ataha hadahinduka, hahoraho kandi haboneye. Ukeneye ibindi bisobanuro, wahamagara Ibiro bishinzwe Kubona ibikenewe no guhabwa amahirwe kuri **(502) 485-3650**.

Amatariki yo Kuzirikana

Gusaba bizatangira:
Ku wa 2 Ugushyingo, 2026
Gusaba bizarangira:
Ku wa 18 Ukuboza, 2026
Imenyesha ryo kwemererwa:
Mata 2027

Nyuma yo Kwiyandikisha

Nyuma yo kwiyandikisha, JCPS izagenzura amakuru watanze maze ikohererereze imeyili igusaba kuzuza ubusabe bwawe, ibi bishobora gufata iminsi ibiri y'akazi. Abanyeshuri bo mu mashuri y'incuke n'abanyeshuri bashya muri JCPS bashobora gusaba ibigo by'amashuri biri muri zone yabo. Kugira ngo umenye ishuri wagenewe hashingiwe ku hantu utuye, hamagara Sisitemu z'Amakuru y'Imiterere y'Ahantu (GIS) kuri **(502) 485-3050** cyangwa ukoreshe igikoresho cyo gushakisha kuri interineti kuri **JCPS SchoolFinder**. (Reba kuri paji ya 4 kugira ngo usikane kode ya QR.)

Gusaba

Inzira yo Gusaba

Ibintu by'ingenzi byo kwitondera: Ni ngombwa kugaragaza igihe ntarengwa cyo gutanga ubusabe ku gihe. Twakira ubusabe butanzwe nyuma y'igihe ntarengwa, ariko imyanya ku ishuri cyangwa amashuri wahisemo ishobora kuba mike bitewe n'umubare w'abanyeshuri ayo mashuri ashobora kwakira.

Abanyeshuri biga mu mashuri abanza bose buzuza ubusabe basabwe gukurikiranya ibigo basaba bashingiye ku buryo bayifuza mo. Mu gihe uba muri Zone y'Ibigo Bitoranywa, ugomba kubanziriza ku mahitamo y'ibigo by'amashuri byo hafi y'aho utuye cyangwa ibiri kure y'aho utuye mbere yo kubikurikiranya uko ubyifuza. JCPS yemerera abana bavukana kwiga ku bigo bimwe muri zone y'ibigo by'amashuri abanza. Ifasi kandi na yo iha agaciro amahitamo y'ababyeyi, aderesi yo mu rugo h'umwana, n'abanyeshuri bakomoka mu bihugu bitandukanye mu gihe cyo guha abanyeshuri ibigo. Bitewe n'ingorane z'ubushobozi, imiryango yose yatanze ubusabe ntabwo ishobora guhabwa amahitamo yabo ya mbere.



Amakuru Ajyanye no Gusaba Amashuri Yihariye

- Buri munyeshuri ashobora gutanga ubusabe bumwe gusa buri mwaka, muri ubwo busabe, umuryango ushobora guhitamo amashuri yihariye agera kuri abiri.
- Kohereza ubusabe bwo kwiga mu ishuri ryihariye ntibyemeza ko umunyeshuri azemererwa kwiga muri iryo shuri kandi gutanga amakuru atari yo bizatuma ubusabe bwangwa.
- Urutonde rw'abategereje ntirwimurirwa mu mwaka ukurikiraho
- Ubusabe bwo kwiga mu mashuri yihariye bushobora guhindurwa gusa mu gihe gisanzwe cyo gutanga ubusabe.
- Kuba abasaba bafite abo bavukana biga cyangwa bize ku kigo cy'icyitegererezo ntibibaha amahirwe mu buryo bw'ubusabe, ariko abavukana ari impanga (babiri, batatu n'abandi) bafatwa nk'ubusabe bumwe. Ariko, ababyeyi bagomba gutanga ubusabe butandukanye kuri buri munyeshuri.

Ugomba gusaba niba:

- Umunyeshuri wawe ntiyigeze yiga ku kigo cy'amashuri cyo muri JCPS.
- Umunyeshuri wawe atangiye ishuri ry'inshuke.
- Umunyeshuri wawe ahinduye aderese.
- Umunyeshuri wawe ari gusaba ishuri ryihariye cyangwa porogaramu zihariye.

Uko Wasaba

Imiryango ishishikarizwa gusabira kuri **interineti** (sikana kode ya QR) ariko n'uburyo bwo kwijyanira ubusabe burahari.

Ushobora kwijyanira ubusabe aha hakurikira:

- Ku biro bya JCPS bishinzwe amahitamo y'ibigo by'amashuri: 4309 Bishop Lane, Louisville, KY 40218
- Aho ishuri rihereye hose

Saba none aha

Zone z'Ibigo by'Amashuri Abanza

Iby'Ukuri by'Ibanze Ugomba gutanga ubusabe umaze kurangiza kwiyandikisha.

Zone ni ki?


Zone ni itsinda rigizwe n'ibigo by'amashuri abanza bya JCPS kuva kuri bitatu kugeza ku munani bihereye mu gace kamwe bishamikiye ku kigo cy'amashuri yisumbuye cya JCPS kimwe. Ibi bizagufasha gutahura neza inzira y'uburezi y'umwana wawe. JCPS ikwizeza umwanya w'umwana wawe muri kimwe mu bigo by'amashuri biri muri zone ye, hashingiwe kuri aderesi yo mu rugo umwana wawe abamo.


Abanyeshuri bagiye mu mashuri y'incuke, abanyeshuri bashya muri JCPS cyangwa abanyeshuri bahinduye aderesi bagomba kuzuza ubusabe.

Abanyeshuri bose bashobora kandi gusaba kwiga mu mashuri yihariye, muri gahunda z'amashuri zihariye no kwimukira ku yandi mashuri.

Zone z'Ibigo by'Amashuri Abanza

- Zone ya Atherton
- Zone ya Ballard
- Zone ya Doss
- Zone y'Uburasirazuba
- Zone ya Fairdale
- Zone ya Fern Creek
- Zone ya Iroquois
- Zone ya Jeffersontown
- Zone ya Moore
- Zone ya Pleasure Ridge Park
- Zone ya Seneca
- Zone y'Amajyepfo
- Zone ya Valley
- Zone ya Waggener





● Ibigo by'Amashuri Abanza Biri Hafi y'Aho Abanyeshuri Bataha

☐ Zone y'Ibigo Bitoranywa

Inshamake y'Ibigo by'Amashuri Abanza

Zone y'Amashuri abanza ya Atherton

Bloom Elementary 18
Camp Taylor Elementary 19
Shelby Academy 19

Ballard Elementary Zone

Chancey Elementary 20
Dunn Elementary 21
Norton Commons Elementary 21
Norton Elementary 22
Portland Elementary 22
Wilder Elementary 23

Zone y'Ikigo cy'amashuri abanza cya Doss

Crums Lane Elementary 24
Kenwood Elementary 25
Layne Elementary 25
Maupin Elementary 26
Stonestreet Elementary 26
Trunnell Elementary 27

Zone y'Ikigo cy'Amashuri Abanza yo mu Burasirazuba

Atkinson Academy 28
Bowen Elementary 29
Byck Elementary 29
Hite Elementary 30
Lowe Elementary 30
Middletown Elementary 31
Stopher Elementary 31

Zone y'Ikigo cy'amashuri abanza cya Fairdale

Auburndale Elementary 32
Coral Ridge Elementary 33
Fairdale Elementary 33
Minors Lane Elementary 34

Zone y'Ikigo cy'Amashuri Abanza cya Fern Creek

Bates Elementary 35
Fern Creek Elementary 36
Price Elementary 36
Wheeler Elementary 37
Wilt Elementary 37

Zone y'Ikigo cy'Amashuri Abanza cya Iroquois

Cane Run Elementary 38
Frayser Elementary 39
Gutermuth Elementary 39
Hazelwood Elementary 40
Jacob Elementary 40
Mill Creek Elementary 41
Rutherford Elementary 41
Semple Elementary 42

Zone y'Ikigo cy'Amashuri Abanza cya Jeffersontown

Cochrane Elementary 43
Farmer Elementary 44
Jeffersontown Elementary 44
Perry Elementary 45
Tully Elementary 45
Watterson Elementary 46

Ibigo by'amashuri byatondetswe hakurikijwe itonde ry'inyuguti ibanza ry'izina rikuru
Urutonde rw'ibigo by'amashuri rushingiye kuri zone

Zone ya Moore Elementary

Hartstern Elementary 47
Luhr Elementary 48
Smyrna Elementary 48

Zone ya Pleasure Ridge Park Elementary

Eisenhower Elementary 49
Greenwood Elementary 50
Kerrick Elementary 50
Sanders Elementary 51
Shacklette Elementary 52
Wellington Elementary 53
Wilkerson Elementary 53

Zone y'Ikigo cy'Amashuri Abanza cya Seneca

Cochran Elementary 54
Goldsmith Elementary 55
Indian Trail Elementary 55
Klondike Lane Elementary 56
McFerran Preparatory Academy . . 56
Whitney Young Elementary muri Engelhard 57

Zone y'Ikigo cy'amashuri abanza cya Southern

Blake Elementary 58
Blue Lick Elementary 59
Laukhuf Elementary 59
Okolona Elementary 60
Rangeland Elementary 60
Slaughter Elementary 61

Zone ya Valley Elementary

Dixie Elementary 62
Johnsontown Rd. Elementary 63
Kennedy, J.F., Elementary 63
Medora Elementary 64

Zone ya Waggener Elementary

Breckinridge-Franklin Elementary . 65
Chenoweth Elementary 66
Field Elementary 66
Kennedy, Alex R., Elementary 67
St. Matthews Elementary 67

Amashuri Yihariye

Audubon Traditional Elementary . . 69
Brandeis Elementary 70
Brown, J. Graham, School 70
Carter Traditional Elementary 71
Coleridge-Taylor Montessori Elementary 71
Foster Traditional Academy 72
Greathouse Shryock Traditional Elementary 72
Hawthorne Elementary 73
Lincoln Elementary Performing Arts School 73
Schaffner Traditional Elementary . 75

Ibigo by'amashuri byatondetswe hakurikijwe itonde ry'inyuguti ibanza ry'izina rikuru
Urutonde rw'ibigo by'amashuri rushingiye kuri zone

Inshamake y'Ibigo by'Amashuri Abanza

Atkinson Academy 28
Auburndale Elementary 32
Audubon Traditional Elementary . . 69
Bates Elementary 35
Blake Elementary 58
Bloom Elementary 18
Blue Lick Elementary 59
Bowen Elementary 29
Brandeis Elementary 70
Breckinridge-Franklin Elementary . 65
Brown, J. Graham, School 70
Byck Elementary 29
Camp Taylor Elementary 19
Cane Run Elementary 38
Carter Traditional Elementary 71
Chancey Elementary 20
Chenoweth Elementary 66
Cochran Elementary 54
Cochrane Elementary 43
Coleridge-Taylor Montessori Elementary 71
Coral Ridge Elementary 33
Crums Lane Elementary 24
Dixie Elementary 62
Dunn Elementary 21
Eisenhower Elementary 49
Fairdale Elementary 33
Farmer Elementary 44
Fern Creek Elementary 36
Field Elementary 66
Foster Traditional Academy 72
Frayser Elementary 39
Goldsmith Elementary 55
Greathouse Shryock Traditional Elementary 72
Greenwood Elementary 50
Gutermuth Elementary 39
Hartstern Elementary 47
Hawthorne Elementary 73
Hazelwood Elementary 40
Hite Elementary 30
Indian Trail Elementary 55
Jacob Elementary 40
Jeffersontown Elementary 44
Johnsontown Road Elementary . . . 63
Kennedy, Alex R., Elementary 67
Kennedy, J.F., Elementary 63
Kenwood Elementary 25
Kerrick Elementary 50
Klondike Lane Elementary 56
Laukhuf Elementary 59
Layne Elementary 25
Lincoln Elementary Performing Arts School 73
Lowe Elementary 30

Ibigo by'amashuri byatondetswe hakurikijwe itonde ry'inyuguti ibanza ry'izina rikuru


Luhr Elementary 48
Maupin Elementary 26
McFerran Preparatory Academy . . 56
Medora Elementary 64
Middletown Elementary 31
Mill Creek Elementary 41
Minors Lane Elementary 34
Norton Commons Elementary 21
Norton Elementary 22
Okolona Elementary 60
Perry Elementary 45
Portland Elementary 22
Price Elementary 36
Rangeland Elementary 60
Rutherford Elementary 41
Sanders Elementary 51
Schaffner Traditional Elementary . 75
Semple Elementary 42
Shacklette Elementary 52
Shelby Academy 19
Slaughter Elementary 61
Smyrna Elementary 48
St. Matthews Elementary 67
Stonestreet Elementary 26
Stopher Elementary 31
Trunnell Elementary 27
Tully Elementary 45
Watterson Elementary 46
Wellington Elementary 53
Wheeler Elementary 37
Wilder Elementary 23
Wilkerson Elementary 53
Wilt Elementary 37
Young, Whitney, Elementary
muri Engelhard 57

Ibigo by'amashuri byatondetswe hakurikijwe ito ry'inyuguti ibanza ry'izina rikuru

Zone y'Ibigo Bitoranywa

Abanyeshuri batuye muri Zone y'Ibigo Bitoranywa (igaragazwa n'umurongo w'umukara) bashobora guhitamo kwiga ku ishuri ribanza bagenewe riri hafi y'aho batuye cyangwa ku rindi shuri bagenewe riri kure.

Abanyeshuri b'inshuke bashya, abanyeshuri bashya muri JCPS, cyangwa abanyeshuri bahinduye aderesi muri Zone y'Ibigo Bitoranywa basabwe kuzuza ubusabe bw'ibigo bibegereye cyangwa biri kure y'aho bataha. Abanyeshuri bose kandi basaba ibigo by'icyitegererezo cyangwa gahunda ziharie n'abahindura ibigo bigagaho batanga ubusabe.



Academy @ Shawnee High

Academy @ Shawnee Middle

Hudson

Ihuriro rya 1

Kennedy, J.F., Elementary
Maupin Elementary

Ihuriro rya 1t

Cochran Elementary
Engelhard Elementary
McFerran Preparatory Academy
Perry Elementary

Ihuriro rya 3

Atkinson Academy
Breckinridge-Franklin Elementary
Byck Elementary
Portland Elementary

Hafi y'Aho Mutuye	Kure y'aho Mutuye
Zone ya Atherton	
• Atkinson • Breck-Frank • Byck • Portland	• Bloom • Camp Taylor • Shelby
Zone ya Ballard	
• Atkinson • Breck-Frank • Byck • Portland	• Chancey • Dunn • Norton Commons • Norton • Wilder
Zone ya Doss	
• Kennedy • Maupin	• Crums Lane • Kenwood • Layne • Stonestreet • Trunnell
Zone y'Uburasirazuba	
• Atkinson • Breck-Frank • Byck • Portland	• Bowen • Hite • Lowe • Middletown • Stopher
Zone ya Fairdale	
• Kennedy • Maupin	• Auburndale • Coral Ridge • Fairdale • Minors Lane

Hafi y'Aho Mutuye	Kure y'aho Mutuye
Zone ya Fern Creek	
• Cochran • McFerran • Perry • Whitney Young muri Engelhard	• Bates • Fern Creek • Price • Watterson • Wheeler • Wilt
Zone ya Iroquois	
• Kennedy • Maupin	• Cane Run • Frayser • Gutermuth • Hazelwood • Jacob • Mill Creek • Rutherford • Semple
Zone ya Jeffersontown	
• Cochran • McFerran • Perry • Whitney Young muri Engelhard	• Cochrane • Farmer • Jeffersontown • Tully • Watterson
Zone ya Moore	
• Cochran • McFerran • Perry • Whitney Young muri Engelhard	• Hartstern • Luhr • Price • Smryna
Zone ya Pleasure Ridge Park	
• Kennedy • Maupin	• Eisenhower • Greenwood • Kerrick • Sanders • Shacklette • Wellington • Wilkerson

Hafi y'Aho Mutuye	Kure y'aho Mutuye
Zone ya Seneca	
• Cochran • McFerran • Perry • Whitney Young muri Engelhard	• Goldsmith • Indian Trail • Klondike Lane • Camp Taylor
Zone y'Amajyepfo	
• Cochran • McFerran • Perry • Whitney Young muri Engelhard	• Blake • Blue Lick • Laukhuf • Minors Lane • Okolona • Rangeland • Slaughter
Zone ya Valley	
• Kennedy • Maupin	• Dixie • Johnsontown Road • Medora
Zone ya Waggener	
• Atkinson • Breck-Frank • Byck • Portland	• Chenoweth • Dunn • Field • Alex R. Kennedy • St. Matthews

Amashuri Abanyeshuri Bakunze Kuva muri Rimwe Bajya mu Rindi Rikurikira

JCPS yateguye Ibigo 15 Abanyeshuri Bemerewe Gukomerezaho Amasomo byemerera ababyeyi kubona ikigo cy'amashuri abanza, icyiciro cya mbere cy'ayisumbuye n'icyiciro cya kabiri cy'ayisumbuye umunyeshuri wabo azigaho hashingiwe kuri aderesi y'aho batuye.

Amajanisha ahagarariye igice cy'abanyeshuri bakomoka mu bihugu bitandukanye baziga ku kigo cy'amashuri yisumbuye cyagaragajwe.

Ihuriro rya 1

Doss High

- 52% — Stuart Middle
- Crums Lane Elementary
- Kenwood Elementary
- Layne Elementary
- Maupin Elementary
- Stonestreet Elementary
- Trunnell Elementary

Valley High

- 48% — Stuart Middle
- Dixie Elementary
- Johnsontown Rd. Elementary
- J.F. Kennedy Elementary
- Medora Elementary

Fairdale High

- 100% — Lassiter Middle
- Auburndale Elementary
- Coral Ridge Elementary
- Fairdale Elementary
- Minors Lane Elementary

Pleasure Ridge Park High

- 100% — Conway Middle
- 100% — Farnsley Middle
- Eisenhower Elementary
- Greenwood Elementary
- Kerrick Elementary
- Sanders Elementary
- Shacklette Elementary
- Wellington Elementary
- Wilkerson Elementary

Iroquois High

- 45% — Meyzeek Middle
- 100% — Olmsted Academy North/South
- Cane Run Elementary
- Frayser Elementary
- Gutermuth Elementary
- Hazelwood Elementary
- Jacob Elementary
- Mill Creek Elementary
- Rutherford Elementary
- Semple Elementary

Amahitamo y'Ibigo by'Amashuri mu Gace k'Amahitamo

J.F. Kennedy Elementary | Maupin Elementary

Ihuriro rya 2



*Yerekana ishuri ryunganira ako gace

Amahitamo y'Ibigo by'Amashuri mu Gace k'Amahitamo

Cochran Elementary | Whitney Young muri Engelhard | McFerran Preparatory Academy | Perry Elementary

Ihuriro rya 3

Atherton High

55% —
Meyzeek Middle
100% —
Highland Middle
Bloom Elementary
Camp Taylor Elementary
Shelby Academy

Ballard High

100% —
Kammerer Middle
Chancey Elementary
Dunn Elementary
Norton Commons Elementary
Norton Elementary
Portland Elementary
Wilder Elementary

Academy @ Shawnee High

100% —
Hudson Middle
100% —
Academy @ Shawnee Middle

Ihuriro rya 1

Maupin Elementary
J.F. Kennedy Elementary

Ihuriro rya 2

Cochran Elementary
Whitney Young muri Engelhard
McFerran Preparatory Academy
Perry Elementary

Ihuriro rya 3

Atkinson Academy
Breckinridge-Franklin Elementary
Byck Elementary
Portland Elementary

Eastern High

100% —
Crosby Middle
53% —
Echo Trail Middle
Atkinson Academy
Bowen Elementary
Byck Elementary
Hite Elementary
Lowe Elementary
Middletown Elementary
Stopher Elementary

Waggener High

100% —
Westport Middle
Alex R. Kennedy Elementary
Breckinridge-Franklin Elementary
Chenoweth Elementary
Field Elementary
St. Matthews Elementary
Dunn Elementary*


*Yerekana ishuri ryunganira ako gace

Amahitamo y'Ibigo by'Amashuri mu Gace k'Amahitamo

Atkinson Academy
Breckinridge-Franklin Elementary
Byck Elementary
Portland Elementary

Zone ya Atherton

- Ibigo by'Amashuri Abanza Biri Hafi y'Aho Abanyeshuri Bataha
- Ibigo by'Amashuri Abanza biri muri Zone y'Ibigo Bitoranywa biri mu Ihuriro
- Zone y'Ibigo Bitoranywa



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Bloom Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 514
Telefoni: (502) 485-8211
Aderesi: 1627 Lucia Avenue, Louisville, KY 40204
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/bloom-elementary

Mu kigo cy'amashuri abanza cya Bloom, dutanga amasomo yerekeye ubuzima hagamijwe ko abanyeshuri bagera ku ntego zabo. Icyerekezo cyacu ni ukuba aba mbere ku isi mu gutegura umunyeshuri ku giti cye. Umuryango mugari wa Bloom ushishikariza abanyeshuri gukunda kwiga no guha agaciro akamaro k'uburezi ubinyujije mu buryo buboneye bwo kugera ku gasongero k'ubumenyi.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Gifite abarimu b'umuziki, bategura intekerezo, siporo (PE), Icyesipanyoro, Isomero, Ubugeni n'ubuvanganzo, ndetse n'ab'Ikoranabuhanga bahoraho.
- Gitanga gahunda za nyuma y'amasomo, harimo umukino wa chess(dame), basketball (basiketi), cheerleading, karubu z'itangazamakuru, Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga y'Abanyeshuri (STLP), n'Itsinda rishinzwe Amasomo
- Ifite ubusitani bw'ikigo bwatsindiye igihembo kiri mu kwigishiriza mu cyumba cy'ishuri na gahunda izwi ku rwego rw'igihugu ya Food is Elementary Program (Ibyo Kurya ni iby'Ibanze) ku banyeshuri bo mu mwaka wa mbere
- Uruhare rw'Ihuriro ry'ababyeyi n'abarimu (PTA) n'ishuri rikomeye n'ubufasha bw'umuryango mugari

Camp Taylor Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 390
Telefoni: (502) 485-8222
Aderesi: 1446 Belmar Drive, Louisville, KY 40213
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/camp-taylor-elementary

Ikigo cy'amashuri abanza cya Camp Taylor gishishikajwe no gufasha abanyeshuri bose kugira ubumenyi buhambaye mu masomo. Intego yacu ni uguha uburezi abanyeshuri dukomeza gutahura ibikenewe byihariye, gutegura gahunda zitandukanyem no gukora ibikwiriye kugira hizerwe neza ko abanyeshuri bose ari abantu bafitiye akamaro umuryango mugari wose.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Ritanga porogaramu zihariye zihoraho mu isomero, ubuhanzi n'ubumenyamuntu, ndetse no muri laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM)
- Rifata inkunga ya 5x5 Fund for the Arts Grant kugira abanyeshuri babashe kwitabira ibirori by'imyiyereko itegurwa n'ibigo by'ubugeni by'aho ikigo giherereye
- Serivisi zikomeye zo gufasha abanyeshuri, zirimo gahunda y'ishuri ryose y'Ubufasha n'Ingamba zo Guteza Imbere Imyitwarire Myiza (PBIS), umujyanama w'igihe cyose mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe, n'Ikigo Gishinzwe Ibikoresho n'Ubufasha bw'Imiryango (FRC)
- Ikigo kibasha kubona ibikenerwa n'abanyeshuri bose mu buryo bw'imico itandukanye
- Ikigo kandi gitanga amahirwe y'imiyoborere mu kwigisha no ku ishuri kimwe n'ibikorwa bitandukanye byo mu gihe cy'amasomo na nyuma y'amasomo, harimo umukino wa basketball, cheerleaing, karabu ya dame, guverinoma y'abanyeshuri, karabu y'ubugeni, bande, orukesitiri, Disney Musical ngarukamwaka, Girls on the Run, 4-H, Junior Achievement (JA), n'itsinda ry'ibyerekeye amarobo

Shelby Academy


Abanyeshuri Cyakira: 242
Telefoni: (502) 485-8327
Aderesi: 735 Ziegler Street, Louisville, KY 40217
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/shelby-academy

Twiyemeje gufasha abanyeshuri bacu kuba abaturage bafite inshingano kandi bashobora kwigenga. Kuri Shelby Academy, duha agaciro imico itandukanye n'imiterere ya buri wese ku giti cye binyuze mu buryo bwo gushyira ubuzima bw'abanyeshuri n'ibyo bahura na byo mu nteganyanyigisho. Shelby ishishikajwe no kwizera ko buri munyeshuri ateye imbere mu bumenyi, ubwenge n'ibindi bikenewe kugira ngo agere ku nzozi ze. Dukunda ba Sharks bacu, kandi dukora buri munsi kugira ngo twizere neza ko twese dufite icyerekezo kimwe mu nyanja twogamo!

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Turi SHARKs (Umutekano, Ingirakamaro, Inyangamugayo, Icyubahiro n'Ubwitonzi)!
- Gukorana n'Umuryango Urwanya Ivangura n'Urwango (ADL) kugira ngo ishuri ribe Ahantu Hatihanganirwa Urwango cyangwa Ivangura
- Amasomo y'Ubugeni ku banyeshuri bose b'Inshuke kugeza mu biga mu mwaka wa 5
- Uburyo bwo Kwigisha Hakoreshejwe Amahugurwa bujyanye n'ibyo buri munyeshuri akeneye
- **Amasomo yihariye:** Ubuhanzi; Isomero; Umuziki Rusange; Ubumenyi ngiro bwo mu buzima bwa buri munsi; Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubugeni n'Imibare (STEAM); Imibare, Umuziki n'Imyitozo Ngororamubiri (MMM); Imyitwarire ya SHARK; itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika na Orokesitere
- **Ibikorwa bijyanye n'integanyanyigisho:** Basketball, Kubyina no gufana amakipe, Inama y'Abanyeshuri, Gahunda yo Kurwanya Urwango n'Ivangura, Girls on the Run, Men of Quality, Gifted G.I.R.L.S., Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Girls Who Code, Amarushanwa yo Gusubiza Ibibazo Vuba, Ibitaramo by'Umuziki bya Disney, Presto Strings, Girl Scouts, Umupira w'amaguru, Itsinda ry'abavuza ingoma, Itsinda ry'ababyina bafite amabara n'ibikoresho by'amabara, Itsinda rishinzwe amakuru, na "Sunshine" Joe (Ubudozi bwo Gukora Ibishushanyo by'Ubwiza)

Zone ya Ballard



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Chancey Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 479
Telefoni: (502) 485-8387
Aderesi: 4301 Murphy Lane, Louisville, KY 40241
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/chancey-elementary

Kuri Chancey Elementary, twiyemeje gutsinda imbogamizi no gufasha buri munyeshuri gutsinda neza mu myigire. Abanyeshuri ba Chancey bazagira uruhare mu guhindura isi. Intego yacu ni ugushyigikirana, guteza imbere gukunda kwiga, no kugera ku musaruro mwiza mu myigire. Tuzaha abanyeshuri bose amahirwe yo kwiga afite ireme kandi angana, ajyanye n'ibyo buri munyeshuri akeneye. Dukora ibishoboka byose kugira ngo abanyeshuri bacu bose bagire ubumenyi n'ubushobozi bakeneye kugira ngo batsinde. Chancey ni ishuri rishyira mu bikorwa gahunda ya Leader in Me yo gufasha abanyeshuri guteza imbere ubushobozi bwo kuba abayobozi.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Duha imiryango y'abanyeshuri ikaze nk'abafatanyabikorwa mu kugera ku mwana no kumwigisha.
- Ashishikariza abanyeshuri kwiga no kugira uruhare mu myigire yabo, hitawe ku byo buri munyeshuri akunda no ku buryo bwe bwihariye bwo kwiga, binyuze mu bikorwa by'Imyigire Ishingiye ku Mishinga (Project-Based Learning, PBL).
- Ikigo kandi gifite na gahunda yo Kuzamura impano kuva ku banyeshuri b'inshuke kugeza ku mwaka wa 5
- Gitanga amasomo yihariye mu muziki, ubugeni, n'imibereho myiza, n'ikigo cy'ihanamakuru cy'ikinyejana cya 21
- Gifite kandi Uburyo bw'Inyabutatu bw'Ubufasha (MTSS) bugamije gutanga amasomo y'inyongera ku byiciro byose by'abanyeshuri kugira ngo ibyo bakeneye mu rwego rw'amasomo, imibanire n'amarangamutima bigerweho
- Gahunda Yisumbuye
- Ihuza imyigishirize n'ikoranabuhana, harimo laboratwari ya za mudasobwa, iPad, n'imashini za 1:1 Chromebooks ku banyeshuri b'inshuke kugeza mu mwaka wa 5 kugira ngo ibyo abanyeshuri bakeneye buri wese ku giti cye bigerweho
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Robotike, imikino yo mu gihugu hose, abakobwa biruka, umupira w'amaguru, Tippy Toes Ballet, Digital Media Club, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Ikoranabuhanga ry'Abanyeshuri (Student Technology Leadership Program, STLP), kuyobora abashyushyarugamba, basketball, itsinda ry'abaririmbyi, orchestre, itsinda ry'abanyeshuri, Inama y'Abanyeshuri, n'Abaskuti b'Abakobwa

Dunn Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 502
Telefoni: (502) 485-8240
Aderesi: 2010 Rudy Lane, Louisville, KY 40207
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/dunn-elementary

Dunn yibanda ku gufasha abanyeshuri guteza imbere ubushobozi bwo Gushyikirana n'Abandi Neza, Guhanga Udushya, Kwitegura no Guhangana n'Ibibazo, Gusobanukirwa Isi n'Imico Itandukanye, no Gukorana Neza n'Abandi.

Amakuru y'Ishuri

- Kunoza amajwi: Ibikoresho bikenewe biri muri buri cyumba cy'ishuri
- Ubufasha: Ikigo Gitanga Ibikoresho n'Ubufasha ku Miryango (FRC) kirahari

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Icyiciro cy'imyitwarire rusange ya 2023 ya Kentucky Summative Assessment (KSA) cyagize urwego rwa Blue -Ubururu (urwego rwo hejuru mu gihugu)
- Abanyeshuri bigishwa n'abarimu bafite ubumenyi n'ubushobozi buhanitse, barimo abarimu bane bafite impamyabushobozi yemewe n'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Ubushobozi bw'Abarimu (NBCTs), umwarimu umwe wahawe igihembo cya Hilliard Lyons-Baird Excellence Teacher, Ushinzwe Isomero ry'Ishuri w'Indashyikirwa Wamenyekanye ku rwego rwa Leta no ku rwego rw'intara, ndetse n'abarimu batatu bafite Icyemezo cyo Kwigisha Hifashishijwe Imishinga (PBL)
- Imyigire ijyanye n'ibyo buri munyeshuri akeneye n'uburambe bukomeye bwo kwiga hifashishijwe imishinga (PBL)
- Laboratwari ya Science (siyansi), Technology (ikoranabuhanga), Engineering (ubwubatsi), Arts (ubugeni) na Mathematics (imibare) - (STEAM); ubugeni n'ubumenyamuntu, Icyesipanyoro; Gahunda yo kuzamura impano mu by'ubugeni; Kongerera ubushobozi abanyempano
- Ikoranabuhanga ritandukanye rikoreshwa mu kugaragaza imyigire
- Imikoranire ikomeye y'Ihuriro ry'ababyeyi n'abarimu (PTA) n'ababyeyi n'umuryango mugari
- Gahunda ya YMCA yo Kwita no Gufasha Abana (CEP) iboneka mbere na nyuma y'amasomo (Kwiyandikisha no kumenya niba imyanya ihari bikorwa binyuze muri YMCA)
- **Amatsinda y'ibikorwa abanyeshuri bakora mu gihe cy'amasomo:** Porogaramu za robo, umukino wa Dame, Amarushanwa yo Gusubiza Ibibazo Vuba, Bricks for Kids, Basketball, umukino wa Hockey ukinirwa ku kibuga, Kubyina no gufana amakipe, Kwiruka intera ndende, Umupira w'amaguru ukinwa ufite amabendera, Kwiga gukina Tenisi, Umupira w'amaguru, Amasomo yo kubyina ya Tippi Toes, Itsinda ry'Abanyeshuri mu Masomo no Gukemura Ibibazo, Orokesitere, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, Girl Scouts, na Men of Quality

Norton Commons Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 602
Telefoni: (502) 485-8367
Aderesi: 10941 Kings Crown Drive, Prospect, KY 40059
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/norton-commons-elementary

Ku kigo cy'amashuri abanza cya Norton Commons (NCES), ni intego yacu ko abanyeshuri bose bazavamo abaturage bafata inshingano bagaragaza gukemura ibibazo ubwabo kandi bifitiye icyizere. Intego yacu ni ugutuma habaho umuryango mugari w'intangarugero ufite ubushobozi kandi uhanga udushya binyuze mu masomo, imyigire idahatirijwe, n'imibanire isobanutse.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Laboratwari Yigirwamo Byimbitse, Science (siyansi), Technology (ikoranabuhanga), Engineering (ubwubatsi), Arts (ubugeni) na Mathematics (imibare) [STEAM], n'Imyigire ishingiye ku bushakashatsi [PBL], umuziki, ubugeni, na siporo (PE)
- Harimo uburo bwo gukora za porogaramu muri karabu nka kimwe mu bigize Gahunda y'Amosomo Yihariye, bifasha abanyeshuri kwitabira ibikorwa bya nyuma y'amasomo mu bice by'amasomo ari mu nteganyanyigisho akenewe cyane kurusha ayandi
- Ubufatanye bukomeye n'ababyeyi ndetse n'umuryango mugari mu gufasha abanyeshuri gutsinda neza, harimo n'Ishyirahamwe rikora cyane ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA)
- **Ibikorwa by'abanyeshuri (bihinduka buri mwaka bitewe n'ibishishikaje umunyeshuri):** Itsinda ry'ibijyanye na robo (K–5), Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Itsinda ry'umukino wa Dame, Itsinda ry'Amasomo, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, basketball y'ababungu n'abakobwa, kubyina no gufana amakipe, Beta Club, no kwiruka intera ndende
- Ishyigikira iterambere ry'umwana muri rusange binyuze mu bufatanye na Norton Commons YMCA, itegurira abanyeshuri, abakozi n'imiryango gahunda zitandukanye, zirimo amasomo y'umupira w'amaguru, amasomo yo kwirinda impanuka zo mu mazi ku banyeshuri bo mu mwaka wa kabiri, amasomo ya pickleball, amasomo ya volleyball, ndetse n'Itsinda rya Girls Who Code
- **Kwiga binyuze mu gufasha abandi no kugira uruhare mu iterambere ry'umuryango:** Abanyeshuri bo mu byiciro byose by'amashuri bitabira imishinga yo gufasha umuryango isozwa n'ingendoshuri zidasanzwe z'abanyeshuri bo mu mwaka wa kane n'uwa gatanu. Ibi bikorwa abanyeshuri bakoramo ubwabo bibafasha gufasha no gukorana n'abafatanyabikorwa bo mu muryango mugari, binabafasha kuba Abaturage Bafite Inshingano kandi Basobanukiwe Isi n'Imico Itandukanye.

Norton Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 721
Telefoni: (502) 485-8308
Aderesi: 8101 Brownsboro Road, Louisville, KY 40241
Urubuga: www.nortonelementary.com

Mu Ikigo cy'amashuri abanza cya Norton ni ho abanyeshuri bose biga ku kigero cyo hejuru. Nta marengayobora tugira! Nta byo gusaba imbabazo!

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Ikigo cyahawe igihemo cy'ikigo cyatsinze kurusha ibindi mu gihugu gitangwa na Gahunda y'Igihugu y'Uburezi ya National Blue Ribbon School muri 2017
- Umuco wo kuba aba mbere mu mitsindire y'abanyeshuri mu masuzumabumenyi ya leta n'ay'ifasi
- Ibyo kwitega mu masomo hamwe n'uburezi buboneye kandi bukomeye bigenda bitandukana hashingiwe ku byo buri munyeshuri akeneye ubwe
- Ibikorwa byo kuzamura impano mu mashuri abanza ku banyeshuri batsinda kurusha abandi mu myaka yose
- Amahirwe y'imyigishirize itandukanye ku banyeshuri bo muri Gahunda yisumbuye n'iyo kuzamura impano ku banyeshuri babyemerewe bu mu mwaka wa kane n'uwa gatanu
- Igifaransa ku bana b'Inshuke kugeza mu mwaka wa gatanu (K–5), umuziki, siporo, ubugeni, na Science (siyansi), Technology (ikoranabuhanga), Engineering (ubwubatsi), Arts (ubugeni) na Mathematics (imibare) - (STEAM), na Siporo (PE)
- Ikigo cy'Ihanamakuru Giteguwe Vuba
- Iserukiramuco Ngarukamwaka ry'Umuziki n'Ubugeni, rigaragarizwamo impano z'abanyeshuri
- Ibikorwa byateguwe n'Ishyirahamwe ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA) ryahawe ibihembo

Portland Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 267
Telefoni: (502) 485-8313
Aderesi: 3410 Northwestern Parkway, Louisville, KY 40212
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/portland-elementary

Ikigo cy'amashuri abanza cya Portland ni ahantu hihariye aho abanyeshuri babonera ibijyane neza n'ibyo bakeneye byihariye bijyanye n'amarangamutima yabo, umuco ndetse n'amasomo. Twizera ko buri munyeshuri afite amahirwe yo guhatana, gutera imbere no kugera ku ntego ze hatitawe ku hantu yatangiriye.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Uburyo bw'ibyumba by'amashuri bigizwe n'abanyeshuri bake kugira go hatangwe uburyo bw'imyigire buhamya neza ku byo umunyeshuri akeneye ku giti cye.
- Ubuhanzi; imyitozo ngororamubiri (PE); isomero; Laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM); na Gahunda y'Amashuri Arangwa n'Impuhwe (CSP)/Ikinamico
- Kuyobora abanyeshuri na gahunda yo kwita ku buzima bwo mutwe binyuze mu batanga serivisi batandukanye mu muryango mugari no mu kigo cy'amashuri
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Basketball y'abakobwa n'abahungu, kubyina no gufana amakipe, amasomo yo gucuranga piyano, umupira w'amaguru, Igitaramo Ngarukamwaka cy'Impano, She Became, itsinda ry'ikinamico, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere
- Ryitabira gahunda y'inkunga ya 5x5 Fund for the Arts yo gushyigikira ubuhanzi

Wilder Elementary


Abanyeshuri Cyakira: 493
Telefoni: (502) 485-8350
Aderesi: 1913 Herr Lane, Louisville, KY 40222
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/wilder-elementary

Ikigo cy'amashuri abanza cya Wilder yatangiye gutanga uburezi bufite ireme ku banyeshur bo mu burengerazuba bwa Kawunti ya Jefferson kuva muri 1957. Abanyeshuri bacu bakomeje kujya bava ku kigo cyacu bateguye neza kandi biteguye kujya mu cyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye. Ababyeyi n'abanyeshuri bahanyuze bavuga neza cyane ibihe byiza bagiriye ku kigo cyacu. Intego ya Wilder ni uko abanyeshuri bose bagira umusingi ukomeye kugira ngo babe bateguye kuba aba mbere muri sosiyete itabura guhinduka buri munsi. Dufasha abanyeshuri bacu kugera ku gasongero k'imbaraga zabo tubaha uburezi bufite ireme, buboneye kandi bwuzuye. Na none, twigisha abana kuba abantu bafata inshingano kandi bakora uko bashoboye bakaba abambere mu byo bakora.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Itsinda ry'abanyempano na Gahunda Iteye imbere
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Kubyina no gufana amakipe, basketball, itsinda rya LEGO, itsinda ry'ubuhanzi, kwiruka intera ndende, kwiruka mu marushanwa, itsinda ry'ikinamico, itsinda ryo kubyina, ikipe n'itsinda ry'umupira w'amaguru, Itsinda ry'Amasomo, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, Boy Scouts, Girl Scouts, Inama y'Abanyeshuri, na Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP)
- Ibikorwa bya buri kwezi byateguwe n'Ishyirahamwe ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA) ryahawe ibihembo; Ubuhanzi; umuziki; ururimi rw'Ikilatini; Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM); ururimi rw'Icyesipanyoli; orokesitere; itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika; imyitozo ngororamubiri (PE); n'ibikorwa byo gukoresha isomero n'ibitangazamakuru
- Gahunda yo guteza imbere umwana (CEP) ya YMCA igamije kwita ku mwana mbere na nyuma yo gusoza amashuri
- **Intero:** "Abanyeshuri ba Wilder Wildcats Buri Gihe Bakora Ibishoboka Byose!"

Zone ya Doss



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Crums Lane Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 522
Telefoni: (502) 485-8236
Aderesi: 3212 S. Crums Lane, Louisville, KY 40216
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/crums-lane-elementary

Intego: Gutegura no gushyigikira buri munyeshuri, Crums Lane Elementary izashyiraho intego zisaba abanyeshuri gukora neza, ribafashe kugira uruhare mu myigire ifite akamaro, ryubahe itandukaniro ryabo, kandi ribafashe kugira imico myiza kandi ikomeye.

Icyerekezo: Icyerekezo cya Crums Lane Elementary ni ugufasha buri munyeshuri kuba umuntu mwiza kandi ushoboye kurusha uko yari asanzwe, mu muryango w'ishuri wakira buri wese kandi urangwa n'impuhwe.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Amasomo atangirwa mu matsinda mato yerekeye gusoma n'imibare
- **Ubufasha mu myigire:** Umwarimu ufasha abanyeshuri kunoza imibare n'umwarimu ufasha abanyeshuri kunoza gusoma
- **Ubufasha mu mibereho n'amarangamutima:** Gahunda yo guhemba abanyeshuri kubera Ubufasha n'Ingamba zo Guteza Imbere Imyitwarire Myiza (PBIS), amasomo ya buri munsi yo Guteza Imbere Imico Myiza, n'amasomo yo Kubayobora atangwa n'umujyanama w'ishuri wahuguriwe gukora uwo murimo
- **Amasomo yihariye:** Isomero, Ubuhanzi, imyitozo ngororamubiri (PE), Aho Batorezwa Kugira Impuhwe, Laboratwari y'Imyigire y'Imibereho n'Amarangamutima (SEL), na Laboratwari y'Imibare
- Gikoresha abarimu b'ababanga bitabira amasomo ya kinyamwuga atangwa buri cyumweru (PLCs) kugira ngo hagaragazwe uburyo hagerwa ku byo buri munyeshuri akeneye;
- Ritanga Aho Bigira Imibereho n'Amarangamutima (SEL) n'Impuhwe, aho abanyeshuri biga gucunga amarangamutima yabo, kugenzura uruhurirane rw'imyitwarire, no kwitwara neza mu gihe bahuye n'ibibazo
- Ritanga Laboratwari y'Imibare ifasha abanyeshuri kwiga no gusubiramo amasomo y'imibare mbere na nyuma y'amasomo asanzwe
- **Ibikorwa bigirwamo uruhare n'imiryango:** Ijoro ry'umuryango rikorwa buri gihe, amafunguro ya saa sita ahuza imiryango, ibikorwa byihariye byo kwizihiza iminsi mikuru, imurikabikorwa ry'ibyo abanyeshuri bize, n'ibindi bikorwa byinshi
- **Ibikorwa bigirwamo uruhare n'abanyeshuri:** Umupira w'amaguru ukinwa ufite amabendera, kubyina no gufana amakipe, kubyina imbyino za, volleyball, basketball, umupira w'amaguru, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, Inama y'Abanyeshuri, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Zumba, BMEN, Talented Minds, Bricks 4 Kidz, na Beautiful As You Are (BAYA)



Kenwood Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 580
Telefoni: (502) 485-8283
Aderesi: 7420 Justan Avenue, Louisville, KY 40214
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/kenwood-elementary

Icyerekezo: Kurera no kwigisha umwana wese no gutegurira buri munyeshuri kuba umunyeshuri ushikamye hategurwa imyumvire yo kuba aho ugomba kuba n'imibereho myiza. Abanyeshuri bazava mu kigo cy'amashuri abanza cya Kenwood ari abaturage biteguye guhangana ku rwego rw'isi no mu byerekeye umuco.

Intego: Ikigo cy'amashuri abanza cya Kenwood ni ikigo kirangwa n'impuhwe, gitekanye, kitabamo guheza kandi giharanira kwigisha umwana wese ari na ko giteza imbere imyitwarire myiza, kugira inshingano no gutsinda mu myigire kuri buri munyeshuri. Abanyeshuri bo muri Kenwood bagomba kurangwa n'ubunyangamugayo, guhanahana amakuru mu buryo bukwiye no gutekereza kure/gukemura ibibazo. Ikigo cy'amashuri abanza cya Kenwood kizahora kiri mu bigo byifuzwa kurusha ibindi muri Kentucky ku banyeshuri, ababyeyi n'abakozi.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Kizwi nk'ikigo gitanga uburezi bw'Ibanze n'Ubwisumbuye (ESEA) Kigamo ibitsina byombi, Cyahwe icyemezo cyo gukorana neza n'imiryango kandi kikaba Ikigo Kitarangwamo Urwango
- Amabwiriza yerekeye ku muco atangwa binyuze mu kumurika ibikorwa kugira ngo bamenye neza ko imyigire y'umuntu ku giti cye ijyanye n'ibyo abanyeshuri bakeneye hibandwa ku buringanire no kudaheza
- Kizwi n'ikigo kirangwamo imyifatire myiza ku rwego rw'igihugu
- Gitanga amasomo yo ku Rwego rwo Hejuru
- Gikoresha abarimu b'abahanga bitabira amasomo ya kinyamwuga atangwa buri cyumweru (PLCs) kugira ngo Hategurwe uburyo bwo kuzuza ibyo buri munyeshuri akeneye, abenshi muri bo bafite impamyabushobozi yemewe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubushobozi bw'Abarimu (NBCTs)
- Gitanga gahunda y'amasomo y'ubugeni n'umuziki bikuyemo amabwiriza mu muziki, imbyino, ikinamico n'ubugeni
- Gitanga amasomo ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubumenyi mu by'Ubwubatsi n'Inzu y'ubushakashatsi y'Imibare (STEM) bikubiyemo amabwiriza yo gutekereza byimbitse, gukemura ibibazo, amarobo, ubumenyi mu by'ubwubatsi no gutegura za porogaramu
- Gitanga ibikorwa bitandukanye mu buryo bwagutse n'amatsinda afasha abanyeshuri gusuzuma ibibashishikaza bitandukanye n'ibyo bifuza kuzakora
- Cyubatswe nk'Ikigo kizirana n'ihahamuka
- Umuhuza w'umuryango, umuhuza w'umuryango mugari, umuforomo ukora umunsi wose n'umuhuzabikorwa w'Ikigo gitanga ibikoresho ku muryango [Family Resource Center (FRC)] kugira ngo habeho gufatanya n'imiryango kugera ku byo umwana wese akeneye



Layne Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 470
Telefoni: (502) 485-8290
Aderesi: 9831 East Avenue, Louisville, KY 40272
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/layne-elementary

Ku kigo cy'amashuri abanza cya Layne, twizera ko buri munyeshuri ashobora kwiga ku rwego rwo hejuru. Abakozi ba Layne bemera inshingano zo kwigisha abanyeshuri bose kugira ngo bakoreshe ubushobozi bwose bifitemo mu burezi. Kuri Layne, buri munyeshuri wese ahabwa agaciro nk'umuntu ku giti cye kandi agashishikarizwa gufatanya n'abandi no kububaha. Sisitemu ya Layne House iteza imbere imyubakire y'ikigo gikomeye mu muryango mugari ahategurwa imibanire y'igihe kirekire n'abafatanyabikorwa bose, atari abarimu n'abanyeshuri gusa. Abanyeshuri bahabwa ubumenyi bw'ubuzima bwose nko kugera ku byo biyemeje, umuhati, kwiha intego, ubunyangamugayo no kwitega ibyiza ari na ko babigeza ku muryango mugari ku rwego rw'igihugu no ku isi hose binyuze muri serivisi z'imishinga itegurwa mu mwaka wose.

Abanyeshuri ba Layne barashoboye kandi bazatsinda!

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Buri kwezi habaho inama z'abanyeshuri b'ishuri ryose zo gushimira abanyeshuri ku byo bagezeho no gufasha buri munyeshuri kumva ko ari umwe mu bagize ishuri
- **Amahirwe abanyeshuri bafite yo kuba abayobozi:** Inama y'Abanyeshuri, gucunga umutekano, Karabu y'isuku na Karabu ya Junior Beta yo ku rwego rw'Igihugu
- Gahunda Yisumbuye
- Gahunda y'Amatsinda y'Abanyeshuri yigisha ubunyangamugayo, ubutwari, kwiyemeza, kugira icyizere, no kugera ku ntego
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Volleyball, basketball, umupira w'amaguru, kubyina no gufana amakipe, kubyina, dame, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Itsinda ry'Ubuhanzi, Itsinda ry'Abakunda Gusoma Ibitabo, n'Itsinda ry'Amasomo

Maupin Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 383
Telefoni: (502) 485-8310
Aderesi: 1312 Catalpa Street, Louisville, KY 40211
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/maupin-elementary

Intego yacu ni ukubaka umuryango mugari dufatanyije n'abanyeshuri mu byerekeye imyigire itera amatsiko mu by'ubumenyi, kugira impuhwe no kwigirira icyizere.

Dufite intego yo kurema no kubungabunga umuryango mugari w'abanyeshuri bifitiye ikizere cyo kunguka ubumenyi bwo ku rwego rwo hejuru, bafite umutima mwiza wo gufasha abandi n'ubushobozi bwo gukora icyinyuranyo aho batuye, aho bakora n'aho bakinira. Ikigo cy'amashuri abanza cya Maupin igizwe n'umuryango mugari ushingiye ku miryango, kandi buri munyeshuri yitabwaho bitewe n'ibyo akeneye. Binyuze mu bufatanye n'abakozi, ababyeyi n'umuryango mugari, dukora uko dushoboye kugira ngo buri munyeshuri agere kure hashoboka.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Buri munsi abanyeshuri babona ibikoresho by'ikoranabuhanga, birimo Chromebook, ibyuma byerekana amashusho bikorwaho, n'ibikoresho bifasha kumva neza amajwi
- Kwifashisha ubushakashatsi mu myigire (EL) n'ibikoresho byifashishwa mu Mibare (IM) kugira ngo tumenye neza ko abanyeshuri bose bakomeza gutera imbere
- Kwibanda ku gushyiraho gahunda z'ubumenyi bushingiye ku matsinda
- Gahunda y'Ubufasha mu Nzego Zinyuranye (MTSS) ifasha kurushaho guhaza ibyo abanyeshuri bakeneye mu myigire, mu mibereho n'imibanire n'abandi, no mu micungire y'amarangamutima
- **Amasomo yihariye:** Ubuhanzi, ibikoresho n'ibikorwa byo mu isomero, imyitozo ngororamubiri (PE), n'umuziki
- Guteza imbere ubushobozi bwo kubana n'abandi no gucunga amarangamutima binyuze muri gahunda ya Character Strong, ubujyanama, n'ibikorwa byo guhuza abanyeshuri n'abandi
- Gushishikariza umunyeshuri kugira uruhare no kwitabira binyuze mu bindi bikorwa by'abanyeshuri bitandukanye bitari ku nteganyanyigisho, harimo amahirwe yo gutera imbere, siporo no kwiga byimbitse
- Ikigo Gifasha Imiryango (FRC) gitanga ibiribwa n'ubundi bufasha ku miryango
- Ubufasha mu buvuzi/ubuvuzi bw'amenyo buhabwa abanyeshuri, imiryango n'abakozi
- Seven Counties, Bluegrass, umukozi w'igihe cyose wemewe mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe, n'umujyanama w'ishuri barahari kugira ngo bafashe abanyeshuri

Stonestreet Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 514
Telefoni: (502) 485-8333
Aderesi: 10007 Stonestreet Road, Louisville, KY 40272
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/stonestreet-elementary

Kuri Stonestreet, twiyemeje kuba ikigo cya mbere gitanga uburezi bw'ibanze muri JCPS dushyira mu bikorwa uburyo na tekiniki byifashishwa ku isi hose hagamijwe guteza imbere abanyeshuri bo mu kinyejana cya 21. Dutanga uburezi no kwita ku banyeshuri kugira ngo babashe kugera ku bushobozi bwuzuye bifitemo. Stonestreet ifasha abanyeshuri guteza imbere ubumenyi bubafasha gufata ibyemezo bikwiye ndetse bakaba abaturange bita ku nshingano zabo mu muryango mugari.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Itsinda ry'Imyigire, umukino w'amaboko wa volleyball, kwiruka, umukino w'amaboko wa basketball, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, umupira w'amaguru, pickleball, Itsinda ry'Ikoranabuhanga n'itsinda ry'abaririmbyi
- **Ibikorwa by'Umuryango** Imibare n'inyigisho za nijoro, kwerekana impano n'ibikorwa byihariye byo mu Mpeshyi no mu Itumba
- Ihuriro ry'Abarimu n'Ababyeyi (PTA) rikora ibikorwa
- Umushinga w'Impuhwe w'Ibigo by'Amashuri (CSP)
- Ikigo giha ubufasha imiryango (FRC) gitanga ubufasha ku banyeshuri, imiryango n'abakozi

Trunnell Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 518
Telefoni: (502) 485-8337
Aderesi: 7609 St. Andrews Church Road, Louisville, KY 40214
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/trunnell-elementary

Icyerekezo: Trunnell izaba ishuri ribanza ritanga umusaruro mwiza, aho abanyeshuri bose bazaba biteguye gukomeza amashuri y'icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye kandi biteguye kuzatsinda.


Intero: Kwitega ko Ibintu Bikorwa Neza: Kugera ku Ntego, Kwigisha, Gutsinda!

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Hari imico itandukanye, kandi havugwa indimi zirenga 15
- Kwibanda ku guteza imbere ubushobozi bwo kuyobora no kugira imico myiza binyuze muri gahunda ya Leader in Me
- **Amasomo yihariye:** Ubuhanzi, Isomero, Umuziki, imyitozo ngororamubiri (PE), n'ururimi rw'Icyesipanyoli
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Itsinda ry'Ubuhanzi, Basketball, Kubyina no gufana amakipe, Itsinda Ryita ku Bidukikije, Ubujyanama, Amarushanwa yo Gusubiza Ibibazo Vuba, Gukoresha porogaramu za robo, umupira w'amaguru, Inama y'Abanyeshuri, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), tenisi, n'izindi gahunda zihariye
- **Ibikorwa bigirwamo uruhare n'imiryango:** Ifunguro rya saa sita ry'ababyeyi b'ababyeyi b'abanyeshuri, Imurikagurisha ry'Ibitabo ry'Ishyirahamwe ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA), Ijoro ry'Ubuhanzi n'Ubugeni ry'Imiryango, Imurikabikorwa ry'ibyo Abanyeshuri Bagezeho, Umunsi Mukuru wo mu gihe cy'Urugaryi, PTA Trunk or Treat, Muffins in the Morning, Ijoro rya Level Up ry'abanyeshuri bo mu mwaka wa gatatu kugeza ku wa gatanu, Ijoro ry'Imikino ry'Imiryango, Ijoro ry'Imbyino rya PTA ryitwa Tiaras and Bowties, March Math Madness, Ifunguro rya saa sita ry'Abanyeshuri Bambaye nk'Intwari, Ibitaramo by'Itsinda ry'Abacuranga Ibikoresho bya Muzika na Orokesitere, ndetse n'amahugurwa y'imiryango ku ngingo zitandukanye



Zone y'Uburasirazuba



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Ishuri rya J. B. Atkinson Academy

Abanyeshuri Cyakira: 522
Telefoni: (502) 485-8203
Aderesi: 2811 Duncan Street, Louisville, KY 40212
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/j-b-atkinson-academy

Ishuri rya J. B. Atkinson Academy itanga ireme ry'uburezi ku banyeshuri bose bashingiye ku mahame y'imyigire, ibyitezwe kugerwaho mu masomo bihambaye no kubaha itandukaniro ry'abantu n'umuryango mugari. Twiyemeje gutanga uburezi bw'ubuzima bwose, kugubwa neza ku mubiri no mu byivumviro no gutegurira abanyeshuri bose kuba biteguye amasomo n'imirimo twigisha umwana wese ari na ko dufasha imiryango n'umuryango yabo mugari.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Ni ishuri ry'Umufatanyabikorwa wihariye wa Kaminuza ya Louisville (UofL), rifasha abarimu gukoresha uburyo bushya kandi bushimishije bwo kwigisha mu ishuri
- Ibungabunga ihuriro rikomeye n'amahame y'igihugu yifashishije uburyo butandukanye bushingiye ku muco no ku buzima nyakuri
- Ubujyanama n'ubufasha mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe binyuze mu mashyirahamwe menshi yo ku ishuri no mu muryango mugari
- Ishuri rya Title I (nta mafaranga yishyurwa)
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Basketball, itsinda ry'ubuyobozi bw'abanyeshuri, kubyina no gufana amakipe, umupira w'amaguru, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, itsinda rya step ryegukanye ibihembo, na orokesitere
- **Amasomo yihariye:** Ubuhanzi, isomero, imyitozo ngororamubiri (PE), na Laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM)
- Eagles SOARR (Umutekano, Kwiyemeza, Imyitwarire myiza, Inshingano, no Kubaha abandi)
- Gukoresha ikoranabuhanga buri munsi, harimo n'irya Chromebooks
- Itanga serivisi zihariye zo gufasha Abanyeshuri bari muri Gahunda Yihariye y'Uburezi bw'Abanyeshuri Bafite Ubumuga (ECE), no Guteza Imbere Ururimi rw'Icyongereza (ELD)
- **Ubufatanye n'umuryango ndetse n'umuryango mugari:** Ishuri rya Engaging Children Outdoors (ECHO), ubufatanye bw'Ishuri rya RAP na HHN2L, gahunda Zihuza Imiryango mu Gihe cy'Ifunguro rya saa Sita no Kwiga, Ijoro ry'Imiryango, na Blessings in a Backpack



Bowen Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 625
Telefoni: (502) 485-8213
Aderesi: 1601 Roosevelt Avenue, Louisville, KY 40242
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/bowen-elementary

Nk'umuyobozi mu kigo cya Me, twizera ko buri munyamuryango w'ikigo cyacu afite ubwenge bw'ikirenga. Umuyobozi mu kigo cya Me abereyeho guha abanyeshuri, abakozi n'imiryango ubushobozi bwo gukoresha imbaraga bifitemo ari na ko bishakira uruvugiro. Dufite ibintu bitanu by'ingenzi twizera bituyobora mu byo dukora byose bikurikira:

- Buri wese ni umuyobozi.
- Buri wese ni umunyabwenge.
- Ni njye mbarutso y'impinduka.
- Abanyeshuri bongererwa ubushobozi kwiyobora mu myigire yabo.
- Abigisha n'imiryango bafatanya guteza imbere umuntu wese.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Riha amahirwe abanyeshuri biga kuva mu mashuri y'incuke kugeza mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza kwiga Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubuhanzi n'Imibare (STEAM), ubuhanzi, umuziki, isomero, imyitozo ngororamubiri (PE), n'Icyesipanyolo hakurikijwe gahunda yo gusimburana
- Rishyigikira abanyeshuri mu guhitamo ibyo bakunda, ribemerera guhitamo amasomo ajyanye n'ibyo bashishikajwe na byo (nk'ubuhanzi, umuziki, ubuyobozi, na STEAM)
- Igaragaza ikoranabuhanga rigezweho mu burezi yibanda ku guhuza ikoranabuhanga mu bice byose by'imyigishirize
- Gahunda y'imyigire y'ikoranabunga ifasha abanyeshuri kwikemurira ibibazo (STLP), aho abanyeshuri bahawe amahirwe yo gushakisha uburyo bashobora gukoresha ubushobozi bwabo mu kuyobora kugira ngo bagire ingaruka nziza ku muryango.
- Gitanga ibikorwa byinshi bikorwa hanze y'amasomo asanzwe, birimo basketball, kubyina no gufana amakipe, itsinda ry'umukino wa dame, kwiruka intera ndende, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, Gukemura Ibibazo, Amarushanwa yo Gusubiza Ibibazo Vuba, umupira w'amaguru, n'ibindi byinshi
- Gikorana n'Ihuriro ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA) ryatsindiye ibihembo ritera inkunga ibikorwa ngarukakwezi bifasha imiryango kugira uruhare mu bikorwa by'ikigo



Byck Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 276
Telefoni: (502) 485-8221
Aderesi: 2328 Cedar Street, Louisville, KY 40212
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/byck-elementary

Tumenya neza ko abanyeshuri bose bari mu muryango ubafasha, ubaha ububasha, ubashyigikira ukanabatera umuhati mu kunoza imyitwarire mu myigire myiza yo ku rwego rwo hejuru.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- **Ishingiro ryo Kuzamura Impano:** Abanyeshuri bateza imbere impano, bikava ku ntangiriro bikagera ku itangazwa, kugira ngo hamenyekane icyo bakunda nyakuri bityo ibyo bakunda bihuzwe n'impano bafite.
- Rikoresha abarezi mu buhanzi no mu bumenyamuntu (ikinamico, imbyino, ubugeni n'umuziki) n'itangazamakuru ryanditse, ikoranabuhanga n'uburezi mu by'ubugenge (PE)
- Gitanga serivisi zerekeye impano
- Gitanga integanyanyigisho ihuriweho yemejwe yo mu rwego rw'amasomo, imibereho n'amarangamutima (CASEL), Global Game Changers
  - Abanyeshuri bashyirwa mu bikorwa by'ubushakashatsi bubatera amatsi yo gukora Ikiza mu muryango mugari ari na ko hategurwa uburyo bwo guhangana no kutagira icyo witaho
  - Ihabwa abanyeshuri bose mu gihe cy'umunsi w'amasomo; kwagura gahunda na byo bikorwa nyuma y'amasomo
- Twizera ko umuryango ari wo mwarimu wa mbere kandi w'ingenzi cyane ku mwana. Dutegura ibikorwa byinshi bihuriza imiryango hamwe mu mwaka. Duteganya kandi ubufasha n'ibikoresho bitandukanye binyuze mu Kigo cyacu Gishinzwe Gufasha Imiryango (FRC) gikora cyane.



Hite Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 469
Telefoni: (502) 485-8267
Aderesi: 12408 Old Shelbyville Road, Louisville, KY 40243
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/hite-elementary

Ku kigo cy'amashuri abanza cya Hite, intego yacu iragura iti "Hite, aho dukura inyota yo gukura no kuba abanyeshuri b'ubuzima bwose." Iyi ndangagaciro iri muri buri gice cy'ishuri ryari, ikadufasha nk'icyizere kituyobora dusangiye n'ababyeyi, abakozi n'umuryango mugari. Twishimira kuba turi muri gahunda ya Leader in Me ya FranklinCovey, ifasha guteza imbere ubuyobozi bwiza mu ishuri ryacu no mu muryango mugari. Dufite amahame atatu tuganiraho mu nama za buri gitondo: Kwitonda, Gukora cyane, no Kwishimisha! Twizere by'ukuri ko gukomeza kunoza imikorere bituyobora ku kuba abo dushaka kuba ko kandi, nyuma, tugateza imbere umuryango mugari wose.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- **Uburezi bushingiye ku bushakashatsi n' amasomo y'umunsi wose mu Nzego Zihariye:** Isomero, imyitozo ngororamubiri (PE), Kwiga Binyuze mu Mishinga (PBL), n'Ikoranabuhanga
- Havugwa indimi zirenga 20
- Gahunda y'Ubufasha mu Nzego Zinyuranye (MTSS) yashyizwe muri gahunda isanzwe y'amasomo
- Giha abanyeshuri bose uburyo bwiza bw'imyigire n'imibanire
- Itanga amasomo y'ikoranabuhanga yisumbuyeho
- Itanga amasomo ahuriza abanyeshuri mu matsinda yabo ndetse n'amatsinda yihariye, bikabafasha kumva ko ari umuryango umwe, bikabashishikariza kwiga binyuze mu mishinga (PBL), kandi bigateza imbere kwigira hamwe
- Itsinda ry'amasomo, Kubyina ballet, Bricks4Kidz, Dame, Itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika mu bitaramo, ikinamico, Girls on the Run, Good News Club, Kind Kids Club, Nature Club, orokesitere, pickleball, Gukora ibibumbano, Amarushanwa yo Gusubiza Ibibazo Vuba, Itsinda Rikora Ubudozi, Amashoti y'Umupira w'Amaguru, na Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP)



Lowe Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 616
Telefoni: (502) 485-8293
Aderesi: 210 Oxfordshire Lane, Louisville, KY 40222
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/lowe-elementary

Intego: Lowe Elementary ni ishuri ryakira kandi ritagira uwo riheza, rifite intego zisobanutse, aho abanyeshuri bose bashobora gutera imbere mu muryango urangwa n'ibitekerezo byiza n'ubufasha.

Indangagaciro z'Ingenzi

- Duha agaciro kugira neza ku bandi.
- Duha agaciro gukora uko dushoboye kose.
- Duha agaciro kwishyiriraho intego no kuzigeraho.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Cyabaye Ikigo cy'Indashyikirwa Cyemewe Umubyeyi agiramo Uruhare
- Ishuri ryamenywe n'Urwego Rushinzwe Uburezi muri Kentucky (KDE) nk'Ishuri riri mu Itsinda ry'Amashuri y'Indashyikirwa kubera kugira imiterere myiza y'ishuri, umutekano, n'intsinzi y'abanyeshuri kandi Scholastic na yo yarimenye nk'Ishuri ryabaye irya Mbere muri Leta kubera kugira Iminota Myinshi Abanyeshuri Bamaze basoma mu mpeshyi za 2017-18 na 2018-19
- Gitanga amasomo mu nzego zihariye, harimo ubugeni, umuziki, uburezi mu by'ubugenge (PE), Icyesipanyore, n'itangazamakuru ryanditse
- Gahunda n'Umwarimu wagenwe wa Gahunda y'abanyeshuri bagaragaza impano zidasanzwe/ Itsinda ry'abanyeshuri b'abanyempano bo mu mashuri abanza, ituma hizerwa neza ko abanyeshuri babona amahirwe ngarukakwezi mu masomo yabo
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Itsinda ry'Amasomo, Amarushanwa yo Gusoma Ibitabo, Itsinda ry'Umukino wa Same, orokesitere, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, itsinda ry'abaririmbyi, basketball, kubyina no gufana amakipe, kwiruka intera ndende, Itsinda ryo Kwiruka, umupira w'amaguru, Itsinda ry'Ikinamico, Itsinda ry'Ubuhanzi, porogaramu za robo, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), n'ibindi byinshi

Middletown Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 526
Telefoni: (502) 485-8300
Aderesi: 218 N. Madison Avenue, Louisville, KY 40243
Urubuga: https://www.jefferson.kyschools.us/o/middletown

Intego y'Ikigo cy'amashuri abanza cya Middletown ni ukuvumbura urumuri ruri muri buri mwana binyuze mu gushishikariza buri munyeshuri kugera ku bushobozi bwose yifitemo no kugera ku byo ejo hazaza hamusaba. Nk'umuyobozi mu kigo cya Me, Middletown yubaka imiyoborere n'ubumenyi mu by'ubuzima mu banyeshuri, ikarema umuco w'ikizere gihambaye mu kigo ikanashyiraho umusingi w'uburezi burambye. Twizera rwose ko inshingano zacu ari ugushishikariza abanyeshuri gukora ibintu by'indashyikirwa kandi buri munsi dukora uko dushoboye kugira ngo buri munyeshuri agire uruhare mu myigire ye kandi abe ari we uyiyobora.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Umuyobozi mu kigo cya Me
- Imikoranire y'Ihuriro ry'ababyeyi n'abarimu (PTA) rigamije kuzamura imitsindire y'abanyeshuri
- Gahunda y'Urugendo rwo Kugera ku Ntsinzi ku Rwego rw'Ishuri
- **Amasomo yihariye:** Igifasransa, isomero, itangazamakuru, ubugeni, umuziki, na Siporo (PE)
- Amahirwe y'itsinda ry'abaririmbyi ku banyeshuri biga mu mwaka wa gatanu
- Ibitaramo by'umuziki bya buri mwaka bitegurwa na buri shuri
- Ahantu hanze hagenewe kwigirwa
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Itsinda ry'Abanyeshuri Rishinzwe Ubuyobozi, Itsinda ry'Amasomo, basketball, Girls Who Code, porogaramu za robo, no kubyina no gufana amakipe
- Kwinjiza Abanyeshuri bafite Impano z'Ibanze n'Abanyeshuri bafite Impano n'Ubushobozi Bwihariye muri Gahunda y'Amasomo

Stopher Elementary


Abanyeshuri Cyakira: 769
Telefoni: (502) 485-8281
Aderesi: 14417 Aiken Road, Louisville, KY 40245
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/stopher-elementary

Ikigo cy'amashuri abanza cya Stopher ni umuryango mugari w'uburezi ukora neza muri JCPS. Abanyeshuri bose basohoka muri Stopher biteguye, bafite ubushobozi, kandi bafite ubushake bwo kugera ku bushobozi bwabo bwose no kugira uruhare nk'abaturage biteguye kandi bafite ubushishozi mu isi yacu itandukanye. Abakozi ba Stopher bahatira kandi bagashishikariza buri munyeshuri gukura binyuze mu myigishirize iboneye no mu bunararibonye bufite igisobanuro mu buryo bwita ku banyeshuri kandi bubashyigikira.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Cyahawe Igihembo cy'Ikigo cy'Indashyikirwa cya Blue Ribbon muri 2014
- Gfite umwarimu uhoraho wo muri Gahunda iteye imbere/Gahunda y'Abanyeshuri bafite Impano
- Gitanga gahunda yihariye irambuye, ikubiyemo Siuyansi, Ikoranabuhanga, Ubumenyi mu by'ubwubatsi, Ubugeni n'Imibare (STEAM); umuziki; isomero; ubugeni; Siporo (PE); WAVES (Imyigire yo mu rwego rw'Amarangamutima n'Imibanire [SEL]); ndetse n'Ikilatini
- Gushyira imbere ubufatanye bukomeye hagati y'ababyeyi n'umuryango mugari, kugira Ibikorwa by'uruhare rw'umuryango mu mwaka wose
- Gutanga amahirwe ya karabu z'imbere mu kigo ku banyeshuri bo hagati na hagati
- Kugira ibikorwa by'abanyeshuri bitandukanye bya nyuma y'amasomo, birimo amatsinda ashinigye ku masomo, Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga ry'Abanyeshuri (STLP), umukino w'amaboko wa basketball, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, imbyino, umupira w'amaguru, imbyino, kwiruka, amarobo, dame, gukemura ibibazo byo mu gihe kizaza, n'ibindi.

Zone ya Fairdale



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI



Auburndale Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 590
Telefoni: (502) 485-8204
Aderesi: 5749 New Cut Road, Louisville, KY 40214
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/auburndale-elementary

Auburndale Elementary yiyemeje guha uburezi bwiza abanyeshuri bose, hatitawe ku moko, inkomoko, igitsina cyangwa ubushobozi bwabo, no kubafasha kugera ku ntsinzi yo mu myigire ku rwego rwo hejuru. Icyerekezo cyacu ni ukuba umuryango utagira uwo uheza, uhurijwe hamwe n'ibyishimo byo kwiga, aho umwihariko wa buri muntu wemerwa, ugahabwa agaciro kandi ugashimirwa.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Ishuri ryita ku mpano zose eshanu kandi riha amahirwe y'inyongera yo kwiga abanyeshuri bemerewe kwitabira Gahunda y'Abanyeshuri bafite Impano z'Ibanze ndetse na Gahunda y'Abanyeshuri bafite Impano n'Ubushobozi bwihariye
- **Amahirwe yerekeye Amasomo yihariye:** Laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM); ubuhanzi n'umuziki; imyitozo ngororamubiri (PE); isomero; na Purposeful People (isomo riteza imbere imico myiza y'abanyeshuri rikubiyemo no kwandika)
- **Amahirwe ya nyuma y'amasomo:** Gukoresha porogaramu za robo, basketball, volleyball, Itsinda ry'Ubuhanzi, Wildcat Singers, Amarushanwa yo Gusubiza Ibibazo Vuba, umupira w'amaguru, tenisi, umupira w'amaguru ukinwa ufite amabendera, no kubyina no gufana amakipe
- Itanga serivisi z'ubuzima zifasha abanyeshuri kugira ubuzima bwiza bwo mu mutwe no ku mubiri, rifite umuforomo w'igihe cyose utanga serivisi z'ubuvuzi hakoreshejwe ikoranabuhanga za Norton, inkingo, ndetse no gupima kumva no kureba
- Itanga Ikigo Gishinzwe Gufasha Imiryango (FRC) gikora neza, gifasha buri muryango hakurikijwe ibyo ukeneye n'imimerere urimo, kigafasha gukuraho inzitizi zose zitajyanye n'amasomo, kandi kigahuza imiryango n'ubundi bufasha buboneka mu muryango mugari



Coral Ridge Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 567
Telefoni: (502) 485-8234
Aderesi: 10608 National Turnpike, Louisville, KY 40118
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/coral-ridge-elementary

Intego ya Coral Ridge ni ugutanga uburyo bw'uburezi aho abanyeshuri bose bazagera ku nsinzi mu bushobozi bwose biyumvamo.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Itanga amasomo yo gusoma, imibare, ubumenyi, n'amasomo y'imibanire n'imibereho y'abantu yigishwa n'abarimu babifitiye ubushobozi buhagije
- **Amasomo yihariye:** Laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubuhanzi n'Imibare (STEAM); ubuhanzi n'ubumenyamuntu; isomero; n'imyitozo ngororamubiri (PE)
- Umuforomo ukora igihe cyose, Umuhuzabikorwa wa Family Resource Center (FRC) n'umukozi ushinzwe ibijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe
- Abarezi batatu bafite impamyabushobozi yo kwigisha Abanyeshuri Bavuga Indimi Nyinshi (ML), bafasha abanyeshuri bari muri iyi gahunda
- Itanga amatsinda n'ibikorwa byinshi mu gihe cy'amasomo na nyuma yayo, birimo Itsinda ry'Amasomo, gahunda yo kwigisha siyansi binyuze mu Bikorwa byo Hanze y'Ishuri (ECHO), basketball, umupira w'amaguru, kwiruka intera ndende, kubyina no gufana amakipe, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Worldfest, no kumasha



Fairdale Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 683
Telefoni: (502) 485-8247
Aderesi: 10104 Mitchell Hill Road, Louisville, KY 40118
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/fairdale-elementary

Ku kigo cy'amashuri abanza cya Fairdale, abanyeshuri bacu bazaba bateguwe byuzuye kugira ngo babashe gukoresha ubushobozi bwose bifitemo, kuba biteguye kujya mu cyiciro gikuru no kuba abaturage b'ingirakamaro kandi bita ku nshingano. Dutanga uburezi bwuzuye, bwujuje amahame, bwiza mu muryango mugari wita ku bantu kandi utanga ubufasha aho abanyeshuri bose bigishwa bakanshishikarizwa kuba abahanga mu gutekereza, guhanahana amakuru neza, kwiyigisha ubwabo no kuba abaturage bita ku nshingano.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Gitanga uburezi mu gusoma, imibare, siyansi n'imibanire bitangwa n'abarimu babifiye ubushobozi bwo ku rwego rwo hejuru bibafisha integanyanyigisho yo muri iki gihe y'ingirakamaro kurusha izindi n'uburyo bugezweho bw'imyigishirize
- Gitanga uburezi ku banyeshuri bose mu byerekeye ubumenyi buhambaye mu bya siyansi, ikoranabuhanga, ubumenyi mu by'ubwubatsi n'Imibare (STEM)
- Gitanga amasomo y'umuziki, ubugeni, amarobo, itsinda ry'abaririmbyi, umukino w'amaboko wa basketball, umupira w'amaguru, kurashisha umuheto, imikino ngororamubiri n'umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori

Minors Lane Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 393
Telefoni: (502) 485-8303
Aderesi: 8510 Minors Lane, Louisville, KY 40219
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/minors-lane-elementary

Kuri Minors Lane Elementary, twiyemeje gushyiraho ahantu heza ho kwigira, aho abanyeshuri bashishikarizwa, bagaterwa umwete kandi bagahabwa ubushobozi bwo kugera ku ntsinzi mu myigire. Intego yacu ni ugutanga ahantu hita ku bana kandi habafasha gutera imbere no gutsinda kuri buri mwana.

Intego yacu ni ugaha agaciro itandukaniro ry'abantu, gushishikariza abana kugira amatsiko yo kumenya, no gutanga uburezi bwuzuye ku mwana. Abakozi bacu biyemeje gukorera hamwe mu muryango urangwa n'umwuka mwiza, gushyigikirana no kwakira buri wese, kugira ngo batange uburezi bwuzuye. Twiyemeje kureba ko buri munyeshuri afite umuntu mukuru umushyigikira—utazigera amuca intege, kandi wizera ko ashobora kugera ku bushobozi bwe bwuzuye. Binyuze mu mibanire myiza kandi ifite akamaro, dushishikariza abanyeshuri kugera ku bintu bikomeye.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri


- Kifashisha inyigisho zishingiye ku bimenyetso no ku muco mu gutanga uburezi
- Uburezi bugenewe buri wese kandi butandukanye bitewe n'ibyo abanyeshuri bakeneye kumenya ndetse n'ibyiyumviro bagira mu mibanire yabo
- Itsinda ry'Ibanze ryita ku Mpano na Gahunda zo kwita ku bafite Impano
- Gushyira mu bikorwa integanyanyigisho ndakuka igamije kwigisha imyitwarire n'ubumenyi mu mibanire
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Umukino w'amaboko wa basketball, umupira w'amaguru, Karabu yo Gusoma Ibitabo, Quick Recall, Gahunda y'Ikoranabuhanga y'Imiyoborere y'Abanyeshuri (STLP), aba ambasaderi b'abanyeshuri, abagabo nyabo, abagore bihesha agaciro, Girls on the Run, Akana k'abanyeshuri, itsinda ricuranga n'itsinda ry'abaririmbyi rya orukesitire
- **Amasomo yihariye:** Ubuhanzi n'umuziki; Laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM); ibikoresho n'ibikorwa byo mu isomero; imyitozo ngororamubiri (PE); n'Ururimi Mpuzamahanga
- Umuganga uhoraho wita ku buzima bwo mu mutwe ukorera mu kigo, umuforomo w'ikigo n'umuhuzabikorwa w'Ikigo giha imiryango ubufasha (FRC) kugira ngo hitabwe ku byo abanyeshuri n'imiryango yabo bakeneye



Zone ya Fern Creek

Watterson Elementary ni ishuri riri mu mahitamo y'amashuri yunganira abanyeshuri bo muri Zone ya Fern Creek.
Reba kuri paji ya 46 kugira ngo ubone andi makuru yerekeye Watterson.

- Ibigo by'Amashuri Abanza Biri Hafi y'Aho Abanyeshuri Bataha
- Ibigo by'Amashuri Abanza biri muri Zone y'Ibigo Bitoranywa biri mu Ihuriro
- Zone y'Ibigo Bitoranywa



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Bates Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 582
Telefoni: (502) 485-8208
Aderesi: 7601 Bardstown Road, Louisville, KY 40291
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/bates-elementary

Bates Elementary ni ishuri rya Leader in Me Lighthouse ryamenyekanye ku rwego rw'igihugu, ryibanda ku bufatanye n'imiryango kandi rigafasha abanyeshuri kugira icyizere cyo kuyobora no gukomeza kwiga ubuzima bwabo bwose. Dufasha buri munyeshuri wiga kuva mu mashuri y'incuke kugeza mu mwaka wa gatanu w'amashuri abanza guteza imbere ubushobozi bwo kuyobora.

Gahunda yacu y'amasomo ikomeye yubahiriza ibisabwa ku rwego rw'igihugu na Leta, kandi ifasha abanyeshuri gutera imbere mu myigire, mu mibanire n'abandi, no mu micungire y'amarangamutima. Duha umwana uburezi bwuzuye, tukamufasha gutsinda mu myigire no kuba umuyobozi urangwa n'ubunyangamugayo n'icyizere.

Abanyeshuri bagira uruhare rufatika mu guteza imbere ishuri ryabo binyuze mu bikorwa bibaha amahirwe yo kuyobora, birimo Student Lighthouse Team, Leader in Me Action Teams, Bear Bloggers, Principal Advisory, na Environmental Enhancers Izi gahunda ziha abanyeshuri amahirwe yo gukorana, gufasha abandi, no kugira uruhare rufite akamaro, zibafasha kandi guteza imbere ubushobozi bw'ingenzi bwo kuvugana n'abandi, gukorera hamwe, no gukemura ibibazo.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- **Abakozi bafite ubushobozi n'impamyabumenyi bihagije:** Abarimu Bafite Icyemezo cy'Ubushobozi ku Rwego rw'Igihugu (NBCTs), hamwe n'abafite ubumenyi bwemewe bwo Kwigisha Abanyeshuri Bafite Impano n'Ubushobozi Budasanzwe (GT) no Guteza Imbere Ururimi rw'Icyongereza (ELD), ndetse bafite impamyabushobozi za Google (Urwego rwa I/II) na Apple
- **Ubufasha bwuzuye ku munyeshuri:** Abajyanama babiri bakora igihe cyose batanga ubujyanama ku bijyanye n'amashuri makuru n'imyuga, ubufasha mu mibereho no mu mibanire n'abandi no mu micungire y'amarangamutima, ndetse n'ubufasha mu bihe byo kwimuka cyangwa gutangira icyiciro gishya cy'amashuri (binyuze mu matsinda mato, ubufasha kuri buri munyeshuri ku giti cye, no mu nama zitangirwa mu ishuri)
- Umukozi wemewe mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe ukorana n'imiryango n'abarimu mu guteza imbere ubushobozi bw'abanyeshuri bwo kubana n'abandi no gucunga amarangamutima yabo, kubafasha kuvuganira ibyo bakeneye, no gukuraho imbogamizi zituma batiga neza, kugira ngo abanyeshuri bose bagire amahirwe angana yo gutsinda
- Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM): Abanyeshuri bahabwa amahirwe yo kwitabira Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), STEM, gahunda y'amakuru iyoborwa n'abanyeshuri (WBES) ikoresha sikirini y'icyatsi, na Porogaramu za Robo
- **Ubuhanzi bwo kwerekana:** Bafite abarimu b'igihe cyose bigisha umuziki, ubuhanzi n'ikinamico, hakaba n'ibitaramo by'itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, n'ikinamico ya muzika
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Umukino w'amaboko wa basketball, umukino w'amaboko wa volleyball, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, tenisi, umupira w'amaguru, kwiruka, Quick Recall, Gukemura ibibazo by'ahazaza, gucunga umutekano, G.I.F.T.E.D. Girls, and Men of Quality

Fern Creek Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 745
Telefoni: (502) 485-8250
Aderesi: 8815 Ferndale Road, Louisville, KY 40291
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/fern-creek-elementary

Intego y'Ikigo cy'Amashuri Abanza cya Fern Creek ni ugutegura abaturage b'isi bita ku bintu, bafite ubushobozi, bakorana n'abandi, kandi bifitiye icyigenge. Icyerekezo cyacu ni ugutanga ahantu ho kwigira hatekanye aho abanyamuryango bose bahabwa ububasha bwo kugera ku bigwi bihambaye.

Turi umuryango w'abiga ushyira abana ku mwanya wa mbere!

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Gahunda y'Amashuri Arangwa n'Impuhwe
- Inyigisho zita ku mico itandukanye y'abanyeshuri, zitanga imyigire ifite akamaro kandi ibashishikariza gutera imbere, ku banyeshuri bose, harimo na gahunda z'Abanyeshuri Bafite Impano n'Ubushobozi Budasanzwe hamwe na Gahunda y'Abanyeshuri bafite Impano z'Ibanze ku banyeshuri benshi
- Umuziki, Ubuhanzi, imyitozo ngororamubiri (PE), Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM) buri cyumweru
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Itsinda rya Anime, Itsinda ry'Amasomo, Itsinda ry'Abacuranga Ibikoresho bya Muzika, basketball, Kubyina no gufana amakipe, Itsinda ry'abaririmbyi, Itsinda ryo Gukemura Ibibazo mu buryo bushya, Orokesitere, Itsinda ry'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri Rishinzwe Umutekano, Umupira w'amaguru, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Inama y'Abanyeshuri, Tenisi, Theta Omega Men of Quality, n'ibindi byinshi

Price Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 463
Telefoni: (502) 485-8315
Aderesi: 5001 Garden Green Way, Louisville, KY 40218
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/price-elementary

Ikigo cy'amashuri abanza cya Price yiyemeje kwita ku byo buri munyeshuri akeneye itegura uburyo bw'imyigire, imibanire, ibyiyumviro no guhanga udushya byo ku rwego ruhambaye.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Gahunda y'Ibanze yo Gutegura abanyeshuri bo kuva mu mashuri y'inshuke kugeza mu mwaka wa gatatu (K–3) igamije gukuza ubushobozi bw'abanyeshuri bitwara neza cyane mu mashuri abanza binyuze mu burezi bwita ku muntu ku giti cye/amatsinda mato n'ibikorwa bitandukanye byagutse bifasha, bigakangurira bikanatera amatsiko ajyanye n'imyigire
- Gahunda y'Ubujyanama ifasha abanyeshuri guteza imbere ubushobozi bwo kuyobora kandi ikabafasha kwiga kubana n'abandi no gucunga amarangamutima
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, basketball, kubyina no gufana amakipe, porogaramu za robo, gukemura ibibazo, Itsinda ry'Umupira w'Amaguru, na volleyball

Wheeler Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 618
Telefoni: (502) 485-8349
Aderesi: 5700 Cynthia Drive, Louisville, KY 40291
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/wheeler-elementary

Wheeler itanga integanyanyigisho inononsoye ikurikiza amahame y'urwego rw'igihugu. Abanyeshuri bacu bose bashyigikirwa mu rugendo rwabo rwo kwiga kandi bagahabwa igihe cy'inyongera, uko bikenewe kugira ngo babashe kuzirikana intego z'imyigire. Abanyeshuri bagaragaza gufata ibyo bize bahabwa amahirwe yo kongera no gucengera ibyo biga. Amasuzuma akomeza gutangwa muri buri somo aha wowe na mwarimu w'umwana amakuru y'ingenzi yerekeye ubushobozi bw'umunyeshuri ku giti cye ndetse n'ibyo akeneye mu buryo yigishwamo. Twemeranya neza n'ihame rya "Every Student, Every Day.(Buri munyeshuri, Iminsi yose) "

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Uretse ibyemezo bitangwa n'Inama y'Igihugu, Google, n'ubuyobozi bw'ikigo, abarimu bemerewe kwigisha abanyeshuri b'abanyempano, uburezi bushingiye ku kugaragaza bumenyi bw'umunyeshuri, imyigire y'umunyeshuri yihariye, Imyigire ishingiye ku mishinga, Project-Based Learning, (PBL), no guteza imbere ibijyanye no gusoma no kwandika
- Byibanda ku hantu umunyeshuri yigira ku buryo bwihariye, guteza imbere ibikorwa bifasha umunyeshuri kwiyungura ubumenyi, imikoreshereze y'ibyo yise mu buzima busanzwe, n'aho bifitanye isano
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Itsinda ry'Amasomo ryahawe ibihembo, Inama y'Abanyeshuri, umukino wa dame, basketball, kwiruka intera ndende, Itsinda ryo Kwiruka, kubyina no gufana amakipe, umupira w'amaguru, itsinda ryo kubyina pom, amasomo yo gucuranga violin hakurikijwe uburyo bwa Suzuki, Itsinda Rikorera hamwe n'Isomero, gutangaza amakuru, porogaramu za robo, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Men of Quality, Girls Who Code, umupira w'amaguru, Itsinda ry'Abavugizi b'Abanyeshuri, n'amahirwe yo Kwiga no Guteza Imbere Ubushobozi bwo Kuyobora no Gukora
- **Amasomo yihariye:** Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, n'Imibare (STEM); ubugeni bw'amashusho; imibereho irimo kwiyitaho no kwita ku bintu bigukikije; n'umuziki uvanze n'ikinamico n'imbyino
- Ikigo cy'Icyitegererezo giteza imbere ubuzima bw'abanyeshyuri (Health Promotion School of Excellence, HPSE)
- Kirimo Gahunda ya National Elementary Honor Society na Junior Beta Club
- Umuryango w'ababyeyi n'Abarimu watwaye igihembo (Parent Teacher Association, PTA) utanga ibikorwa birimo gukorana n'imiryango
- Uyoboye mu mitegurire ya gahunda ya Me yigisha abanyeshuri ubumenyi bw'imiyoborere
- Gahunda yo kwifashisha ikomatanyije igamije gufasha iterambere mu mibanire n'amarangamutima

Wilt Elementary


Abanyeshuri Cyakira: 521
Telefoni: (502) 485-8353
Aderesi: 6700 Price Lane, Louisville, KY 40229
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/wilt-elementary

Intego y'Ikigo cy'amashuri abanza cya Wilt ni ukwigisha no gutanga ahantu hatekanye ho kwigira. Abanyeshuri bose bazara imikurire myiza mu myitwarire ijyanye n'imibanire/amarangamutima. Ababyeyi, abanyeshuri, n'abarezi, bakorana n'umuryango mugari bashobora gushyiraho uburyo bwo kwigiramo butekanye kandi bufata bose kimwe aho abanyeshuri bashobora kwigira ndetse bagahinduka abagize abatanga umusaruro muri sosiyete. Dutanga uburyo bwo kwigiramo bufata mu ngeri zose, bugoranye aho abanyeshuri bagira inshingano mu kwiga kwabo ndetse n'imitsindire yabo. Kuri Wilt, dusigasira uburyo bwungukirwamo ubumenyi bugizwe nokubamo uruhare rugaragara rw'umuryango.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Ahantu hameze ko muri pariki kugira ngo dushishikarize umuco wo kuba abanyagihugu barinda ibidukikije
- Bahora bari hejuru y'ibipimo byo ku rwego rwa leta mu masomo yose, mu rwego rwa mbere rw'ibijyanye no kwitabira mu mashuri abanza, ndetse no gusezera kw'abakozi ku kigero gito
- Imashini zicapa zikoresha 3D abanyeshuri bakoresha muri CAD (Ishusho ikorwa hifashishijwe mudasobwa) ndetse n'izi porogaramu z'amakode ya mudasobwa.
- Umwarimu wagenwe wa Gahunda y'abanyeshuri bagaragaza impano zidasanzwe ku itsinda ry'abanyeshuri b'abanyempano bo mu Mashuri abanza ndetse n'Abagaragaye ko bafite impano zidasanzwe
- Ishyirahamwe ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA) rikora cyane, rishyigikira ibikorwa n'imishinga by'ishuri (nko kwagura no kunoza ahakinirwa h'abanyeshuri hakoreshejwe ibyapa n'ibiti n'ibindi bimera, ndetse no guha abanyeshuri ibikoresho bibafasha kwiga ubumenyi bakora ibikorwa ubwabo)
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Kumasha, basketball, Canva Club, kubyina no gufana amakipe, Itsinda Rikora iy'Ubutetsi, Itsinda ryo Kuboha, Ikinamico, Jump Rope for Heart, Amarushanwa yo Gusubiza Ibibazo Vuba, Gukemura Ibibazo, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, Umupira w'Amaguru, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Ubuyobozi bw'Abanyeshuri, na Volleyball

Zone ya Iroquois



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI



Cane Run Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 384
Telefoni: (502) 485-8223
Aderesi: 3951 Cane Run Road, Louisville, KY 40211
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/cane-run-elementary

Hano kuri Cane Run, twizerera mu kwigisha umwana mu myigire ye yose. Buri munsi, dukora kugira ngo dutange uburyo bwo kwigiramo butekanye, butuma hari ibindi bikorwa bibaho, ndetse bunagoranye butuma abanyeshuri baba biteguye kwimukira mu kindi cyiciro. Intego yacu ni ugutegurira abanyeshuri kuba abitunze, bahora bigira ku byo buhuriramo mu buzima ndetse no kubaha ubumenyi bw'amasomo ajyanye n'ikinyejana cya 21 bazakenera kugira ngo babashe guhirwa mu buzima bwabo. Twese twifuza ko abana bacu bakura bakaba abantu batsinda, bize kandi bagira ubuntu. Gutsinda mu myigire, mu mibanire n'abandi, no mu micungire y'amarangamutima ni intego z'ingenzi twibandaho buri munsi binyuze mu mabwiriza yacu ya P.A.W.S. Twigisha abanyeshuri bacu kwitegura, kugira imyitwarire ikwiye, gukora cyane, no Kugira ubuntu. Twiyemeje gukorana n'imiryango, abanyeshuri, n'abagize umuryango mugari kugira ngo dushyireho ahantu harangwa n'imico myiza, gutsinda mu myigire, icyizere, no kubahana.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Itanga amatsinda n'imikino byinshi by'ishuri, birimo basketball, kubyina no gufana amakipe, itsinda rya step, volleyball, umupira w'amaguru, umupira w'amaguru ukinwa ufite amabendera, Girls on the Run, Beautiful As You Are (BAYA), Itsinda Rikora ibyo Guteka, na 4-H

Twiyemeje ibi bikurikira:

- Gushyiraho ahantu ho kwigira hatekanye, harangwa no kwitabwaho kandi hahoraho, ku buryo abanyeshuri babona amahirwe yo gutangira bundi bushya
- Kubaka imibanire myiza no gutuma abanyeshuri, imiryango, n'abagize umuryango mugari bumva ko ari ab'ingenzi kandi ko bagize umuryango umwe
- Guteza imbere umuco wo gukorera hamwe
- Kwitega ku banyeshuri bose ibintu biri hejuru, kuko twizera ko buri munyeshuri ashobora kugera ku ntego no gutsinda ku nzego zo hejuru
- Gutanga inyigisho zihariye kuri buri munyeshuri, zishingiye ku bipimo by'uburezi, ubushakashatsi, n'amakuru yerekeye imyigire y'abanyeshuri
- Gutanga serivisi nyinshi zo gufasha imiryango n'izindi serivisi zitandukanye zihaza ibyo abanyeshuri n'imiryango bakeneye



Frayser Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 459
Telefoni: (502) 485-8255
Aderesi: 1230 Larchmont Avenue, Louisville, KY 40215
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/frayser-elementary

Intego: Umuryango w'Ikigo cy'amashuri abanza cya Frayser wiyemeje kurera umwana kugeza akuze, dufasha abayobozi bacu babona abanyabwenge babo, no gutuma habaho imitsindire y'amasomo yo ku rwego rwo hejuru n'imikurire kuri buri wese.

Icyerekezo: Abanyeshuri bose ba Frayser bahindura icyiciro biteguye mu kuyobora mu myigire ndetse no mu mibanire nk'abatuye isi.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Ishyira mu bikorwa gahunda ya Leader in Me (LIM), ifasha abakozi, abanyeshuri, n'imiryango guteza imbere ubushobozi bwo kuyobora binyuze mu kwigisha Imyitwarire 8 y'Abantu Batanga Umusaruro Ukomeye kandi iyi gahunda ifasha abanyeshuri kuvumbura no kwishimira impano n'ubushobozi bwabo bwihariye
- Yamenyekanye nk'Ishuri rya Leader in Me (LIM) Lighthouse
- Laboratwari ya STEAM y'igihe cyose yigishirizwamo Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubuhanzi n'Imibare
- Ikoresha uburyo bwo kwigisha gusoma n'imibare bushingiye ku bushakashatsi, kugira ngo abanyeshuri bose babone amahirwe yo kwiga mu buryo bworoheje kandi bujyanye n'ibyo buri munyeshuri akeneye
- Riteza imbere ubuzima bwiza bwose bw'umwana, integanyanyigisho ya MindUp, umuforomo uhoraho, Umukozi ushinzwe ihuzabikorwa mu kigo cya Family Resource Center (FRC), n'umukozi ushinzwe ibijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe
- Itanga ibikorwa byinshi abanyeshuri bashobora gukora mu gihe cy'amasomo na nyuma y'amasomo, birimo basketball, umupira w'amaguru, kubyina no gufana amakipe, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Paw Patrol, n'Itsinda ry'Abanyeshuri Rishinzwe Ubuyobozi
- Indimi zivugwa zirenga 16



Gutermuth Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 523
Telefoni: (502) 485-8261
Aderesi: 1500 Sanders Lane, Louisville, KY 40216
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/gutermuth-elementary

Hano kuri Gutermuth, twizera mu kwita ku banyeshuri nkaho ari abacu. Tubaha amahirwe yo ku rwego ruhanitse y'imyigire, abakozi bo ku rwego rwo hejuru, n'ibikorwa n'iminsi mikuru kugira ngo habashe kugerwa ku byo umunyeshuri akeneye n'ibimushimisha. Ni intego yacu gutanga uburyo bw'imyigire bufite ireme ryo ku rwego rwo hejuru, bukwiriye mu mikurire kugira ngo abanyeshuri bose babashe kongera imibanire n'ubumenyi bw'imyigire ahantu hadateje ikibazo, hatekanye ndetse hita kuri buri wese. Dushyigikira ubufatanye bukomeye hagati y'imiryango, abarimu n'umuryango mugari binyuze mu bikorwa by'imiryango bitegurwa buri kwezi, bishimisha, byakira buri wese kandi bifite akamaro.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Gukorana n'abandi, inyigisho zishingiye ku mahame y'urwego ahantu h'imico myinshi, inyuranye harimo amahirwe menshi y'Imyigire ishingiye ku mishinga (PBL)
- Gahunda y'Abanyeshuri bafite Impano n'Ubushobozi Bwihariye, Gahunda y'Abanyeshuri bafite Impano z'Ibanze, na Gahunda y'Abanyeshuri bateye imbere
- Igitaramo cy'Ikinamico cya Disney mu Mashuri
- **Amasomo yihariye:** Reader's Theater, YOUniversity, imyitozo ngororamubiri (PE), ubuhanzi, na Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM)
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Itsinda ry'Ubuhanzi, kubyina no gufana amakipe, basketball, gahunda y'ikinamico, Komite ya PRIDE, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Itsinda rya Porogaramu za Robo, umupira w'amaguru, na volleyball
- **Ahantu ho Kwigishiriza Hamwe Hakoreshejwe Uburyo Butandukanye:** Gukoresha uburyo butandukanye bwo kwigisha kugira ngo dushyigikire Abanyeshuri benshi Biga mu Ndimi Nyinshi (ML)
- Hazwi nka No Place For Hate (Ikigo kiratangwamo Urwango)

Hazelwood Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 548
Telefoni: (502) 485-8264
Aderesi: 1325 Bluegrass Avenue, Louisville, KY 40215
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/hazelwood-elementary

Intego yacu ku kigo cy'amashuri abanza cya Hazelwood ni ugufasha umunyeshuri kugera ku byo akeneye, gukora ku buryo buri munyeshuri akoresha ubushobozi bwe bwose, no kwizeza ko abanyeshuri bacu biteguye kugera ku byiza mu buzima bwabo buzakurikiraho.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Imikoranire y'umuryango mugari na Bernheim Forest, Kentucky Science Center, na Waterfront Botanical Gardens
- Inyigisho zishishikaje zishingiye ku bipimo by'uburezi, zigenewe abanyeshuri baturuka mu mico itandukanye kandi bavuga indimi zirenga 25
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Basketball, volleyball, Itsinda ry'Imbyino, Umupira w'amaguru, Field-to-Fork, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), na Serivisi Z'inyongera z'Ishuri (ESS)
- Abarimu Batanu Bigisha Guteza Imbere Ururimi rw'Icyongereza (ELD) kugira ngo bafashe Abanyeshuri biga mu Ndimi Nyinshi (ML)
- Ibikorwa ngarukakwezi bigirwamo uruhare n'umuryango
- Gahunda y'Abanyeshuri bafite Impano n'Ubushobozi Bwihariye, Gahunda y'Abanyeshuri bafite Impano z'Ibanze, na Gahunda y'Abanyeshuri bateye imbere
- Hejuru ya 65% by'abarimu bafite impamyabumenyi zemewe bafite impamyabumenyi zihanitse n'icyemezo mu rwego rwabo rw'ubuhanga.

Jacob Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 528
Telefoni: (502) 485-8271
Aderesi: 3701 E. Wheatmore Drive, Louisville, KY 40215
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/jacob-elementary

Ku kigo cy'amashuri abanza cya Jacob, dukora kugira ngo habeho ikigo aho abanyeshuri, imiryango n'abarimu batera imbere.

Intego yacu ni ukuzamura urukundo rwo kwiga, gushora mu mibanire n'abanyeshuri bacu n'imiryango, ndetse no gutuma habaho ishyaka ry'imitsindire y'umuntu ku giti cye kuri buri munyeshuri.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Amasomo yo gusoma no kwandika ndetse n'imibare byihariye atangirwa mu buryo bw'imyigishirize yo mu matsinda mato.
- Uburyo bwo kwigisha mu buryo bukomatanyije ku banyeshuri bose bari muri Gahunda Yihariye y'Uburezi bw'Abanyeshuri Bafite Ubumuga (ECE), n'abanyeshuri biga mu ndimi nyinshi (ML)
- Amahirwe y'imyigishirize itandukanye ku banyeshuri bo muri Gahunda yisumbuye n'iyo kuzamura impano ku banyehsuri batahuwe bo mu mwaka wa kane n'uwa gatanu hamwe na serivise zihahabwa abanyempano bo mu mashuri y'inshuke kugeza mu mwaka wa gatatu
- Integanyanyigisho yerekeye ubumenyi bw'ibyerekeye ubwonko no kurwanya ibikorwa byo kwibasira abandi yifashiswa ku mpamvu z'Imyigire yo mu rwego rw'Amarangamutima n'Imibanire igamije gufasha umunyeshuri kwiyongerera icyizere, isano n'abantu n'ibintu ndetse no kwicunga
- Amahirwe ku banyeshuri yo guteza ukwisanga n'ubuyobozi binyuze mu kwitabira ibikorwa nk'inya Karabu ya Garden, Karabu y'Ubugeni, Field-to-Fork, Itsinda ry'Amasomo, College Mentors for Kids, Bricks 4 Kids, Itsinda ry'Ikoranabuhanga, Itsinda rya dame, n'ibindi
- Amahirwe y'imikino ku banyeshuri, harimo basketball, baseball, cheerleading (gushimisha abitabiriye ibirori), Girls on the Run, umupira w'amaguru, itsinda ry'ababyinnyi (step team), tennis, na volleyball.
- Ikigo cy'Icyitegererezo giteza imbere ubuzima bw'abanyeshyuri (HPSE) n'Ikigo giha ubufasha imiryango cya FRC gikora buri gihe, gifite ububiko bw'ibiribwa n'ububiko bw'imyambaro.
- Umuforomokazi w'ishuri ukora igihe cyose n'ubufatanye na Norton itanga serivisi z'ubuvuzi mu buryo bw'iyakure ku banyeshuri bafite uruhushya rw'ababyeyi mu gihe cy'amasomo.

Mill Creek Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 399
Telefoni: (502) 485-8301
Aderesi: 3816 Dixie Highway, Louisville, KY 40216
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/mill-creek-elementary

Icyerekezo cyacu ni ukuba ishuri ry'indashyikirwa mu miyoborere ryo mu mujyi

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Umuyobozi mu kigo cya Me
- Imikoranire y'Ihuriro ry'ababyeyi n'abarimu (PTA) rigamije kuzamura imitsindire y'abanyeshuri
- Gahunda y'Urugendo rwo Kugera ku Ntsinzi ku Rwego rw'Ishuri
- **Amasomo yihariye:** Igifasransa, isomero, itangazamakuru, ubugeni, umuziki, na Siporo (PE)
- Amahirwe y'itsinda ry'abaririmbyi ku banyeshuri biga mu mwaka wa gatanu
- Ibitaramo by'umuziki bya buri mwaka bitegurwa na buri shuri
- Ahantu hanze hagenewe kwigirwa
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Itsinda ry'Abanyeshuri Rishinzwe Ubuyobozi, Itsinda ry'Amasomo, basketball, Girls Who Code, porogaramu za robo, no kubyina no gufana amakipe
- Kwinjiza Abanyeshuri bafite Impano z'Ibanze n'Abanyeshuri bafite Impano n'Ubushobozi Bwihariye muri Gahunda y'Amasomo

Rutherford Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 477
Telefoni: (502) 485-8320
Aderesi: 301 Southland Boulevard, Louisville, KY 40214
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/rutherford-elementary

Icyo twibandaho cy'ingenzi ni ugukorana n'imiryango kugira ngo twizere ko abanyeshuri bacu bose batsinda. Twizera dushikamye ko binyuze mu gukora cyane ndetse no gufungura inzira yo guhana amakuru hagati y'umuryango mugari n'ikigo cyacu, abanyeshuri b'Ikigo cy'amashuri abanza cya Rutherford bazabasha kugera kuri byinshi birenze ndetse bagihinduka abahora bigira mu buzima, bitunze batanga umusanzu ukomeye kuri sosiyete.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Abanyeshuri bongerera ubumenyi bwo gutekereza birimo gushyira mu gaciro muri Gahunda y'urwego rwisumbuye
- Integenyanyigisho ishingiye ku myandiko ishyigikirwa n'amasomo atangirwa mu itsinda ndetse ashingiye no ku bushakashatsi
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Imikino n'ibikorwa bikorwa nyuma y'amasomo binyuze mu Kigo Gishinzwe Ibikoresho n'Ubufasha bw'Imiryango (FRC), birimo Itsinda ry'Amasomo, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Itsinda ry'Umukino wa Dame, basketball, umupira w'amaguru, kubyina no gufana amakipe, orokesitere, n'itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika
- Laboratwari yo Guteza Imbere Ubushobozi bwo Gusoma Ikora Igihe Cyose
- Icyumba umunyeshuri na mwarimu baganiramo no gushyira mu matsinda yihariye, bikorwa hagendewe ku byo umunyeshuri akeneye binyuze muri myigire ishingiye ku mishinga (PBL) bigamije guteza imbere imyigire yo gufatanya
- Gukorana n'abandi, inyigisho zishingiye ku mahame y'urwego ahantu h'imico myinshi
- Indimi zivugwa zirenga 16

Semple Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 567
Telefoni: (502) 485-8324
Aderesi: 724 Denmark Street, Louisville, KY 40215
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/semple-elementary


Umuryango mugari w'ikigo cy'amashuri abanza cya Semple uzigisha buri munyeshuri ugamije ko agera ku byo ashoboye byose mu bijyanye n'amasomo, imibanire n'amarangamutima. Ritanga ahantu hatekanye ndetse hita ku bantu, abakozi bacu bafasha abanyeshuri mu kongera ubumenyi bufasha kuba abanyagihugu batanga umusaruro muri sosiyete yacu ihora ihindagurika. Abanyeshuri bungukira ku buryo bwo kwiga bukoresha isuzuma rishingiye ku bipimo by'uburezi n'uburyo butandukanye bwo kwigisha bujyana n'uburyo abanyeshuri bigamo butandukanye, kugira ngo abanyeshuri bose bashyigikirwe, harimo n'abavuga indimi zitandukanye.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Imyigishirize y'umuntu ku giti cye hagamijwe kugera ku byo umunyeshuri akeneye binyuze mu itsinda rito ritangirwamo ubufasha n'amasomo yo kongera ubumenyi
- Ritanga amahirwe menshi y'imyigire yongerwe
- Giha akazi umuforomo ukora iminsi yose
- Ni ishuri rikoresha Uburyo bwo Gusana Umubano (RP), kandi ritanga ubufasha mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe binyuze muri Seven Counties Services no mu Kigo Gishinzwe Gufasha Imiryango (FRC)
- Laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubuhanzi n'Imibare (STEAM)
- Laboratwari y'Ubumenyi n'Ubushakashatsi ku Mibereho y'Abaturage
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Basketball, kubyina no gufana amakipe, itsinda ry'imbyino za step, orokesitere, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, Itsinda ry'Amasomo/Amarushanwa yo Gusubiza Ibibazo Vuba, umupira w'amaguru, itsinda ry'abaririmbyi, gucuranga gitari, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), VEX Robotics, na Gahunda y'Abanyeshuri bafite Impano n'Ubushobozi Bwihariye/ Itsinda ry'Abafite Impano



Zone ya Jeffersontown



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Cochrane Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 512
Telefoni: (502) 485-8231
Aderesi: 2511 Tregaron Avenue, Louisville, KY 40299
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/cochrane-elementary

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Rikora ku buryo abanyeshuri bahabwa amahirwe yo kwiga agamije kongera ubumenyi, kubatiza umurindi kandi ateguwe ku buryo bwihariye ku giti cy'umuti bigamije gushakisha ibindi bikorwa by'imyigire bibamo ubumenyi bugamije gutsinda no gusobanukirwa ku buryo bwimbitse bw'ibisobanuro by'ibintu
- Ritanga amasomo anyuranye kandi ateguwe ku buryo bunononsoye mu masomo yose
- Rivanga ikoranabuhanga ryo ku rwego rwo hejuru, harimo ikibaho cyo mu buryo bw'ikoranabuhanga, Chromebooks, iPads, n'Ishuri rya Google mu nteganyanyigisho
- Ritanga ibikorwa bitabarwa mu nteganyanyigisho binyuranye, harimo Junior Beta Club, umukino w'intoki wa Basketball, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, amasiganwa yo kwiruka, umukino w'umupira w'amaguru, Yearbook, gucunga umutekano, Quick Recall, Girls Who Code, Gahunda y'imyigire y'ikoranabunga ifasha abanyeshuri kwikemurira ibibazo (STLP) yatwaye igihembo
- Riha abanyeshuri amahirwe y'ubugeni bujyanye n'amashusho n'imbyino, harimo orukesitere n'itsinda ririmba rikanacuranga
- Ryigisha abanyeshuri iby'ibanze mu cyiciro cyo guhana amakuru binyuze mu makuru ya mu gitondo ategurwa n'umunyeshuri.
- Uhabwa inkunga ya 5x5 Fund ku nkunga zigenewe Ubugeni, ziha abanyeshuri ibijyanye n'ubugeni
- Risigasira ubufatanye bukomeye hagati y'ababyeyi n'umuryango mugari kugira ngo hongerwe imitsindire y'umunyeshuri



Farmer Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 741
Telefoni: (502) 485-8625
Aderesi: 6405 Gellhaus Lane, Louisville, KY 40299
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/farmer-elementary

Ikigo cy'amashuri abanza cya James E. Farmer cyiyemeje guteza imbere imyigire ifite intego z'ubuzima bwose ku banyeshuri bose, binyuze mu gutanga ubumenyi n'ibitekerezo bishya mu buryo buboneye, bwita ku mwana.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Imyigire y'umuntu yihariye yigishwa n'abarimu bafite ubumenyi buhagije, harimo Akanama k'abarimu bemewe (NBCTs), abarimu batwaye igihembo cy'Indashyikirwa mu myigishirize yo mu Ishuri no kugaragaza ubushobozi bwo kuyobora mu Burezi (ExCEL) ndetse n'umwarimu watwaye igihembo cya Milken Educator cya 2021;
- Uburyo bwo kwiga gusoma no kwandika bukoreshwa mu kigo hose n'uruhare rw'abakozi muri gahunda y'amasomo y'Iby'ibanze mu rurimi ku barimu bigisha Gusoma n'Imivugire y'amagambo (LETRS), Umushinga w'Ishami rya Kentucy Rishinzwe Uburezi (KDE)
- Ritanga amasomo anyuranye kandi ateguwe ku buryo bunononsoye mu masomo yose
- Amasomo yigishwa mu ishuri ya Siyanse, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, n'Imibare (STEM); imibereho irimo kwiyitaho no kwita ku bintu bigukikije; gufasha abanyeshuri kumenya imyuga bakurikirana; ubugeni n'amasomo kimwe n'amahirwe atangwa rimwe y'abanyeshuri bo mu mwaka wa gatunu yo kwiyandikisha mu itsinda ririrmba rikanacuranga cyangwa orukesitere
- Ingendoshuri zigamije kongera inyunguramagambo n'ubumenyi bw'ibanze
- Gitanga umukino w'intoki wa Basketball, Quick Recall, Gukemura ibibazo, gucunga umutekano, Inama y'abanyeshuri, n'amarobo ya VEX
- Ibikorwa by'iminsi mikuru by'umwaka, nk'ibya Walk-a-thon na Color Run by'Ishyirahamwe ry'Ihuriro ry'Abarimu n'Ababyeyi (PTA), Trunk or Treat, Imigoroba yo kwishimisha ku imiryango; Umugoroba wa Science (siyansi), Technology (ikoranabuhanga), Engineering (ubwubatsi), Arts (ubugeni) na Mathematics (imibare) - (STEAM); Umugoroba wo Gusoma no Kwandika; na Spring Fling
- Ubufatanye bufite igisobanuro n'ababyeyi n'umuryango mugari

Jeffersontown Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 648
Telefoni: (502) 485-8274
Aderesi: 3610 Cedarwood Way, Louisville, KY 40299
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/jeffersontown-elementary

Ikigo cy'amashuri abanza cya Jeffersontown kirema abanyeshuri b'abahanga mu myigire mu byiciro byose by'amasomo binyuze mu gukoresha uburyo bw'imyigishirize buboneye, guhanga udushya, ikoranabuhanga, n'amahirwe yo kwiga byimbitse. Duterwa ishema n'umuco wacu wo kwita ku bantu, mwiza ugamije kongerera ubumenyi abanyeshuri bacu uko bagera ku byo bashoboye. Twizera ko "Gukorera Hamwe Bituma Inzozi Zigerwaho."

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Gahunda y'Uburezi bw'Abanyeshuri bafite Impano n'Ubushobozi Bwihariye na Gahunda y'Abanyeshuri bafite Impano z'Ibanze
- Amasomo y'Icyesipanyolo yo ku myaka yose
- Gahunda y'ubugeni n'amasomo y'ubumenyamuntu atuma abanyeshuri bagaragaza impano mu mitsindire y'amasomo yabo y'umwaka
- Abarimu n'abakozi bafite impamyabumenyi n'ibindi byemezo by'inyongera ndetse n'ibihembo byinshi, birimo ibyemezo by'Inama y'Igihugu y'Abarimu, ibyemezo bya Google Classroom na Modern Classroom, ibyemezo mu buyobozi, uburezi bw'abanyeshuri bafite impano n'ubushobozi bwihariye, ibyemezo byihariye mu Guteza Imbere Ururimi rw'Icyongereza (ELD), no guteza imbere ubushobozi bwo gusoma no kwandika
- **Amasomo yihariye na gahunda zihariye:** Itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika; orokesitere; ubuhanzi bwo kureba; Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubuhanzi n'Imibare (STEAM); isomero; ubumenyi ngiro bwo mu buzima bwa buri munsi; n'ubuhanzi bwo kwerekana
- Gahunda y'amasomo ya Character Strong ikoreshwa mu ishuri ryose kugira ngo ifashe abanyeshuri guteza imbere ubushobozi bwo kubana n'abandi no gucunga amarangamutima
- Ritanga amasomo yigishirizwa hanze y'ishuri
- Ishyirahamwe ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA) ryegukanye ibihembo, ritegura buri kwezi Ibikorwa byo Kwishimisha hamwe n'Imiryango ndetse n'umunsi ngarukamwaka cyo kugenda n'amaguru cya Walk-a-Thon
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Itsinda ry'Amasomo ryahawe ibihembo, Louisville Ballet, kubyina, kubyina no gufana amakipe, basketball, umupira w'amaguru, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Bricks 4 Kidz, gutunganya ubusitani, gukoresha porogaramu za robo, ikinamico, ururimi rw'Icyesipanyoli, Women of Worth, Men of Quality, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, dame, kwiruka intera ndende, n'irushanwa ryo kugenda cyangwa kwiruka (Walk-a-Thon)



Perry Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 449
Telefoni: (502) 485-8348
Aderesi: 755 Dixie Highway, Louisville, KY 40210
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/perry-elementary

Intego: Perry Elementary ishyigikira kandi igashishikariza abanyeshuri gukomeza kwiga ubuzima bwabo bwose, mu muryango utanga amahirwe angana ku banyeshuri bose. Tuzakomeza gukorana n'umuryango mugari w'ishuri ryacu twifashishwa uburyo bwo gukorera hamwe no guhanga udushya bituma abanyeshuri bose bagera ku ntsinzi.

Icyerekezo: Perry izahinduka ishuri ry'itandukaniro ryibanda ku kwigisha umwana kugeza akuze rirema abantu mo abantu bateguwe neza, bigirira icyizere ndetse bafata inshingano ariko rizamura ibyo bitegwaho bihambaye. Abanyeshuri bose bazarangiza mu kigo cy'amashuri abanza cya Perry batsindira ku cyigero cy'umwaka barimo cyangwa bakirengeje mu gusoma n'imibare.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Duha imiryango y'abanyeshuri ikaze nk'abafatanyabikorwa mu kugera ku mwana no kumwigisha.
- Gukoresha ikoranabuhanga buri munsi, harimo n'irya Chromebooks
- Ryitega ko abanyeshuri bagira imyitwarire myiza cyane
- Ryibanda ku buryo bwiza bw'imyinyigire ndetse no kwiyongera kw'imitsindire n'imikurire ya buri munyeshuri.
- Gikoresha Uburyo bwa House System mu kigo cyose bwongera gutuma umunyeshuri, abakozi n'imiryango biyumvamo ko ari iwabo
- **Amasomo yihariye:** Ubuhanzi/Umuziki; Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubuhanzi n'Imibare (STEAM); Ibikoresho n'Ibikorwa byo mu Isomero; imyitozo ngororamubiri (PE); Gahunda y'Amashuri Arangwa n'Impuhwe (CSP); no Kwiga Kubana Neza n'Abandi no Gucunga Amarangamutima (SEL)/Kwiga Binyuze mu Mishinga (PBL)
- Umutwe wa I, ikigo kitishyuza
- Gukoresha amabwiriza y'imyambarire asaba ko hambarwa impuzankano



Tully Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 797
Telefoni: (502) 485-8338
Aderesi: 3300 College Drive, Louisville, KY 40299
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/tully-elementary

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Tully itanga amasomo y'inyongera n'ayisumbuyeho hakurikijwe ibyo buri munyeshuri akeneye aho abanyeshuri bashishikarizwa kwiga binyuze mu mishinga bakora ubwabo no mu bumenyi n'ubushobozi bya JCPS bifasha abanyeshuri gutsinda.
- Buri cyumba cy'ishuri cya Tully gitanga gahunda ikomeye y'amasomo kandi kigakoresha uburyo butandukanye bwo kwigisha kugira ngo buri munyeshuri ahabwe ubufasha akenera kandi ashishikarizwe gutera imbere mu myigire.
- Tully itanga Laboratwari yihariye ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM), ifite ibikoresho n'ubushobozi bugezweho mu bwubatsi n'ikoranabuhanga bifasha abanyeshuri kwiga neza.
- Tully ifite bamwe mu barezi bazwi cyane muri aka karere, barimo abarimu 12 bafite icyemezo cy'Inama y'Igihugu y'Abarimu (NBCTs), abatsindiye Ibihembo 2 by'Indashyikirwa mu Kwigisha mu Ishuri no mu Buyobozi bw'Uburezi (ExCEL), ndetse n'abarimu ba JCPS b'Umuziki n'Imyitozo Ngororamubiri (PE) b'Umwaka.
- Tully iha abanyeshuri ahantu hagari kandi havuguruwe, harimo ahantu hanini hari ibyatsi ho gukinira, icyumba gikoreshwa mu bikorwa bitandukanye, n'igice cyihariye cy'ubuhanzi.
- **Amatsinda n'ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Itsinda ry'Amasomo, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, basketball, Jr. Beta Club, kubyina no gufana amakipe, kwiruka intera ndende, DARE, itsinda ry'abacuranzi n'abaririmbyi, Gifted Girls, umukino wa hockey ukinirwa hasi, Itsinda ry'Ubuyobozi, orokesitere, Gukemura Ibibazo, Amarushanwa yo Gusubiza Ibibazo Vuba, Porogaramu za Robo, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), umupira w'amaguru, gusiganwa ku maguru, volleyball, no Gusuzuma Ubushobozi bwo Kwandika
- Uretse Ishyirahamwe ryacu ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA) rikora cyane, Tully itegura buri gihe gahunda zituma imiryango igira uruhare kandi ikaba abafatanyabikorwa nyakuri mu burezi bw'abana babo.

Watterson Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 459
Telefoni: (502) 485-8342
Aderesi: 3900 Breckenridge Lane, Louisville, KY 40218
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/watterson-elementary

Ku kigo cy'amashuri abanza cya Waterson, duhindura abantu mo abayobozi mu buzima bwose binyuze mu buryo bwiza ndetse budaheza bwongera iterambere ry'umuntu ku giti cye. Turi Ikigo cya Leader in Me giharanira kwimika mu banyeshuri bose Amahame 7 Y'Umwana wishimye, bituma babasha kugera ku byo bashoboye mu masomo, imibanire n'amarangamutima.


Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Gahunda y'abanyeshuri bagaragaza impano zidasanzwe n'Italanto n'itsinda ry'abanyeshuri b'abanyempano bo mu cyiciro cy'ibanze
- Gahunda ya National Elementary Honor Society
- Abajyanama mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe ndetse n'ubujyanama mu mibanire/amarangamutima
- Ryibanda ku buryo bwiza bw'imyinyigire ndetse no kwiyongera kw'imitsindire n'imikurire ya buri munyeshuri.
- Ishuri riri muri Gahunda ya Leader in Me, rifasha abanyeshuri guteza imbere imibereho myiza, imibanire n'abandi no gucunga amarangamutima
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Itsinda ry'Amasomo ryegukanye ibihembo, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, Inama y'Abanyeshuri, gahunda z'ikoranabuhanga, basketball, kwiruka intera ndende, umupira w'amaguru, itsinda ry'abanyeshuri riyobora ibikorwa by'ishuri, Men of Quality, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Gifted Girls, na porogaramu za robo
- Ubufasha butangwa n'Ishyirahamwe ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA)



Zone ya Moore

Price Elementary ni ishuri ryunganira abanyeshuri bo muri Zone ya Moore. Reba kuri paji ya 36 kugira ngo ubone andi makuru yerekeye Price.



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Hartstern Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 582
Telefoni: (502) 485-8262
Aderesi: 5200 Morningside Way, Louisville, KY 40219
Urubuga: https://www.jefferson.kyschools.us/o/hartstern

Abarezi bacu bitanga ku murimo bafite intego zisobanutse kandi bibanda ku byo buri munyeshuri akeneye, bakareba ko buri mwana ahabwa ubufasha akeneye kugira ngo atsinde.

Intego: Dufasha abanyeshuri gutsinda binyuze mu gukorera hamwe, inyigisho zinoze, n'umuco w'ishuri ubashyigikira.

Icyerekezo: Hartstern Elementary yubaka umuryango w'abakozi bigira hamwe kandi bagakorana kugira ngo batange inyigisho nziza kandi zishishikaje mu bidukikije birangwa no kwita ku banyeshuri.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- **Ubufatanye n'ubunyamwuga:** Gukorera hamwe kugira ngo dukoreshe uburyo bwiza bwo gufasha abanyeshuri kwiga
- **Inyigisho zifite ireme:** Kwitega ko abanyeshuri bakora neza no gukoresha uburyo bwo kwigisha bushimisha kandi bwibanda ku byo abanyeshuri bakeneye
- **Umuco mwiza w'ishuri:** Kwibanda ku myitwarire myiza isabwa mu ishuri ryose (Kugira inshingano, Kubaha abandi, no Kugira Umutekano [B.U.S.] kugira ngo habeho ahantu hizewe kandi hakira neza abanyeshuri bose.)

Luhr Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 511
Telefoni: (502) 485-8295
Aderesi: 6900 Fegenbush Lane, Louisville, KY 40228
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/luhr-elementary

Ikigo cy'amashuri abanza cya Luhr itegurira abanyeshuri ahazaza itanga uburyo bw'imyigire bukwiye burimo kugira uruhare mu bikorwa, ubw'imikurire mu kigo cy'amashuri kita ku bandi. Intero yacu ni "Buri Munyeshuri ni Ingenzi, Buri Kanya ni Ingirakamaro." Dukora dufatanyije n'ababyeyi ndetse n'umuryango mugari kugira ngo tubashe kugera ku byo abanyeshuri bakeneye mu rwego rwo guharanira ko babashe kugera ku byo bashoboye byose.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Amasomo y'Ubufasha n'Ingamba zo Guteza Imbere Imyitwarire Myiza (PBIS) ku bushobozi butandukanye bwo kubana n'abandi no kugira imico myiza, kugira ngo abanyeshuri bateze imbere ubushobozi bwo gukorera hamwe
- Buri munsi ishimira abanyeshuri ku myitwarire myiza binyuze muri gahunda ya ROAR Buck yo gushimira imyitwarire myiza
- Itanga gahunda nziza muri Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM), Ubuhanzi bwo kureba, Imyitozo ngororamubiri (PE), n'Umuziki
- Ishuri riri muri gahunda ya Leader in Me rifasha abanyeshuri guteza imbere ubushobozi bwo kuyobora kandi rigashimira abanyeshuri binyuze muri Gahunda y'Umuyobozi w'Ukwezi no mu Itsinda ry'Abanyeshuri Riyobora Ibikorwa by'Ishuri
- Ibikorwa by'Ikigo Gifasha Imiryango (FRC) bikorwa mbere na nyuma y'amasomo, n'amahirwe y'imiryango yo kugira uruhare mu bikorwa by'ishuri: Basketball, kubyina no gufana amakipe, volleyball, umupira w'amaguru, tenisi, kwiruka intera ndende, pickleball, gukirana, Amarushanwa yo Gusubiza Ibibazo Vuba, Gukemura Ibibazo by'Ahazaza, Scrabble, Bricks 4 Kids, porogaramu za robo, orokesitere, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, amasomo yo guteka, Creative Futures After-School Club (CFAC), na Pokémon Club
- Itanga serivisi zihariye zo gufasha Abanyeshuri bari muri Gahunda Yihariye y'Uburezi bw'Abanyeshuri Bafite Ubumuga (ECE), n'izindi serivisi z'ubufasha ku banyeshuri
- Uburezi n'ubufasha mu kurera abana mbere na nyuma y'amasomo, ndetse no mu gihe cy'ibiruhuko by'impeshyi, biboneka ku ishuri binyuze muri Champions, Inc ku minsi y'amasomo guhera saa 7 za mu gitondo na nyuma y'amasomo kugeza saa 6:30 z'umugoroba.

Smyrna Elementary


Abanyeshuri Cyakira: 579
Telefoni: (502) 485-8329
Aderesi: 6401 Outer Loop, Louisville, KY 40228
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/smyrna-elementary

Abakozi, ababyeyo, n'umuryango mugari w'ikigo cy'amashuri abanza cya Smyrna ni abafatanyabikorwa babyiyemeje, bakora ku buryo abanyeshuri bacu bagera ku rwego rw'ubumenyi bw'imyigire buhagije, bakura mu buryo bw'imibanire n'amarangamutima ndetse rikanarema uburyo bw'imyigire budasumbanya aho abanyeshuri bose babasha kubo.na inyigisho zifite ireme ryo ku rwego rwo hejuru ndetse no mu bintu byinshi binyuranye bijyanye n'imyigire

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Gikoresha Uburyo bwa House System mu kigo cyose bwongera gutuma umunyeshuri, abakozi n'imiryango biyumvamo ko ari iwabo
- Ibikoresho n'ibikorwa byo mu isomero by'igihe cyose; umuziki; Laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubuhanzi n'Imibare (STEAM); imyitozo ngororamubiri (PE); n'amasomo ahitamo abanyeshuri bo mu mwaka wa kane n'uwa gatanu
- Kugera ku bugeni byisumbuyeho binyuze mu kigega cya 5x5 ku nkunga igenewe guteza imbere ubugeni
- Inama ziyoborwa n'abanyeshuri zifasha abanyeshuri gusangiza ababyeyi babo ibyo babashije kugeraho, aho bongereye ubumenyi, n'intego
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Porogaramu za robo, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Serivisi z'Inyongera ku Masomo (ESS), itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, basketball, umupira w'amaguru, kwiruka intera ndende, na Girls on the Run
- Ijwi ry'umunyeshuri, ubuvugizi, n'imbuga za serivisi zo kwiga ziterwa inkunga binyuze mun'amahirwe y'imyigire yibanda ku bibazon'ishingiye ku Mishinga (PBL)
- Gahunda Yihariye y'Uburezi bw'Abanyeshuri Bafite Ubumuga (ECE), n'izindi serivisi zo gufasha umunyeshuri zihabwa abanyeshuri bose binyuze mu matsinda mato y'imibare ndetse no gusoma

Zone ya Pleasure Ridge Park



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Eisenhower Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 584
Telefoni: (502) 485-8244
Aderesi: 5300 Jessamine Lane, Louisville, KY 40258
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/eisenhower-elementary

Ku kigo cy'amashuri abanza cya Eisenhower, turi Abanyeshuri! Abayobozi! IBIZU! Duha amahirwe abanyeshuri bose kugira ngo tubafashe kugira ubumenyi bukenewe bw'imyigire ndetse n'ubw'imibanire kugira ngo babashe kuba abanyagihugu batanga umusaruro. Ikigo cyacu gitanga ahantu ho kwigira hatekanye kandi ho gutyariza ubumenyi hafasha imitsindire y'abanyeshuri bose ariko hongera ibyitezwe byo ku rwego rwo hejuru n'imyitwarire.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Gishyirwa ku mwanya wa mbere mu bigo bibasha kwesa imihigo mu gace Southwest Jefferson
- Uruhare rukomeye rw'umuryango mugari n'urw'ababyeyi
- Amasomo ya Gahunda z'abanyeshuri bagaragaza impano zidasanzwe hamwe n'amahirwe y'imyigire yihutishijwe
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Volleyball, basketball, kubyina no gufana amakipe, umupira w'amaguru ukinwa ufite amabendera, kumasha, golf, tenisi, Girl Power, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, gukoresha porogaramu za robo, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, Inama y'Abanyeshuri, Itsinda ry'Ubuhanzi, Girls on the Run, n'amatsinda y'amasomo
- **Gahunda zo gutyaza ubumenyi:** Laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, n''Imibare (STEM), Siporo (PE), Ubugeni, Umuziki, Ururimi rw'amahanga; n'Itangazamakuru ryandika
- Imyigire y'umuntu ku gite cye itangwamo ubufasha binyuze mu bikorwa byo nyigisho, ibikorwa bigamije gufasha abana bato bafite ubumuga, serivisi za Gahunda Yihariye y'Uburezi bw'Abanyeshuri Bafite Ubumuga (ECE), Study Island, Accelerated Reader, Lexia, Dreambox, ndetse n'andi mahirwe yo kwiga mu buryo bw'ikoranabuhanga



Greenwood Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 442
Telefoni: (502) 485-8260
Aderesi: 5801 Greenwood Road, Louisville, KY 40258
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/greenwood-elementary

Ku kigo cy'amashuri abanza cya Greenwood, intego yacu ni ugufasha abanyeshuri kuba biteguye mu buryo bw'imyigire n'imibanire mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri abanza no kuzamura. Tuzatanga uburyo bw'imyigire butekanye, budasumbanya, ziteza imbere ibyitegwa byo ku rwego rwo hejuru ndetse n'inyigisho zifite ireme ryo ku rwego rwo hejuru ku banyeshuri bose muri buri shuri. Greenwood izwi nk'ishuri ry'intangarugero kubera inyigisho n'imyigire binoze ndetse n'umuco mwiza w'ishuri Abanyeshuri ba Greenwood bazajya baba bakorana n'abandi, bagaragaza udushya, ndetse baba aba ambasaderi bo ku rwego rw'isi ndetse badatsimburwa bagira ingaruka nziza ku kigo ndetse n'umuryango mugari.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Serivisi z'Inyongera ku Masomo (ESS) n'ubufasha bushingiye ku bushakashatsi
- Uruhare rukomeye rw'umuryango mugari n'urw'ababyeyi
- Giteza imbere imiyoborere binyuze muri gahunda nk'ikzo zo gucunga umuteka ndetse n'abanyeshuri b'abambasaderi
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Basketball, umupira w'amaguru, kubyina no gufana amakipe, kwiruka intera ndende, volleyball, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, ikinamico, STEP, Itsinda ry'Umuziki, Kindness Club, na Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP)
- Ikigo cy'Icyitegererezo giteza imbere ubuzima bw'abanyeshyuri (Health Promotion School of Excellence, HPSE) Kiyoboye
- Gitanga ibikorwa by'iminsi mikuru bigenewe umuryango n'umuryango mugari, harimo igikorwa ngarukamwaka cya Greenwood Color Walk, Ibirori by'Urugaryi, amajoro yo guteka, imbyino, amamurikagurisha y'abanyeshuri



Kerrick Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 293
Telefoni: (502) 485-8284
Aderesi: 2210 Upper Hunters Trace, Louisville, KY 40216
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/kerrick-elementary

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Imyigishirize igora abanyeshuri hibandwa ku byishimo mu myigire
- Ishuri rikoresha uburyo butandukanye bwo gufasha buri munyeshuri hakurikijwe ibyo akeneye, binyuze mu matsinda mato atanga amasomo y'inyongera n'ubundi bufasha
- Amahirwe akunda kubaho yo gukorana n'umuryango mu rwego rwo guteza imbere ibyo abanyeshuri banyuramo bijyanye n'imitekerereze, imibereho myiza, n'uburezi
- Gahunda zo gufasha kwikosora (RP) n'Ikigo gitanga Gahunda z'Ubufasha n'Ingamba zo Guteza Imbere Imyitwarire Myiza (PBIS)
- Ikigo giha ubufasha imiryango (FRC) gitanga serivise z'ubufasha zitandukanye ku miryango
- Umuforomo n'umuganga w'ubuzima bwo mu mutwe kuri site
- **Amasomo yihariye:** Laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubuhanzi n'Imibare (STEAM), n'ubuhanzi bwo kureba no kwerekana

Sanders Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 327
Telefoni: (502) 485-8322
Aderesi: 8408 Terry Road, Louisville, KY 40258
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/sanders-elementary

Ku kigo cy'amashuri abanza cya Sanders, intego yacu ni ugutuma habaho umuryango mugari mu myigire ugirana imikoranire utanga uburezi, wongerera ubushobozi, ukanashishikariza abanyeshuri bose kugera ku ntego zabo no kuba abanyeshuri beza b'urugendo rw'ubuzima. Dutanga inyigisho nziza zishingiye ku bushakashatsi kugira ngo abanyeshuri bigishwe mu buryo bubafasha kwiga neza cyane. Duteza imbere umuco mwiza kandi urangwa n'uburinganire mu ishuri, aho kwitega ko abanyeshuri bakora neza, kwiga mu buryo bufite akamaro, no kubafasha ari byo shingiro bituma baba abayobozi biyizeye, biteguye kandi bagira ubugwaneza. Twiyemeje gufasha buri munyeshuri gutsinda no gutera imbere buri munsi!

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Guteza imbere ubushobozi bwo kuyobora binyuze muri gahunda ya Character Strong
- **Ibikorwa bya nyuma y'amasomo n'iby'abanyehsuri:** Itsinda ry'Amasomo, kumasha, volleyball, basketball, gukina bowling, Girls on the Run, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), ijoro ry'imibare no gusoma, umunsi w'impano, umunsi w'imyuga, umunsi w'imikino, imurikabikorwa ry'ibyo abanyeshuri bagezeho, n'ibindi byinshi
- **Gahunda z'ibikoresho bya muzika zihariye:** Gahunda ya Weisberg Suzuki Violin, bande, na orukesitiri
- **Amasomo yihariye:** Amasomo y'ubuhanzi n'umuziki; ibikoresho n'ibikorwa byo mu isomero; Laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM); Laboratwari yo Kwiga hakoreshejwe ibikorwa; n'imyitozo ngororamubiri (PE)
- **Amahirwe abanyeshuri bafite yo kuba abayobozi:** Itsinda rya Sanders Snaps Newscast, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), imishinga y'ubuyobozi bw'umuryango mugari ikorwa na buri cyiciro cy'amashuri, abayobozi b'isomero, n'abanyeshuri bafasha bagenzi babo mu myigire
- Serivisi z'ubufasha zitangwa binyuze mu Kigo Gishinzwe Gufasha Imiryango (FRC), umukozi w'igihe cyose wita ku buzima bwo mu mutwe, n'umujyanama ufasha mu gushyira mu bikorwa Gahunda Yihariye y'Uburezi bw'Abanyeshuri Bafite Ubumuga (ECE)



Shacklette Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 472
Telefoni: (502) 485-8325
Aderesi: 5310 Mercury Drive, Louisville, KY 40258
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/shacklette-elementary

Intego: Ku kigo cy'amashuri abanza cya Shacklette, intego yacu ni uguha buri munyeshuri uburezi bufite ireme n'icyubahiro, buha agaciro imico itandukanye, no gukora hagamijwe guteza imbere imitsindire n'imyitwarire kugira bitegure kujya muri koleji cyangwa mu kazi ka kinyamwuga.

Icyerekezo: Kuri Shacklette Elementary, twiyemeje kubaka umuryango w'ishuri urangwa n'ubutabera n'impuhwe, aho buri mwana ahabwa agaciro, agashyigikirwa, kandi agashishikarizwa gutsinda neza mu myigire no kugira imico myiza. Dufasha abanyeshuri kuba abiga bifitiye icyizere n'abaturage bafite inshingano, biteguye kuzagira icyo bageraho mu gihe kizaza.

Hano muri Shacklette, abanyeshuri bose barisanga. "Umuryango w'Abatsinzi aho dufasha umwana wawe kuba umutsinzi."

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- **Ubufasha mu mibereho n'amarangamutima:** Gahunda yo guhemba abanyeshuri kubera Ubufasha n'Ingamba zo Guteza Imbere Imyitwarire Myiza (PBIS), amasomo ya buri munsi yo Guteza Imbere Imico Myiza, n'amasomo yo Kubayobora atangwa n'umujyanama w'ishuri wahuguriwe gukora uwo murimo
- Ikigo Gishinzwe Gufasha Imiryango (FRC) gikora igihe cyose n'umukozi w'igihe cyose wita ku buzima bwo mu mutwe
- Serivisi za Seven Counties zitangirwa ku Ishuri
- Abanyeshuri bafite imico itandukanye, kandi bavuga indimi zirenga 15
- **Amatsinda n'imikino ngororangingo:** Itsinda ry'Amasomo, basketball, no kubyina no gufana amakipe
- Itsinda ry'abacuranga umuziki wa Rock mu masomo yihariye



Wellington Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 424
Telefoni: (502) 485-8343
Aderesi: 4800 Kaufman Lane, Louisville, KY 40216
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/wellington-elementary

Wellington Elementary School itanga ahantu ho kwigira harangwa n'ubwuzu no kwita ku banyeshuri, aho abanyeshuri bose bumva bafite umutekano kandi bumva ko ari ab'aho. Dushyiriraho abanyeshuri bose intego zo kwiga ziri hejuru kandi tugatanga gahunda z'amasomo zibasaba gukora cyane kandi ziha bose amahirwe angana. Dukorana na buri muryango kugira ngo dufashe abanyeshuri bose kugira uburambe bwiza kandi batsinde mu ishuri.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Imikino y'amakipe, umupira w'amaguru, basketball, volleyball, kubyina no gufana amakipe, itsinda ry'abaririmbyi, kwiruka intera ndende, n'Itsinda ry'Ubuhanzi
- **Gahunda z'ubujyanama:** Sowing Seeds, Beautiful As You Are (BAYA), Talented Minds, na Healthy Relationships
- **Uruhare rw'umuryango:** Umunsi Mukuru w'Igihe cy'Urugaryi, Ijoro ryo Gusoma no Kwandika, Ifunguro rya saa sita ry'Umunsi wo gushimira Imana hamwe n'imiryango, Ifunguro rya mu gitondo ry'ikiruhuko, Sneaker Ball, Umunsi mukuru w'igihe cy'Urugaryi, Imurikagurisha ry'ibitabo rya Scholastic, Serivisi z'ubuvuzi zitangirwa kuri interineti za Wellington, Ivuriro ritanga inkingo, n'Ivuriro ry'Amenyo
- **Ubufatanye n'umuryango mugari:** Shirley's Way; DOW Chemical Company; Zoeller; Alpha Kappa Alpha Sorority, Inc.; G.R.E.A.T. Metro Program; Kentucky Science Center; Louisville Free Public Library (LFPL); na Louisville Orchestra
- **Ubufasha ku Banyeshuri:** Umujyanama w'ishuri, umukozi wemewe mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe, Ikigo Gishinzwe Gufasha Imiryango (FRC), n'umuforomo w'ishuri

Wilkerson Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 504
Telefoni: (502) 485-8351
Aderesi: 5601 Johnsontown Road, Louisville, KY 40272
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/wilkerson-elementary


Ikigo cy'amashuri abanza cya Wilkerson ni umuryango mugari w'abanyeshuri aho imico itandukanye ihabwa agaciro kandi abanyeshuri bose bumva bahawe ikaze. Dushishikajwe n'iterambere rya buri munyeshuri rijyanye n'amasomo, imibanire n'amarangamutima.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Kubaha abandi, Kubahiriza umutekano, Kwitondera imyitwarire yacu, no Kugira inshingano (ROAR)
- Itsinda ry'Ibanze ryita ku Mpano na Gahunda zo kwita ku bafite Impano, Abafite impano, na Gahunda Yisumbuye,
- Ishuri Ridashyigikira Urwango
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Itsinda ry'Amasomo, Basketball, Kubyina no gufana amakipe, Umupira w'amaguru, gukina bowling, Itsinda ry'Ubuhanzi, Itsinda ry'Abaririmbyi, Girls on the Run, Volleyball, Dame, Itsinda ry'ibijyanye n'Indege Zitagira Abapilote, n'ibindi byinshi
- **Amahirwe abanyeshuri bafite yo kuba abayobozi:** Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, Inama y'Abanyeshuri, Green Guardians, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), n'Itsinda Rishinzwe Amakuru y'Ishuri
- Ibikorwa bitegurwa n'Ishyirahamwe ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA) mu mwaka w'amashuri wose

Zone ya Seneca

Camp Taylor ni ishuri ryunganira abanyeshuri bo muri Zone ya Seneca.
Reba kuri paji ya 19 kugira ngo ubone andi makuru yerekeye Camp Taylor.



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Cochran Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 449
Telefoni: (502) 485-8230
Aderesi: 500 W. Gaulbert Avenue, Louisville KY 40208
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/cochran-elementary

Kuri Cochran Elementary School, twibanda ku bintu bine by'ingenzi bizwi nka C enye: Culture and Climate (Umuco n'Umwuka mwiza mu mibanire), Classroom (mu ishuri), Collaboration (imikoranire), na Community (umuryango mugari). Dushishikajwe cyane na #CTheSuccess buri munsi buri uko duhatanira ko habaho uburyo bwo kwita ku bintu, gufasha kandi buzabamo bose.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Hafi ya za kaminuza z'aho abanyeshuri batuye n'amatsinda y'ubugeni y'amahirwe yihariye yo kwitabirea ibirori by'ubugeni no kubonana n'amatsinda menshi
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Inama y'Abanyeshuri, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, basketball, Girls on the Run, Men of Quality, n'umupira w'amaguru
- Ubufatanye Bukomeye n'Umuryango Mugari
- Itsinda ry'abanyempano na Gahunda Iteye imbere
- Ishuri riri muri Gahunda y'Ubufatanye Bwihariye na UofL
- **Amasomo yihariye:** Ubuhanzi, imyitozo ngororamubiri (PE), umuziki, Ururimi rw'Amarenga rwo muri Amerika ku banyeshuri bo mu mwaka wa kabiri kugeza mu wa gatanu, na Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM)
- Ikigo gihabwa Inkunga y'Ubugeni ya 5x5 Fund
- Ishuri ryemewe nk'ishuri rikurikiza gahunda ya Leader in Me, Kwita ku Banyeshuri Bahuye n'Ihungabana, n'Uburyo bwo Gusana Umubano (RP), ishuri kandi rikoresha gahunda ya Character Strong nka gahunda y'Ibanze yo Kwigisha Abanyeshuri Kubana n'Abandi no Gucunga Amarangamutima yabo (SEL), kandi ryishimira kugira uruhare muri gahunda y'amatsinda ya RCA House muri Cochran

Goldsmith Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 636
Telefoni: (502) 485-8258
Aderesi: 3520 Goldsmith Lane, Louisville, KY 40220
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/goldsmith-elementary

Ku kigo cy'amashuri abanza cya Goldsmith, abana bose bariga. Twubaha urusobe rw'imico yacu. Turi hano ngo duteze imbere ubuzima bw'abanyeshuri bacu. Abanyeshuri bava muri Goldsmith bari ku gasongero ku bushobozi bwabo kandi bagaragaza ubushobozi bwo kwikemurira ibibazo bushobora kubajyana ku cyiciro gikurikira. Twishimira kwigisha buri munyeshuri wacu Indangagaciro Eshatu: Icyubahiro, Kugira inshingano, no Kwitegura kugera ku Ntsinzi! Ku kigo cy'amashuri abanza cya Goldsmith, icyerekezo cyacu ni uko buri munsi, buri munyeshuri aba indashyikirwa.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Abanyeshuri n'abakozi bafite inkomoko zo mu mico itandukanye y'ibihugu 60, bavuga hejuru y'indimi 25
- Ishyira imbere cyane imibanire myiza hagati y'abanyeshuri n'abarimu
- **Ibitabarwa mu nteganyanyigisho y'umwaka:** Umupira w'amaguru, basketball, kubyina no gufana amakipe, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, Itsinda ryo Gukoresha Porogaramu za Robo, Itsinda ry'Ikinamico, imbyino za Step, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, Inama y'Abanyeshuri, Itsinda ry'Ubuhanzi, no Gukoresha Porogaramu za Robo
- **Amasomo yihariye:** Ubuhanzi n'Ubumenyamuntu; Umuziki no Kwitoza Gutuza mu Bitekerezo; Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM); Ubumenyi bwo Gukoresha Ikoranabuhanga mu Buryo Bukwiye; Ibikoresho n'Ibikorwa byo mu Isomero; n'imyitozo ngororamubiri (PE)
- Gahunda z'abanyeshuri bagaragaza impano zidasanzwe hamwe n'amahirwe y'imyigire yihutishijwe
- Ishuri rifite Gahunda yo Guteza Imbere Ururimi rw'Icyongereza (ELD) itanga ubufasha ku banyeshuri bavuga Indimi Nyinshi (ML), ubufasha bukomeye bw'ababyeyi, n'uburyo abarimu bafatanya kwigisha
- Gahunda y'Ubufasha n'Ingamba zo Guteza Imbere Imyitwarire Myiza (PBIS) yo ku Rwego rwa Gold (zahabu)
- Ubufatanye butajegajega n'ababyeyi n'umuryango mugari

Indian Trail Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 615
Telefoni: (502) 485-8268
Aderesi: 3709 E. Indian Trail, Louisville, KY 40213
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/indian-trail-elementary

Kuri Indian Trail Elementary, Ishuri rya MicroSociety Magnet, twigisha abanyeshuri bose kandi tukabashishikariza gukomeza kwiga ubuzima bwabo bwose no kuba abaturage bafite inshingano. Dushaka gutanga uburezi bwiza mu myigire no kubaka umuryango w'ishuri ukomeye, kugira ngo abanyeshuri bose bagere ku rwego rw'ubushobozi bukenewe mbere yo gukomereza mu cyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye. Abanyeshuri n'abakozi bacu biyemeje "Kwigisha no Kwiga."

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Igihembo cyo ku Rwego rw'Igihugu cya Gahunda y'Amasomo Yihariye muri MicroSociety gihabwa abanyeshuri bo muri Zone ya Seneca, iy'Amajyepfo, n'iya Moore
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Itsinda ry'Amarushanwa yo Gusubiza Ibibazo Vuba, n'amatsinda atandukanye y'imikino, nka Basketball, Kubyina no gufana amakipe, volleyball, gusiganwa ku maguru, n'Umupira w'amaguru
- Yamenyekanye nk'Ishuri ry'Indashyikirwa mu Guteza Imbere Ubuzima (HPSE)
- **Amasomo yihariye:** Imyitozo Ngororamubiri (PE), Umuziki, Isomero, n'Ubuhanzi

Klondike Lane Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 560
Telefoni: (502) 485-8286
Aderesi: 3807 Klondike Lane, Louisville, KY 40218
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/klondike-lane-elementary

Kuri Klondike Lane Elementary, twishimira gukorera umuryango utandukanye kandi ukora cyane, aho buri munyeshuri afashwa gutera imbere mu myigire, mu guhanga udushya, no mu mibanire n'abandi. Abarimu bacu biyemeje batanga amasomo ashimisha kandi yibanda ku banyeshuri, abafasha gutekereza neza, gukorana neza n'abandi, no kugera ku ntsinzi yo ku rwego rwo hejuru

Duha abanyeshuri uburezi bwuzuye bubahuza n'inyigisho z'ingenzi zikomeye ndetse n'amahirwe meza yo kwiga no guteza imbere impano mu buhanzi. Dukoresheje uburyo bwo kwigisha butagira uwo buheza, inyigisho nshya kandi zishishikaje, ndetse n'ubufatanye bukomeye n'imiryango, tureba ko buri munyeshuri ahabwa agaciro, agashishikarizwa gutera imbere, kandi agafashwa kugera ku ntsinzi.

Twizera ko buri munyeshuri ashobora gutsinda neza cyane. Duha buri mwana ibikoresho, ubujyanama n'inkunga akeneye kugira ngo atere imbere kandi yitegure ahazaza hashingiye ku myigire, guhanga udushya, no kugira imico myiza.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- **Indashyikirwa mu myigire:** Amasomo meza yo gusoma, imibare, siyansi, n'ubumenyi bw'imibereho y'abantu, akurikiza ibipimo by'imyigire kandi ahuza n'ibyo buri munyeshuri akeneye
- **Umuryango utagira uwo uheza kandi ugizwe n'abantu batandukanye:** Ahantu hacyira abantu neza kandi hagaha agaciro indimi, imico, n'imibereho bitandukanye
- **Kwiga kubana n'abandi no gucunga amarangamutima:** Gahunda ziteguwe neza zigamije guteza imbere imico myiza, ubushobozi bwo kwihangana no gukomeza gutera imbere, n'imibanire myiza n'abandi
- **Amahirwe yo kwagura ubumenyi n'ubushobozi:** Amatsinda, ibikorwa byo guteza imbere ubushobozi bwo kuyobora, na gahunda zikorwa nyuma y'amasomo zisanzwe, bifasha abanyeshuri gukomeza kwiga no hanze y'ishuri

McFerran Preparatory Academy

Abanyeshuri Cyakira: 528
Telefoni: (502) 485-8297
Aderesi: 1900 S. Seventh Street, Louisville, KY 40208
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/mcferran-preparatory-academy

McFerran Preparatory Academy ni ishuri ryo mu Gace k'Amahitamo rifasha abanyeshuri bafite ubushobozi butandukanye kandi rigatanga ahantu ho kwigira hahuza n'ibyo abanyeshuri bose bakeneye. Intego yacu ni ugufasha abanyeshuri bose kwiga neza no kumva ko ari ab'umuryango w'ishuri. Dufatanyije, tugamije kuba ishuri ry'indashyikirwa riha abanyeshuri bose uburezi bufite ireme binyuze mu kugira umuco wo kudahuzagurika, ubushake n'imikoranire.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Abanyeshuri bagomba kwambara imyambaro y'ishuri ifite amabara y'ishuri ryacu: (umutuku, ubururu bwijimye, umuhondo w'izahabu, cyangwa umupira w'ishuri wanditseho MPA)
- Itanga ibikorwa bya Basketball, Kubyina no gufana amakipe, Kubyina, Umupira w'amaguru, Itsinda rya Piyano, Itsinda ry'abacuranga ibikoresho bikubitwa bikora umuziki, Itsinda ry'Abaririmbyi, Itsinda ry'ubuhanzi, Umukino wo kunyerera ku kibaho, Itsinda Rikora iby'Ubutetsi, Girls on the Run, Men of Quality, no Gufasha Abanyeshuri Gukemura Amakimbirane Hagati Yabo

Whitney Young Elementary muri Engelhard

Abanyeshuri Cyakira: 334
Telefoni: (502) 485-8246
Aderesi: 1004 S. First Street, 40203
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/whitney-young-elementary

Ibyumba by'amashuri byacu byose ni ahantu ho kwigira hibanda ku gufasha abanyeshuri gutera imbere no kugera ku bumenyi buhagije bukubiye mu bipimo by'imyigire. Abanyeshuri bakoresha impano zabo kugira ngo babe abayobozi bagira uruhare mu mpinduka nziza. Abana bashishikarizwa kuba abaturage b'indashyikirwa bakoresha impano zabo zihariye mu gufasha abantu ku isi yose. Abanyeshuri ba Whitney Young basanzwe bagira uruhare mu guteza imbere umuryango mugari wacu! Abanyeshuri bacu bari mu rugendo rwo guhanga udushya, kwandika, kuyobora no gutanga ibitekerezo mu magambo, bagamije gukemura ibibazo byugarije umuryango no kugira uruhare mu mpinduka nziza.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri


- Iha abanyeshuri bose amahirwe yo kwiga ubuhanzi n'ikoranabuhanga
- Ikigo Gishinzwe Gufasha Imiryango (FRC) gikora igihe cyose n'umukozi w'igihe cyose wita ku buzima bwo mu mutwe
- **Amatsinda n'imikino ngororangingo:** Porogaramu za robo, basketball, n'ikoranabuhanga
- Gahunda ya Future Healers y'Ishuri ry'Ubuvuzi rya Kaminuza ya Louisville (UofL)



Zone y'Amajyepfo

Minors Lane Elementary ni ishuri ryunganira abanyeshuri bo muri Zone y'Amajyepfo. Reba kuri paji ya 34 kugira ngo ubone andi makuru yerekeye Minors Lane.

- Ibigo by'Amashuri Abanza Biri Hafi y'Aho Abanyeshuri Bataha
- Ibigo by'Amashuri Abanza biri muri Zone y'Ibigo Bitoranywa biri mu Ihuriro
- Zone y'Ibigo Bitoranywa



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Blake Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 527
Telefoni: (502) 485-8210
Aderesi: 3801 Bonaventure Boulevard, Louisville, KY 40219
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/blake-elementary

Ku kigo cy'amashuri abanza cya Blake, dufasha buri munyeshuri mu myigire iteguranye ubuhanga buri munsi kugira ngo abanyeshuri bose bagere ku gasongero k'ubushobozi bwabo. Twibanda ku buryo bw'imyigishirize ishingiye ku mahame y'ireme ry'uburezi no guhatanira kubonera abanyeshuri ibyo bakeneye mu buryo bw'imyigishirize butandukanye. Twizera ko abanyeshuri ari baza imbere kandi tukaba dufite umuryango mugari ku ishuri ufashanya kandi wita ku bintu.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Gahunda y'Amatsinda y'Abanyeshuri ya Ron Clark Academy (RCA)—Altruismo, Amistad, Isibindi, na Reveur
- **Serivisi z'ubufasha ku Banyeshuri Bavuga Indimi Nyinshi (ML):** High-Density School
- **Amasomo yihariye:** Ubugeni, umuziki, itangazamakuru ryandika, siporo (PE), umushinga wa Compassionate School Project (CSP), na laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubumenyi mu by'ubwubatsi, Ubugeni n'Inzu y'ubushakashatsi mu mibare (STEM)
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, Inama y'Abanyeshuri, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, basketball, kubyina no gufana amakipe, umupira w'amaguru, Itsinda ry'Ikinamico, Girls Who Code, Tae Kwon Do, Itsinda ry'Ubuhanzi, Itsinda ry'Umukino wa Dame, umukino wo kunyerera ku kibaho, na Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP)
- Imitegurire y'igishushanyo cy'ubwubatsi [Laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, n'Imibare (STEM)]; amarobo, gukora kode, ikoranabuhanga ryo kugaragaza amashusho mu buryo bw'inyabubiri, ubugeni bw'ikoranabuhanga n'ikoranabuhanga mu gushushanya, n'umuziki w'ikoranabuhanga
- Itsinda ry'abanyempano na Gahunda Iteye imbere
- Gahunda zo gufasha kwikosora (RP) n'Ikigo gitanga Gahunda z'Ubufasha n'Ingamba zo Guteza Imbere Imyitwarire Myiza (PBIS)

Blue Lick Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 472
Telefoni: (502) 485-8212
Aderesi: 9801 Blue Lick Road, Louisville, KY 40229
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/blue-lick-elementary

Ku kigo cy'amashuri abanza cya Blue Lick, twizera ko abana baza mbere. Dutanga uburyo bw'imyigire butekanye kandi bwibanda ku munyeshuri hatangwa uburezi bufasha abanyeshuri bose kugera ku nsinzi yo hejuru mu masomo, imibanire n'abandi, amarangamutima, n'ibyiciro by'umubiri. Imyigishirize yacu yubahiriza ireme ry'uburezi kandi ishingiye ku bushakashatsi, ndetse itanga imikoro ifite umumaro kandi ituma abanyeshuri bakora.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubuhanzi n'Imibare (STEAM); imyitozo ngororamubiri (PE); isomero; n'amasomo y'ubuhanzi n'umuziki
- Ubufasha n'Ingamba zo Guteza Imbere Imyitwarire Myiza (PBIS)
- Ibihembo n'ibikorwa byo kwizihiza ibyo abanyeshuri bagezeho
- Ubufasha na serivisi bya Gahunda Yihariye y'Uburezi bw'Abanyeshuri Bafite Ubumuga (ECE) n'Uburezi bw'Abanyeshuri Biga Indimi Nyinshi (ML)
- Serivisi Zihariye Zigenewe Abanyeshuri Bafite Impano n'Ubushobozi Budasanzwe
- **Amatsinda n'ibikorwa:** Itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), porogaramu za robo, kwiruka intera ndende, umupira w'amaguru, Amarushanwa yo Gusubiza Ibibazo Vuba, Gukemura Ibibazo, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, basketball, umupira w'amaguru, LEGO Club, guteka, Amatsinda y'Ubuhanzi, Itsinda ry'Abanyempano, tenisi, volleyball, kubyina no gufana amakipe, n'ibindi byinshi
- Ubujyanama no kuganiriza umunyeshuri ku giti cye
- Ubufasha bwa buri munsi mu matsinda mato bugenewe abanyeshuri bose mu gusoma no mu mibare
- **Ibikorwa bigirwamo uruhare n'imiryango:** Ijoro ryo kureba filimi, amafunguro ya saa sita yihariye, Iserukiramuco ryo mu Gihe cy'Urugaryi, ingendoshuri z'imiryango n'ibindi byinshi

Laukhuf Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 609
Telefoni: (502) 485-8289
Aderesi: 5100 Capewood Drive, Louisville, KY 40229
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/laukhuf-elementary

Ikigo cy'amashuri abanza cya Laukhuf ni ahantu abanyeshuri bavamo abayobozi. Twizera ko Laukhuf Elementary iha abanyeshuri bose uburezi bubashishikariza gutera imbere kandi bukabategurira kuzagira icyo bageraho, ibigisha ubumenyi n'ubushobozi bakeneye kugira ngo bazabe abantu bakuru bashinzwe neza inshingano zabo mu isi iri mu irushanwa. Laukhuf ni ahantu abanyeshuri bigira gusoma, kwandika, no gukemura ibibazo mu gihe bakora nk'abagize itsinda. Abanyeshuri bagira uruhare muri gahunda y'amasomo bituma bizera kugira ku nsinzi yabo. Byongeye, dufite amasomo y'umunsi wose mu isomero/itangazamakuru; Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubuvanganzo, n'Imibare (STEAM); Siporo (PE); n'ubuhanzi n'umuziki.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Itsinda ry'Abanyeshuri bashinzwe Ikoranabuhanga rifasha abanyeshuri n'abakozi gukemura ibibazo by'ikoranabuhanga, kandi buri munsi ritangaza imenyekanisha ryo mu gitondo mu buryo bw'amashusho n'amajwi ako kanya mu buryo bw'imbonankubone
- Amasomo y'ubuhanzi n'umuziki, STEAM, gusoma no kwandika, n'imyitozo ngororamubiri (PE) atangwa buri cyumweru
- Amasomo ya buri cyumweru ajyanye n'impano ahabwa abanyeshuri batahuwe ko bafite impano
- Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga ry'Abanyeshuri (STLP) irimo abanyeshuri bahatanye mu marushanwa yo ku rwego rwa reta mu myaka yashize
- Ikigo giteza imbere amasomo y'Ubugeni n'ubumenyamuntu binyuze mu mikoranire na StageOne Family Theatre, Louisville Orchestra, Kentucky Opera, Louisville Ballet, na Kentucky Shakespeare
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Itsinda ry'Amasomo, Itsinda ry'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri, basketball, Men of Quality, GIFTED GIRLS, kubyina no gufana amakipe, dame, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, Girls on the Run, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, umupira w'amaguru, na Disney Play
- Ikigo kimenya ibyo abanyeshuri bagezeho mu nama iba buri gihembwe

Okolona Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 364
Telefoni: (502) 485-8309
Aderesi: 7606 Preston Highway, Louisville, KY 40219
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/okolona-elementary

Kuri Okolona Elementary, intego yacu ni ukubaha buri munyeshuri nk'umwiga ufite umwihariko no kumuha amahirwe yo kwiga mu buryo bushimishije kandi bufite akamaro, ahantu hatekanye, hashyigikira abanyeshuri kandi habitaho.

Icyerekezo cyacu ni uko abanyeshuri bose ba Okolona batera imbere mu mibanire n'abandi, mu micungire y'amarangamutima no mu myigire, binyuze mu bikorwa byo kwiga bifite aho bihuriye n'ubuzima busanzwe, bikabafasha kuba abantu bifitiye icyizere, bashoboye kandi bagira uruhare mu iterambere ry'umuryango.

Okolona Elementary yabaye ishuri rya Leader in Me mu mwaka wa 2019, maze mu mwaka wa 2022 ihabwa Icyemezo cya Lighthouse. Uru rwego rw'ubuyobozi rushyigikira guteza imbere umuco ukomeye wo kugira indangagaciro no kuyobora neza mu banyeshuri bacu, abakozi bacu n'abagize umuryango.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Ishyira mu bikorwa gahunda ya Leader in Me, yibanda ku kumenya no guteza imbere ubushobozi bwa buri munyeshuri, kugira ngo akure afite icyizere kandi abe umuyobozi ushoboye
- Yubaka ahantu harangwa no kwita kuri buri wese kandi hatagira uwo haheza, hakaba harimo amahirwe menshi yo kwiga, kubana n'abandi, no kwitabira ibikorwa bitandukanye bibera hanze y'amasomo
- Ikoresha uburyo bwo gukorera hamwe kugira ngo ihaze ibyo buri munyeshuri akeneye ku giti cye
- Iha abanyeshuri amahirwe yo kugira uruhare mu buyobozi mu byumba by'amashuri no mu bikorwa bitandukanye by'ishuri
- Itanga ubufasha bwihariye binyuze mu matsinda mato yiga imibare no gusoma, ndetse no muri Gahunda ya Serivisi z'Inyongera z'Ishuri (ESS)
- Abanyeshuri bitabira ibikorwa bitandukanye, birimo basketball, kubyina no gufana amakipe, umupira w'amaguru, Itsinda ry'Amasomo, Itsinda ry'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri, n'izindi gahunda zikorwa nyuma y'amasomo zishyigikiwe n'abakozi b'ishuri n'Ikigo Gishinzwe Gufasha Imiryango (FRC)
- Itanga buri cyumweru amasomo y'inyongera mu buhanzi bwo kureba, imyitozo ngororamubiri (PE), isomero na siyansi
- Ishimangira imyitwarire myiza n'ubushobozi bwo kuyobora binyuze muri Leader Bucks, ishingiye ku Mahame 7 n'ibyo ishuri ritegereje ku banyeshuri



Rangeland Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 548
Telefoni: (502) 485-8317
Aderesi: 1701 Rangeland Road, Louisville, KY 40219
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/rangeland-elementary

Intego: Kuri Rangeland, duharanira kubaka ahantu hacyira buri wese kandi hatagira uwo uheza, kugira ngo buri munyeshuri ashobore gutera imbere, gukura, no kuba umuntu wiyizeye kandi wita ku bandi.

Icyerekezo: Kwishimira itandukaniro ry'abantu, guteza imbere kubahana, no gutuma abanyeshuri bakunda kwiga

Intero: Construyendo un Mundo Más Amable

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Ibyumba by'amashuri byagenewe guhanga udushya byubatswe mu buryo bugenewe abanyeshuri birimo intebe zibereye kwicarwamo n'abanyeshuri
- Ikigo kandi gite uburyo bw'imyigire yobanda ku muntu ku giti cye iteza imbere ijwi, amahitamo no gutera imbere ku banyeshuri bubahiriza imyigishirize ijyanye n'ireme ry'uburezi kandi kigaha abanyeshuri bose integanyanyigisho iboneye
- **Amasomo n'Integanyanyigisho:** Gahunda Yihariye y'Uburezi bw'Abanyeshuri Bafite Ubumuga (ECE), ubufasha bw'inyongera mu mibare no gusoma, EL Reading, Illustrative Mathematics, kwandika, n'ubumenyi bw'imibereho n'ubumenyi bw'isi n'ibidukikije byigishwa binyuze mu masomo yo gusoma no mu mibare
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Amatsinda y'Amarushanwa yo Gusubiza Ibibazo Vuba no Gukemura Ibibazo, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Gahunda y'Ubwunganizi bw'Amasomo (ESS), itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, basketball, umupira w'amaguru, no kubyina no gufana amakipe
- Integanyanyigisho ndakuka igamije gutegura abayobozi bakomeye mu buryo bw'imibanire n'amarangamyutima

Slaughter Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 479
Telefoni: (502) 485-8328
Aderesi: 3805 Fern Valley Road, Louisville, KY 40219
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/slaughter-elementary


H. B. Slaughter Elementary itanga ibyo abanyeshuri bakeneye byose kugira ngo babe abanyeshuri batsinda neza. Gahunda zo guhanga udushya n'ibikorwa bitari mu nteganyanyigisho bitandukanye bishishikariza umunyeshuri wawe kubaka ubumenyi, gutahura ibimushishikaza bishya, no kuzamura impano. Abarimu bacu bahatanira kwizera neza ko buri munyeshuri yamanye neza amasomo y'ingenzi kugira ngo yubake umusingi ukomeye w'ubumenyi bw'ibanze.

Abarenga kimwe cya kabiri cy'abanyeshuri bacu bavuga ururimi rutari Icyongereza. Abarimu ba Gahunda yo Guteza Imbere Ururimi rw'Icyongereza (ELD), abafasha bavuga indimi ebyiri, n'abarimu b'amasomo bafasha abanyeshuri guteza imbere ururimi rw'Icyongereza mu gihe cy'amasomo.


Kuri Slaughter Elementary, tuzafasha abanyeshuri gukomeza kwiga ubuzima bwabo bwose, bakagira umuhate mu myigire no mu bikorwa byo kubana n'abandi, kugira ngo babe abaturage bafite inshingano, bita ku bandi, kandi bagira uruhare mu iterambere ry'umuryango ku rwego mpuzamahanga. Twiyemeje gukorera hamwe nk'ikipe, tukagaragaza ubuhanga bw'ingenzi bwo gushyikirana n'abandi kandi tugafasha abanyeshuri kwiga mu buryo bwimbitse kandi bubasaba gukora cyane.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Iha abanyeshuri amahirwe yo kugira uruhare mu buyobozi binyuze mu Nama y'Abanyeshuri, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Itsinda rya Constellation, n'Itsinda rya Porogaramu za Robo
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, itsinda ryo kwiruka, basketball, kubyina no gufana amakipe, umupira w'amaguru, tenisi, volleyball, dame, Girls on the Run, Men of Honor, Men of Quality, na Girls of GEMs (Abakobwa Batsinda Neza mu Mibare na Siyansi)
- Ikigo cy'amashuri cyahawe igihembo cy'Ubufasha bwerekeye ubuzima bw'imyitwarire (PBIS) n'Ibikorwa bya Gahunda z'Ubufasha n'Ingamba zo Guteza Imbere Imyitwarire Myiza (PBIS)



Zone ya Valley



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Dixie Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 396
Telefoni: (502) 485-8238
Aderesi: 10201 Casalanda Drive, Louisville, KY 40272
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/dixie-elementary

Turi umuryango mugari w'imyigire ya kinyamwuga ushishikajwe no kuzamura ubumenyi n'ubushobozi by'abarezi binyuze bushakashatsi buhuriweho, impinduka mu bice by'amasomo, n'ibiganiro bya kinyamwuga kimwe no guteza imbere inzozi zishingiye ku burezi, ibigerwaho, no kugera ku ntego kw'abanyeshuri binyuze mu miyoborere n'imyigishirize bikomeye.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Kwigishiriza mu matsinda mato y'abanyeshuri gusoma n'imibare, itsinda ry'abanyempano bo mu mashuri abanza, Gahunda iteye imbere, Serivisi z'Ikigo Zaguye (ESS), Lexia Core 5, n'Uburezi buhabwa abiga Icyongereza (EL) n'Imibare Ishushanyije (IM)
- Ikigo cy'Icyitegerererezo giteza imbere ubuzima bw'abanyeshyuri (Health Promotion School of Excellence, HPSE)
- Excellent Family Resource Center (Ikigo giha ubufasha imiryango - FRC)
- Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika na orokesitere, basketball, kubyina no gufana amakipe, umupira w'amaguru, volleyball, Itsinda ry'Ubuhanzi bwo Kureba no Kwerekana (VPAC), kwiruka intera ndende, inama ngishwanama y'abanyeshuri, gahunda z'ubujyanama za Men of Quality na Man to Man (M2M), gahunda y'ubujyanama ya Beautiful As You Are (BAYA) igenewe abakobwa, na Gahunda y'Abahagarariye Abanyeshuri ya Dixie
- Hari gahunda zitandukanye zo guhemba abanyeshuri kubera imyitwarire myiza nk'abaturage beza, ubushobozi bwo kuyobora, no kwitabira ishuri neza, urugero nk'Umunyeshuri w'Icyumweru muri buri cyumba cy'ishuri ndetse n'ibihembo bya buri kwezi bya Character Strong
- Inama za Dixie zitangwa buri kwezi kugira ngo hahembwe abanyeshuri mu rwego rwo kwitabira amasomo, imyitwarire, n'amasomo
- Abanyeshuri bahura buri munsi na gahunda ya Character Strong, yigisha ubushobozi bwo kubana n'abandi no gucunga amarangamutima aho ishuri ryacu ryamenyekanye ku rwego rw'aho rihererereye no ku rwego rw'igihugu kubera gukoresha neza iyi gahunda ku Rwego rwa 1 n'Urwego rwa 2

Ikigo cy'amashuri abanza cya Johnsontown Road

Abanyeshuri Cyakira: 483
Telefoni: (502) 485-8278
Aderesi: 7201 Johnsontown Road, Louisville, KY 40272
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/johnsontown-road-elementary

Johnsontown Road Elementary ishishikariza buri wese gutekereza neza no gukorana neza n'abandi, mu buryo bwo kwiga burangwa no kwita ku banyeshuri no kubashyigikira.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Itanga gahunda z'abanyeshuri Bafite Impano n'Ubushobozi Bwihariye, Gahunda y'Abanyeshuri bafite Impano z'Ibanze, na Gahunda y'Abanyeshuri Bateye Imbere, ndetse n'ubufasha ku banyeshuri bafite ubushobozi butandukanye
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Itsinda ry'Amasomo, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, basketball (y'abakobwa n'ihuza abakobwa n'abahungu), kubyina no gufana amakipe, volleyball, umupira w'amaguru, kwiruka intera ndende, gukina bowling, gukina pickleball, Itsinda ry'Ikinamico, itsinda ry'abaririmbyi, n'amatsinda yo kwagura ubumenyi n'ubushobozi
- Ikoranabuhanga rigezweho mu byumba by'amashuri byose, aho buri munyeshuri agira Chromebook ye
- Ikigo cy'Icyitegererezo giteza imbere ubuzima bw'abanyeshyuri (Health Promotion School of Excellence, HPSE)
- Abagera kuri 95 ku ijana cyangwa barenga ku barimu n'abakozi b'ishuri baguma muri iri shuri, kandi benshi banyuzwe cyane n'akazi kabo, ibi bigaragaza ko ishuri rifite ahantu heza ho gukorera n'umuco mwiza, ndetse rigatanga ubufasha bukomeye ku banyeshuri; ababyeyi n'abanyeshuri na bo bavuga ko banyuzwe cyane n'ishuri, ubuyobozi n'abakozi baryo. (Aho amakuru yakuwe: Kentucky Impact Survey, CSS, Teach Upbeat)
- Gahunda ya Character Strong yo Guteza Imbere Ubushobozi bwo Kubana n'Abandi no Gucunga Amarangamutima (SEL), aho abakozi bose bahuguwe ku masomo yayo
- Gahunda zo kwiga mbere na nyuma y'amasomo zisanzwe, zibanda ku gusoma no kwandika
- Ibikorwa n'ibirori bitegurwa kandi bigaterwa inkunga n'Ishyirahamwe ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA)
- Buri cyumweru, iha imiryango ikeneye ubufasha ibiribwa binyuze muri gahunda ya Blessings in a Backpack, kandi igaha abanyeshuri bose Imbuto n'Imboga Bigisarurwa

J.F. Kennedy Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 500
Telefoni: (502) 485-8280
Aderesi: 3800 Gibson Lane, Louisville, KY 40211
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/j-f-kennedy-elementary

Intego yacu ni ukurera umwana tumuha amahirwe y'imyigire aboneye hagamijwe gutegura abanyeshuri kuvamo abaturage bashoboye kuba ku isi yose. Mu by'ukuri, iyi nshingano itangira umunyeshuri wawe akivuka. Uri umwarimu wa mbere w'umunyeshuri wawe, kandi ugira uruhare rukomeye mu kugera ku nsinzi ye. Tuguha ikaze nk'umufanyabikorwa w'ingenzi mu burezi bw'umunyeshuri wawe.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Itanga Gahunda ya Serivisi z'Inyongera z'Ishuri (ESS) kandi igakoresha gahunda zo gusoma n'imibare zishingiye ku bushakashatsi kugira ngo itange inyigisho nziza kandi zishishikariza abanyeshuri gutera imbere
- Umuforomo w'ikigo cy'amashuri ukora igihe cyose, Umuhuzabikorwa wa Family Resource Center (FRC) n'umukozi ushinzwe ibijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe
- Ikigo cy'Icyitegererezo giteza imbere ubuzima bw'abanyeshyuri (Health Promotion School of Excellence, HPSE)
- Itanga buri cyumweru amasomo yo mu isomero, imyitozo ngororamubiri (PE), umuziki, Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubuhanzi n'Imibare (STEAM), na Character Strong (Kwiga Kubana n'Abandi no Gucunga Amarangamutima [SEL])
- Uburyo bwo Gusana Umubano (RP), Ubufasha n'Ingamba zo Guteza Imbere Imyitwarire Myiza (PBIS), na Gahunda ya Olweus yo Kurwanya Gutoteza
- Ihuriro ry'Abarimu n'Ababyeyi (PTA)
- **Ibikorwa/karabu by'abanyeshuri:** Itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, kubyina no gufana amakipe, umupira w'amaguru, basketball, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, Gifted Girls, gusiganwa ku maguru, Inama y'Abanyeshuri, Gahunda ya Gentlemen Cubs, Itsinda ry'Ubugwaneza, Itsinda ry'imbyino za Step, na R.O.A.R. Itsinda, Orokesitere, n'Itsinda ry'Ubuhanzi
- **Karabu:** Abakora Porogaramu za Mudasobwa (bo mu cyiciro cy'Ibanze) n'Abahanga mu Guhanga Udushya twa STEAM (bo mu cyiciro cyo Hagati)

Medora Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 483
Telefoni: (502) 485-8298
Aderesi: 11801 Deering Road, Louisville, KY 40272
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/medora-elementary

Ku ikigo cy'amashuri abanza cya Medora, duhatanira kuba ahantu heza hateza imbere ubuzima n'imibereho byiza, kubana neza, n'imitsindire inoze kuri buri munyeshuri. Dutanga uburyo bwiza bwo kubungabunga, gutegura imyigire n'imibanire n'abandi by'umunyeshuri, tukanategura buri munyeshuri kujya mu cyiciro gikurikiraho. Medora ikurikirana buri mikorere y'umunyeshuri buri munsi kandi igashyira mu bikorwa ibikorwa bishingiye ku bushakashatsi. Ni intego yacu kwigisha mu buryo abanyeshuri bigamo. Binyuze mu mikoranire ikomeye hagati y'abakozi, ababyeyi, n'umuryango mugari, tuzizera neza ko abanyeshuri bagere ku gasongero ku bushobozi bwabo.


Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Itsinda ry'Ibanze ryita ku Mpano na Gahunda zo kwita ku bafite Impano
- Laboratwari ya Science (siyansi), Technology (ikoranabuhanga), Engineering (ubwubatsi), na Mathematics (imibare) - (STEM) n'abarezo babyemerewe na Google
- **Amasomo yihariye:** Laboratwari ya STEM, siporo (PE), ubugeni n'ubumenyamuntu, n'isomero
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Basketball, volleyball, kwiruka intera ndende, umupira w'amaguru, kubyina no gufana amakipe, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, Turkey Trot, umunsi w'imikino n'ibikorwa bitandukanye, igitaramo cy'impano, umunsi w'imyuga, Color Run, ijoro ry'ubumenyi, n'ijoro ry'imibare no gusoma no kwandika
- Ihuriro ritegura amarushanwa yo gutanga ibihembo ry'Abarimu n'Ababyeyi (PTA)
- Muganga uhoraho w'ubuzima bwo mu mutwe



Zone ya Waggener

Dunn Elementary ni ishuri ryunganira abanyeshuri bo muri Zone ya Waggene. Reba kuri paji ya 21 kugira ngo ubone andi makuru yerekeye Dunn.



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Breckinridge-Franklin Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 445
Telefoni: (502) 485-8215
Aderesi: 1351 Payne Street, Louisville, KY 40206
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/breckinridge-franklin-elementary

Kugira ngo hategurwe abanyeshuri bazahangana n'ubuzima, umuryango mugari wacu ku kigo cy'amashuri abanza cya Breckinridge-Franklin (BFES) uzashyiraho uburyo bw'imyigire ikwiye butahura amatsiko bukanateza imbere ukwihangana muri buri munyeshuri. Ikigo cya Breckinridge-Franklin kigendera ku nteganyanyigisho ikomeye y'Icyongereza/Ubuvanganzo (ELA) (Expeditionary Learning) n'imibare (Imibare ishushanyije) ituma abanyeshuri buzuza ibisabwa na Kentucky Academic Standards (KAS).

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Kwitabura gahunda y'amasomo mu ishuri rigizwe n'abanyeshuri bake
- Ikibanza cy'ishuri gifite ubuso bwa hegitari ebyiri, kirimo ahakinirwa hanze n'ibikoresho by'imikino y'abana
- Itanga buri cyumweru amasomo y'ubuhanzi, umuziki, ibikoresho n'ibikorwa byo mu isomero, ikoranabuhanga, n'imyitozo ngororamubiri (PE)
- Giha buri munyeshuri imashini ya Chromebook irimo interineti ya LTE yo gukoresha mu gihe ari kuri BFES
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Basketball, kubyina no gufana amakipe, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, gahunda y'inyongera y'amasomo ya Boys and Girls Club, n'Itsinda ry'Ikinamico rikorwa nyuma ya saa sita

Chenoweth Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 607
Telefoni: (502) 485-8227
Aderesi: 3622 Brownsboro Road, Louisville, KY 40207
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/chenoweth-elementary

Ku Kigo cy'Amashuri abanza cya Chenoweth, dufite icyerekezo cyo kuba ahantu hatekanye aho abanyeshuri bose bashobora kugera ku bushobozi bwuzuye bifitemo. Dusaba Chargers (abanyeshuri) bacu gutekana, kwitonda, kubaha no kugira inshingano buri munsi. Tugendera ku gihango cy'ishuri ryacu, kivuga ngo, "Ndi umwe mu bagize Umuryango wa Chenoweth ushyize imbere inshingano. Ngomba kuba umuntu mwiza ku buryo bwose bushoboka. Nzagufasha, kandi nawe uzamfasha."

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- **Amasomo yihariye:** Ubuhanzi, Imyitozo Ngororamubiri (PE), Isomero, Umuziki, n'Ururimi Mpuzamahanga
- Amasomo yo hanze y'ishuri yatsindiye igihembo kandi yavuguruwe
- **Kwibanda ku gukemura ibyo umunyeshuri akeneye ku giti cye:** Ikigo Gitanga Serivisi mu Rubyiruko n'Ibikenerwa n'Umuryango (FRYSC), Serivisi z'Ikigo Zaguye (ESS), Utanga ubufasha ku banyempano uhoraho
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Amatsinda y'amasomo, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, imikino ngororangingo, Jump Rope for Heart, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Itsinda Ryita ku Bidukikije, n'amatsinda atandukanye ashingiye ku byo abanyeshuri bashishikajwe na byo (urugero nka Kindness Club, Best Buddies, Gardening Club, I Love to Read, Comic Club, League of Logic, Ukulele Club, Books and Beats, na Run Club)
- Igihembo cy'Umuringa cy'Ubufasha n'Ingamba zo Guteza Imbere Imyitwarire Myiza (PBIS) n'Ishuri Ridashyigikira Urwango
- Igihembo cya Purple Star cyo gukora porogaramu zo gushyigikira urubyiruko rufitanye isano n'ingabo z'igihugu
- Gahunda yo Kwiga Ubumenyi bwo Kubana n'Abandi no Gucunga Amarangamutima (SEL), ikubiyemo amasomo y'ubujyanama buri kwezi, inama za mu gitondo z'ishuri ryose buri kwezi, inama za buri munsi mu mashuri zibanda ku kubaka umuryango w'ishuri, umukozi w'igihe cyose wemewe mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe, abajyanama babiri, na Character Strong
- Ibikorwa by'uruhare rukomeye rw'umuryango n'imikoranire n'Ihuriro ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA), Inama za PTA z'ubufatanye ziba buri kwezi, imigoroba y'imiryango, ibirori bibera mu busitani, kwerekana ibyizwe, imbyino, n'ibindi byinshi.

Field Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 444
Telefoni: (502) 485-8252
Aderesi: 120 Sacred Heart Lane, Louisville, KY 40206
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/field-elementary

Intego y'Ikigo cy'amashuri abanza cya Field ni ukwizera neza ko abanyeshuri bose biga binyuze mu bufasha bw'umuryango mugari. Dufatanya mu mikorere binyuze mu nteganyanyigisho yizewe, inoze kandi iboneye kugira ngo hizerwe neza ko abanyeshuri bose bahagaze neza mu bumenyi kandi banyotewe kwigira ahantu hatekanye.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Yamenyekanye k'ubwo kuba indashyikirwa nka No Child Left Behind - NCLB (Ikigo cya Blue Ribbon School Gikoresha Gahunda ya "Nta Mwana Usigaye") na Model Professional Learning School (Ikigo Gikoresha Uburyo bwa Kinyamwuga mu Myigire).
- Yigisha mu buryo bunoze binyuze mu bikorwa byo kongera ubumenyi na gahunda z'ubwunganizi ku banyeshuri, zirimo gahunda ya "What I Need (WIN) - Icyo Nkeneye", Itsinda ry'Abanyempano mu Mashuri Abanza, na Gahunda zo Kuzamura Impano
- Iha abanyeshuri amahirwe yo kugira uruhare mu buyobozi binyuze muri Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP) no mu mishinga yo gufasha umuryango mugari
- Ubufasha butangwa n'Ihuriro ry'Abarimu n'Ababyeyi (PTA), Ikorwa by'ubucuruzi bya Crescent Hill, n'ibigo bitandukanye byo mu muryango mugari.
- Amasomo y'Igishinwa, umuziki, Science (siyansi), Technology (ikoranabuhanga), Engineering (ubwubatsi), na Mathematics (imibare) - STEAM no Gucapa muri 3D, isomero, itangazamakuru, na siporo (PE)
- Buri kwezi, Ishyirahamwe ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA) n'Ikigo Gifasha Imiryango (FRC) bafatanya gutegura ibikorwa bihuriza imiryango hamwe, birimo Umunsi mukuru w'igihe cy'Urugaryi, Field Trek, Imbyino z'imyenda idasanzwe, Ijoro rya STEAM, Comic Con, Ijoro ry'Ubuzima bw'Umuryango, Lunar New Year, Trunk-N-Eat, n'igitaramo ngarukamwaka cy'ikinamico ya muzika
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Gucapa ibintu mu buryo bwa 3D, Amarushanwa yo Gusubiza Ibibazo Vuba, Gukemura Ibibazo, STLP, Itsinda Ryiga Igishinwa, Kicks Soccer Academy, dame, Itsinda rya Morning Magic, Itsinda ry'Ikinamico, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, gukoresha porogaramu za robo, n'igitaramo cya muzika kiba buri mwaka
- **Amakipe y'Imikino itandukanye:** Basiketi, umupira w'amaguru, kwiruka, floor hockey

Alex R. Kennedy Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 358
Telefoni: (502) 485-6950
Aderesi: 4515 Taylorsville Road, Louisville, KY 40220
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/alex-r-kennedy-elementary

"Buri Mwana Afite Agaciro" bigaragaza intego yacu yo guha buri munyeshuri umusingi ukomeye w'uburezi n'ahantu hamushyigikira, bigatuma agira icyizere kandi agatera imbere mu myigire kandi ibi bifasha abanyeshuri bacu kuba abantu bagira uruhare mu iterambere ry'umuryango, bafite inshingano kandi bita ku bandi. Buri munsi, duhatanira gutuma hababo umwuka mwiza mu kigo utuma hababo kwigira, kuzamura urwego rw'imitsindire y'abanyeshuri, no guteza imbere umuco wo kunezerwa mu gihe cyo kwiga. Integanyanyigisho yerekeye gusoma no kwandika yacu na gahunda za siyansi n'imibare zishingiye ku bushakashatsi bizajya bikorwa ku gipimo cyo hejuru kugira ngo gutsinda amasomo bigere ku gipimo kiruta ibindi

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Amasomo atangwa kabiri mu cyumweru ya Science (siyansi), Technology (ikoranabuhanga), Engineering (ubwubatsi), Arts (ubuhanzi) na Mathematics (imibare) - (STEAM) mu buryo bw'imifatanyirize hagati y'abarimu bo mu ishuri n'abo muri laboratwari
- Amasomo yo ku wa Gatanu atari mu nteganyanyigisho yo muri STEAM, Ubuhanzi, Siporo (PE) n'Isomero
- Kwitabira 5x5 Fund for the Arts Grant mu mikoranire na StageOne Family Theatre, University of Louisville (UofL) Repertory Company, Kentucky Shakespeare, na Louisville Orchestra

St. Matthews Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 597
Telefoni: (502) 485-8321
Aderesi: 601 Browns Lane, Louisville, KY 40207
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/st-matthews-elementary

Ku kigo cy'amashuri abanza cya St. Matthews, dushishikajwe no kongerera ubushobozi imyigire n'imiterere y'abanyeshuri bacu. Twizera ko buri muntu wese afite agaciro kandi ko buri gihe kibara. Intego yacu ni uko abanyeshuri bava ku kigo cy'amashuri abanza cya St. Matthews ari abanyeshuri bafite urukundo kandi bafite umurava mu buzima bwabo bafite ubumenyi butandukanye n'intumbero y'ahazaza.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Nationally recognized School of Character 2020
- Yigisha Umuziki, Icyesipanyore, Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, n'Imibare (STEM); na Gahunda iteye imbere/Gahunda yo kuzamura impano
- Giha abanyeshuri bose amahirwe yo kwiga umuziki
- Cyahawe Igikombe cy'Ikigo cy'Indashyikirwa mu Guha Ababyeyi Amahirwe yo Kugira Uruhare mu Burezi bw'Abana babo cyatanzwe na National Parent Teacher Association (PTA)
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Itsinda ry'Amasomo, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, basketball, kubyina no gufana amakipe, orokesitere, kwiruka intera ndende, gusiganwa ku maguru, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, Itsinda ry'Umukino wa Dame, gukoresha porogaramu za robo, Itsinda ry'Ubuhanzi, n'imishinga yo kwiga binyuze mu gufasha umuryango
- Porogaramu y'uburezi bwo gushyigikira imico myiza yatsindiye igihembo hamwe na House System

Amashuri Yihariye

Iby'Ukuri by'Ibanze Gusaba birasabwa

Ni ibihe ibigo by'icyitegererezo byigisha amasomo yihariye biri mu ifasi?

Hari amashuri abanza atanu yihariye akorera mu karere kose. Ibi bigo byemera abanyeshuri bo mu fasi yosekandi ntibiri muri zone.

- **Brandeis Elementary** itanga gahunda Yihariye ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubuhanzi n'Imibare (STEAM), aho abanyeshuri Bigira mu Mishinga (PBL).
- **J. Graham Brown** ni ikigo cy'amashuri cyiyobora mu myigire, gishyira imbere ukwigenga mu myigire gishishikariza imitekerereze myiza n'imitima mizima binyuze mu kwishyira ukizana, impuhwe, guhanga udushya, n'ubuvugizi
- **Coleridge-Taylor Montessori Elementary** itanga Gahunda ya Montessori. Iyi gahunda y'imyigire ishingiye ku kwiyobora ishyigikira iterambere mu nguni z'ubuzima zose mu buryo bukomeye kandi busaba kugira umurava.
- **Hawthorne Elementary** ni ryo shuri ryihariye ryonyine muri JCPS ryigisha amasomo mu rurimi rw'Icyesipanyolo. Umunyeshuri wese uje kwiga muri Hawthorne yiga amasomo mu rurimi rw'Icyesipanyore mu myaka yose.
- **Lincoln Elementary Performing Arts School (LPAS)** ni icyo kigo cy'amashuri abanza cy'icyitegererezo cya leta cyonyine cyo muri Kentucky cyibanda ku buhanzi.


JCPS ifite kandi amashuri abanza atanu yihariye afite uturere twagenwe abanyeshuri bagomba guturamo kugira ngo bayigemo—**Audubon, Carter, Foster, Greathouse Shryock, na Schaffner**—itanga Gahunda Yihariye. Kwemererwa kubyigamo biterwa na aderesi y'aho umunyeshuri wawe ataha. Gahunda y'Ishuri Ryihariye iha abanyeshuri gahunda ikomeye y'amasomo yibanda ku byo bakeneye kandi itanga ahantu ho kwigira hateguwe neza kandi hagengwa n'amategeko, bigafasha abanyeshuri Kwitegura Amashuri Makuru n'Akazi. Gahunda Isanzwe y'inyigisho ifasha abanyeshuri gutera imbere, yibanda ku rwego rwo hejuru rw'imyigire no ku myitwarire irangwa no gufata inshingano. Byongeye kandi, Gahunda Isanzwe y'inyigisho iteza imbere imico myiza n'ubushobozi bwo kuyobora binyuze mu kugira uruhare mu bikorwa by'umuryango mugari, kandi igafasha abanyeshuri kugira imibereho myiza.

Amashuri Asanzwe yibanda ku masomo y'ingenzi kandi agafasha abanyeshuri kuba abantu batekereza neza, bigenga mu myigire yabo kandi bashobora gukemura ibibazo aho buri munyeshuri ashishikarizwa gukora neza uko ashoboye no kugera ku bushobozi bwe bwuzuye mu Myigire, mu Mico myiza no mu Nshingano nk'Umuturage.

Amashuri Abanza hashingiwe ku bwoko bwayo

Ikigo by'Icyitegererezo cyigisha amashomo yihariye

Ikigo gikoresha uburyo gakondo



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Audubon Traditional Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 597
Telefoni: (502) 485-8205
Aderesi: 1051 Hess Lane, Louisville, KY 40217
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/audubon-traditional-elementary

Audubon Traditional ifite gahunda y'amasomo ikomeye aho kwigisha biteguranye ubushishozi, uburyo bwo kwishyira ku murongo kw'abanyeshuri biteza imbere indangagaciro gakondo, ibyo kwitega biri ku rwego rwo hejuru, kandi hakanashingirwa ku makuru shingiro. Amasomo yacu y'imibare no gusoma ashingiye ku budashyikirwa, ubushakashatsi, kandi akaba akoreshwamo ikoranabuhanga.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Active Parent Teacher Association (PTA) itanga amasaha menshi ya serivisi ikagura n'ibikoresho bikoreshwa mu burezi
- Family Resource Center (FRC) ifite inshingano zo gufasha ababyeyi n'imiryango guhangana n'imbogamizi mu myigire zidafite aho zihuriye n'amasomo
- **Ibikubiye mu nteganyanyigisho:** Itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika na orokesitere; isomero; itsinda ry'abaririmbyi; imyitozo ngororamubiri (PE) n'ubuzima; Laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubuhanzi n'Imibare (STEAM); Laboratwari yo Gusoma no Kwandika; n'Ubuhanzi n'Ubumenyamuntu
- Ishishikariza uruhare rw'umuryango mugari binyuze mu mashyirahamwe nka Junior Achievement (JA), Girl Scouts, Gahunda z'Ubuhanzi n'Umuco, n'izindi
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Basketball, kubyina no gufana amakipe, kwiruka intera ndende, gusiganwa ku maguru, Itsinda ry'ikinamico, Amashuri y'Indashyikirwa mu Guteza Imbere Ubuzima (HSPE), Inama y'Abanyeshuri, porogaramu za robo, Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, Itsinda ry'imbyino za Step, Volleyball, Amarushanwa yo Gusubiza Ibibazo Vuba, no Gukora Ibizamini Byanditse

Brandeis Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 436
Telefoni: (502) 485-8214
Aderesi: 2817 W. Kentucky Street, Louisville, KY 40211
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/brandeis-elementary

Ikaze mu kigo cya Brandeis, ikigo cya STEAM! Muri Brandeis, kwihangana ni cyo kigaragaza abo turi bo nk'umuryango mugari w'abiga! Nk'umuryango mugari w'ikigo cy'amashuri, twiyemeje ubudasubira inyuma gutanga uburezi bufite ireme ryo ku rwego ruhanitse mu buryo bwita ku munyeshuri, kugira ngo buri munyeshuri agere ku nsinzi mu masomo, imibereho, no mu buhanga bwo guhanga ibishya. Twateje imbere umwuka mwiza aho gutsinda mu masomo, iterambere mu mibereho, no gutekereza mu buryo bwo guhanga ibishya ari byo bituranga. Mu kigo cy'amashuri cyitwa Brandeis, ntitwigisha gusa; duha abanyeshuri ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo, gucunga ibiteye amatsiko, no kugera ku nsinzi mu bice byose by'ubuzima.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Ikigo cy'amashuri cy'icyitegerererezo mu ifasi yose aho abanyeshuri batoranywa mu buryo bwa tombora
- Amashuri yigisha Science (siyansi), Technology (ikoranabuhanga), Engineering (ubwubatsi), Arts (ubuhanzi) na Mathematics (imibare) - (STEAM) mu byumba by'amashuri aho abanyeshuri bungurana ibitekerezo na laboratwari yihariye y'Udushya
- Abanyeshuri bashyira mu maboko yabo urugendo rw'uburezi bwabo, bakanoza ubumenyi bwo gukemura ibibazo no gutekereza cyane
- Laboratwari yihariye y'ibyiyumviro ifasha mu gusuzuma amarangamutima no gushyigikira iterambere ry'imibereho n'amarangamutima
- Imyigire ishingiye ku mishinga (PBL) bishyira abanyeshuri mu bikorwa by'ukuri, byunganirwa na gahunda za mbere na nyuma y'ishuri
- Integanyanyigisho ikubiyemo impinduka z'abanyeshuri mu masomo akurikira: Ubugeni, umuziki, ururimi mpuzamahanga, na laboratwari ya STEAM
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho:** Basketball, gusiganwa ku maguru, umupira w'amaguru, kujya impaka, Fusal, Amarushanwa yo Gusubiza Ibibazo Vuba, ikinamico, LEGO Robotics, Girls on the Run, dame, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), n'ibindi byinshi

J. Graham Brown School

Abanyeshuri Cyakira: 294 (K–5)
Telefoni: (502) 485-8216
Aderesi: 546 S. First Street, Louisville, KY 40202
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/j-graham-brown-school

J. Graham Brown School, ishuri rya mbere ryihariye rya Kentucky, ni ishuri ryihariye ryakira abanyeshuri baturuka mu mashuri yose yo mu karere, rigenewe abanyeshuri batsinda neza mu buryo bw'imyigire aho Bigenga kandi bakagira Uruhare mu Kuyobora Imyigire Yabo. Intego yacu ni ugufasha abanyeshuri kwigenga, kugira impuhwe, guhanga udushya, no kugira ubushake bwo kuvuganira abandi, mu buryo bw'imyigire bwubaha kandi bwita ku mico itandukanye. Abanyeshuri ba J. Graham Brown School batekereza neza kandi bafite umutima wita ku bandi, bakiga bigenga kandi bagakomeza kwiga mu buzima bwabo bwose.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Ishuri Ryihariye ryo ku Rwego rw'Akarere ryakira abanyeshuri kuva mu mwaka wa mbere w'amashuri y'incuke kugeza mu mwaka wa 12, aho abanyeshuri bigira ubwabo kandi bakagira uruhare mu kuyobora imyigire yabo, banahabwa amahirwe yo kwigana n'abanyeshuri bo mu yindi myaka no kugirana ubujyanama hagati yabo
- Ikigo gifite gahunda y'amasomo ifasha mu gutegura abanyeshuri kuba abantu batekereza cyane, bafungutse umutwe kandi bahanga udushya bashishikajwe no kwitangira kugira ubumenyi bushya
- Ikigo gifite kandi uburyo bw'imyigire butegura abantu bafite urukundo, bagira imbabazi, kandi bubaha ikiremwamuntu baha agaciro imico itandukanye bakanafasha umuryango mugari
- Imitsindire y'amasomo kuri buri cyiciro cy'umwaka n'ubumenyi bw'imibanire n'abandi hashingiwe ku myaka y'amavuko iboneye yitezwe kugira habeho gustinda muri iyi mitere y'imyigire idasanzwe
- Ijwi ry'umunyeshuri, gukemura ibibazo no kugira ubuvugizi binyuze mu Myigigire ishingiye ku mishinga (PBL)
- Abanyeshuri biha intego kandi bakisuzumira uko bazigeraho binyuze mu nama ziyoborwa n'abanyeshuri.
- Gukora ingendoshuri zitandukanye mu mujyi: inzu ndangamurage zitandukanye, ubusitani nyaburanga n'ibindi
- Ibikorwa bya nyuma y'amasomo
  - **Imikino:** Umupira w'amaguru, umukino w'amaboko wa basketball, cheerleading, umukino w'amaboko wa volleyball
  - **Amarushanwa yo mu rwego rw'amasomo:** Quick Recall (Kwibuka Vuba), Amasuzumabumenyi Yanditse, Gukemura Ibibazo mu gihe kizaza, Itsinda ry'Ibyerekeye amarobo, na Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga ry'Abanyeshuri (STLP)
  - **Karabu:** Beta Club, Drama (harimo umukino ngarukamwaka mu kigo cyose), na Not Your Stereotypical Kids
  - Gahunda y'Ibikorwa by'Iterambere ya Nyuma y'Amasomo y'Ihuriro ry'Ababyeyi, Abarimu n'Abanyeshuro (PTSA)

Carter Traditional Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 401
Telefoni: (502) 485-8225
Aderesi: 3600 Bohne Avenue, Louisville, KY 40211
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/carter-traditional-elementary

Jesse R. Carter Traditional Elementary ifasha umuryango mugari kuva mu 1922. Dufasha umwana gutera imbere muri byose, tumuha inyigisho nziza kandi zikomeye mu bidukikije bitekanye, biteguye neza, kandi bimushyigikira. Kuri Carter, twibanda ku kwigomwa, kugira imico myiza, no kuyobora binyuze mu gukorera abandi, kugira ngo dutegurire abanyeshuri ubuzima.

Twizera ko ubufatanye bukomeye n'imiryango ari ingenzi kugira ngo abanyeshuri batsinde neza, bagire imyitwarire myiza, kandi ababyeyi bagire uruhare mu burezi bwabo. Imiryango itumirwa mu bikorwa by'imiryango bikorwa buri mezi atatu, imikino, ibitaramo, n'ibikorwa by'ishuri bishimira impano z'abanyeshuri.

Inyigisho zacu zishingiye ku bipimo by'uburezi kandi zigatezwa imbere hakoreshejwe ikoranabuhanga. Dutanga kandi buri munsi amahirwe yo kugira ubugwaneza, ibyishimo, ubucuti no kwishimisha, kuko abanyeshuri biga neza iyo bumva ko bahabwa agaciro kandi bagashishikarizwa kwiga.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Ishyirahamwe ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA) rikora cyane kandi ryakira buri wese, rigaha imiryango amahirwe menshi yo kugira uruhare mu bikorwa by'ishuri
- Ishuri ryamenyekanye ku rwego rw'igihugu nk'Ishuri rirangwa n'Ubugwaneza, kandi Leta ya Kentucky yarimenye kubera Ubufasha n'Ingamba zo Guteza Imbere Imyitwarire Myiza (PBIS)
- Hari abakozi bashinzwe gufasha abanyeshuri n'imiryango, harimo umuhuzabikorwa w'Ikigo Gifasha Imiryango (FRC) w'igihe cyose n'umukozi w'igihe cyose wemewe mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe, bafasha abanyeshuri n'imiryango gutsinda imbogamizi zishobora kubabuza kugera ku ntsinzi
- Kwibanda cyane kandi buri gihe ku mategeko n'ibitegerejwe ku banyeshuri, harimo kubahiriza amategeko y'ishuri n'imyambarire yemewe n'ishuri
- Itanga ibikorwa byinshi by'inyongera n'amatsinda, birimo basketball, kubyina no gufana amakipe n'ibikorwa byayo by'abato, step n'ibikorwa byayo by'abato, kwiruka intera ndende, umupira w'amaguru, gusiganwa ku maguru, volleyball, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, orokesitere, Men of Quality, Itsinda ry'Ubuhanzi, Itsinda ry'Ineza, Ihuriro ry'Abanyeshuri b'Abirabura (BSU), Itsinda ry'Amasomo, Itsinda ryo Gukora Imyitozo ya Gisirikare, Inama y'Abanyeshuri Bato na Serivisi z'Inyongera ku Masomo (ESS)
- Abanyeshuri bo mu mwaka wa gatanu bahabwa amahirwe yo kugira inshingano z'ubuyobozi, nko kuba mu Itsinda Rishinzwe Umutekano w'Abanyeshuri, Gufasha mu Isomero, Kuba Abanyamakuru ba Cub, Gufasha mu Kigo Gifasha Imiryango (FRC), no kuba mu itsinda rishinzwe isuku n'isukura ry'ishuri bituma abanyeshuri bishimira ishuri ryabo n'umuryango w'ishuri.

Coleridge-Taylor Montessori Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 375
Telefoni: (502) 485-8232
Aderesi: 1115 W. Chestnut Street, Louisville, KY 40203
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/coleridge-taylor-montessori-elementary

Murakaza neza ku Ishuri rya Coleridge-Taylor Montessori—iwabo w'itsinda rya Monarchs! Turi umuryango wita kuri buri wese kandi wakira abantu bose, aho dukorana kandi tugafatanya gutera imbere kugira ngo duhindure isi ibe nziza. Intego yacu ni ugufasha abanyeshuri kwigira mu myigire yabo no kuba abaturage b'isi bafite inshingano, bayoborwa n'Indangagaciro zacu Z'Ingenzi: Kugirira abandi impuhwe, Kubaha abandi, Uburinganire, Ubufatanye, no Gutsinda mu Myigire.

Uburyo bwacu bwo kwigisha bwa Montessori bufasha guteza imbere:

- Kubaka icyizere binyuze mu mirimo abanyeshuri bakora ku giti cyabo.
- Kwiga binyuze mu bikorwa, hakoreshejwe ibikoresho byihariye abanyeshuri bashobora gukoraho no gukoresha.
- Kwigenga no gukorana n'abandi binyuze mu gukemura ibibazo abanyeshuri bafatanyije.
- Ubwisanzure mu mipaka y'amategeko asobanutse, butuma abanyeshuri bagira amahitamo yabo ya buri munsi kandi bakagira ubwisanzure bwo guhindura uko biga.
- Guteza imbere umwana muri byose (mu mitekerereze, ku mubiri no mu mibereho n'imibanire n'abandi).

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- **Amahitamo yihariye y'ishuri rya Montessori:** Ni yo gahunda ya Montessori yonyine y'ishuri rya Leta iri muri aka karere, ifite "ibyumba by'amashuri" biteguwe neza kandi bishimishije, bifasha abanyeshuri kwiga binyuze mu bikorwa
- **Umusingi w'Uburezi bw'Abana Bato:** Gahunda z'abana bafite imyaka 3 n'4 zitangirwa amafaranga y'ishuri, aho abarimu babiri bafatanya kwigisha mu mashuri y'incuke no mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza
- **Ubumenyi bwo kwibeshaho mu buzima bwa buri munsi no kuyobora:** Abanyeshuri biga kugira inshingano binyuze mu mirimo yo mu ishuri, korora inkoko, gutwara amagare no kumasha banateza imbere kugirira abandi impuhwe binyuze mu kwiga ku butabera mu muryango.
- **Amatsinda atandukanye n'ikoranabuhanga:** Gahunda zihariye, zirimo Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Porogaramu za robo, Kwita ku busitani, Guteka, Ibijyanye n'itangazamakuru, Imikino, no Kwiga uko Bakwitwara Neza hafi y'Inyamaswa
- **Ubufatanye bukomeye n'umuryango mugari:** Ibikorwa byo gufasha no gukorana n'umuryango mugari, ndetse n'ingendoshuri ku bufatanye na KSU, Central High School Magnet Career Academy (MCA), Louisville Ballet, Kentucky Opera, Literacy Project, BMEN na WAGS.

Ishuri rya Foster Traditional Academy

Abanyeshuri Cyakira: 258
Telefoni: (502) 485-8253
Aderesi: 1401 S. 41st Street, Louisville, KY 40211
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/foster-traditional-academy

Turi Foster! Intego yacu ni Ugukora ku Mutima no Kwigisha Ubwenge. Foster irajwe ishinga no kwizera neza ko abanyeshuri bose batera imbere mu rwego rw'amasomo, imibanire n'abandi n'amarangamutima. Intego yacu ni uguha abanyeshuri ubumenyi n'ubushobozi bakeneye kugira ngo babeho neza kandi bagire icyo bageraho mu buzima, kandi babe biteguye gukomeza muri kaminuza cyangwa guhitamo umwuga bashaka.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Gahunda yihariye mu buryo bwa gakondo ishyira abanyeshuri ku murongo kugira ngo bitegure kwiga mu Kigo cy'icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye cya gakondo
- Hubahirizwa amabwiriza y'impuzankano
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), ikinamico, basketball, kubyina no gufana amakipe, orokesitere, itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, na Gahunda y'Ubufasha bw'Inyongera ku Banyeshuri (ESS)
- **Amasomo yihariye:** Imyitozo ngororamubiri (PE), isomero, na Laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM)
- Inyubako nziza z'ishuri ziri ku butaka bungana na hegitari 40

Greathouse Shryock Traditional Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 613
Telefoni: (502) 485-8259
Aderesi: 2700 Browns Lane, Louisville, KY 40220
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/greathouse-shryock-traditional-elementary

Greathouse Shryock Traditional Elementary ifasha guteza imbere umwana muri rusange, yibanda ku myigire, ubushobozi bwo kuyobora, no kugira imico myiza. Dutanga inyigisho zikomeye zishishikariza abanyeshuri gutekereza neza, gukemura ibibazo no gutsinda kandi tubaha amahirwe yo kuyobora, gufasha abandi no kugira uruhare mu myigire yabo. Binyuze muri CharacterStrong no muri gahunda y'Ubufasha n'Ingamba zo Guteza Imbere Imyitwarire Myiza (PBIS), dutoza abanyeshuri kubaha abandi, kugira inshingano no kuba inyangamugayo. Duhuza inyigisho zikomeye no guteza imbere ubushobozi bwo kuyobora n'imico myiza, kugira ngo abanyeshuri bitegure gutsinda no kugira uruhare rwiza mu guhindura isi.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- **Umuco wo gukora neza:** Izina rimaze igihe rizwiho kugira ibyitezwe ku banyeshuri biri ku rwego rwo hejuru, kugera ku musaruro mwiza, no kugira umuco wo kwishimira ibyo bagezeho no gutsinda
- **Imikorere ifite gahunda kandi itunganijwe neza:** Kwitega imyigire n'imyitwarire byo ku rwego rwo hejuru, bituma hababo uburyo bwo kwiga bwibandwaho kandi butanga umusaruro mwiza
- **Amahirwe yo kwitabira ibikorwa by'inyongera bitari mu masomo:** Itsinda ry'Amasomo, LEGO Club, Ikinamico ya Muzika, NASA Club, Video Club, Presto Strings, Gahunda y'Ubuyobozi bw'Abanyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), n'imikino itandukanye (basketball, kubyina no gufana amakipe, umupira w'amaguru n'indi)
- **Ubufatanye bukomeye hagati y'umuryango n'ishuri:** Abanyeshuri, imiryango n'abakozi bafatanya mu gushyigikira imyigire no gufasha abanyeshuri gutsinda
- **Umuryango utagira uwo uheza kandi wakira buri wese:** Twishimira itandukaniro riri hagati y'abantu kandi duha abanyeshuri n'imiryango yose amahirwe yo kumva ko bari kumwe n'abandi, bahabwa agaciro kandi bagira uruhare mu bikorwa by'ishuri
- **Ishyirahamwe ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA) rikora cyane:** Itanga amahirwe meza yo gukora ibikorwa by'ubwitange kandi igashyigikira ibirori n'ibikorwa by'ishuri
- **Amahirwe yihariye yo kwiga mu bice bitandukanye:** Itsinda ry'abacuranga ibikoresho bya muzika, Isomero, Umuziki, Orokesitere, Imyitozo ngororamubiri (PE)/ Ubuzima, na Laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM)
- **Kugira gahunda ituma abanyeshuri batsinda:** Aho kwigira hateguwe neza n'ibyitezwe mu myigire no mu myitwarire bisobanutse

Hawthorne Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 452
Telefoni: (502) 485-8263
Aderesi: 2301 Clarendon Avenue, Louisville, KY 40205
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/hawthorne-elementary

¡Hablamos Español! Kuri Hawthorne Elementary, intego yacu ni uguha abiga indimi ubumenyi, ubushobozi, no gusobanukirwa ibibera ku isi, kugira ngo bagire uruhare rwiza mu isi dutuyemo. Ibi tubigeraho dutanga ahantu ho kwigira mu rurimi rw'Icyesipanyolo, hitabwaho kandi hashishikazwa abanyeshuri. Binyuze mu buryo bwo kwiga bushingiye ku bikorwa bifatika, duteza imbere amatsiko yo kumenya, guhanga udushya, no kubaha abantu bose n'ibitekerezo bitandukanye, tugategura abanyeshuri kuzaba abayobozi mu miryango yabo no hanze yayo.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Ishuri Ryihariye Ryahawe Icyemezo ku Rwego rw'Igihugu kandi Ryemewe n'Amashuri Yihariye yo muri Amerika
- Ni two twenyine muri JCPS dufite amasomo y'Icyesipanyore yihariye, aho abanyeshuri batera imbere mu bumenyi bw'ururimi mu gusoma, kwandika, kumva, no kuvuga Icyongereza n'Icyesipanyore
- Itanga Inzira ifasha abanyeshuri kubona Icyemezo cy'Ubushobozi bwo Gukoresha Indimi Ebyiri
- Rimwe mu mashuri abanza atanu ya mbere muri JCPS mu mitsindire y'amasomo
- Ni ishuri ry'intangarugero ku rwego rw'igihugu kandi riri ku isonga muri gahunda zo kwiga indimi mpuzamahanga, rikaba rimenwa n'Urwego rw'Abanyamerika Rushinzwe Kwigisha Indimi z'Amahanga (ACTFL)
- Itanga amasomo yihariye muri Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM), Ubuhanzi n'Umuco, n'Isomero
- Itanga ibikorwa byinshi bikorwa nyuma y'amasomo, bigahuza abanyeshuri bose n'amasomo atandukanye
- Yibanda cyane ku kugira uruhare kw'imiryango n'umuryango mugari, harimo no kuvuganira ibyo bakeneye ku rwego rw'aho batuye, ku rwego rwa Leta, no ku rwego rw'igihugu

Lincoln Elementary Performing Arts School

Abanyeshuri Cyakira: 581
Telefoni: (502) 485-8291
Aderesi: 930 E. Main Street, Louisville, KY 40206
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/lincoln-elementary-performing-arts-school

Lincoln, nk'ishuri rya mbere rya Leta ryo mu mashuri abanza muri Kentucky ryigisha ubuhanzi bwo kwerekana, yiyemeje gutanga uburezi bwuzuye ku mwana binyuze muri gahunda y'amasomo ikubiyemo ubuhanzi, kugira ngo abanyeshuri bitegure neza kuzagira icyo bageraho mu gihe kizaza. Uretse imyigishirize myiza mu mibare, gusoma, amasomo yerekeye imibanire n'abandi, kwandika, no muri siyansi, abanyeshuri bitabira amasomo atandukanye mu bumenyi bw'ubugeni, harimo amajwi yo kuririmba, ibikoresho by'umuziki, imbyino, drama, itsinda ry'abaririmbyi, orukesitiri, sentetizeri, n'ubugeni bw'amashusho. Ubuhanzi bwinjizwa mu masomo atandukanye, kandi abanyeshuri, imiryango, n'ishuri bafatanya kugira ngo abanyeshuri bagire uruhare rugaragara mu bikorwa by'ubuhanzi!

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Ishuri ryihariye ryakira abanyeshuri bo mu karere kose
- Igice cy'ishuri cy'ubuhanzi bwo kwerekana gifite ubuso bwa square-foot 40,000 kirimo inzu y'ikinamico ifite imyanya 200, icyumba cyo kubyiniramo, icyumba cy'ikinamico, icyumba cy'amasomo ya piyano, ibyumba byo kuririmbiramo no gucurangiramo ibikoresho bya muzika, n'icyumba cy'ubuhanzi bwo kureba
- Ubufatanye n'amashyirahamwe akomeye y'ubuhanzi butuma abanyeshuri babona kandi bakitabira ibitaramo by'ababanzi b'abanyamwuga ku ishuri n'ahandi, nko kuri Kentucky Center for the Arts, Kentucky Shakespeare, StageOne, na Louisville Orchestra
- Amasomo atangwa nyuma y'amasomo asanzwe, yigishwa n'abarimu b'abanyamwuga bo mu mashyirahamwe atandukanye, harimo Louisville Ballet na Sounds of Kentucky
- Ibikorwa by'imikino ngororangingo n'amasomo nyuma y'amasomo asanzwe, hiyongereyeho gahunda z'ubuhanzi



Schaffner Traditional Elementary

Abanyeshuri Cyakira: 502
Telefoni: (502) 485-8217
Aderesi: 2701 Crums Lane, Louisville, KY 40216
Urubuga: jefferson.kyschools.us/page/schaffner-traditional-elementary

Tuzatanga uburyo bwuzuye bwo kwigisha umwana binyuze mu bikorwa byubaka umubiri, imibanire n'abandi, amarangamutima, n'ubwenge. Ibi bizagerwaho mu ishuri rifite gahunda ihamye, aho buri munsi abanyeshuri basabwa kugera ku ntego ziri hejuru no kubazwa inshingano zabo. Kugira ngo dukurikize amahame shingiro ya JCPS mu myigishirize, tuzakoresha ibikoresho bifasha abanyeshuri kwiga babyitabiriye kandi tubaha ibikorwa bifatika bakorera mu matsinda mato kandi tuzanategura ibikorwa byinshi bifite gahunda kandi bigafasha abanyeshuri kugira uruhare runini mu kwiyobora mu myigire yabo. Twibanda kandi ku nkingi z'ingenzi nyinshi z'ibitekerezo by'ibanze n'inzego z'uburyo buboneye kandi buteye imbere bw'imyigishirize n'imyigire.

Iby'Ingenzi Biranga Ishuri

- Blue Ribbon School of Excellence
- Kwiga biyobowe n'abanyeshuri kandi bigakorwa bafatanyije
- Amahirwe yo kwiga ku muvuduko wihuse
- Itumanaho rihoraho rituruka ku barimu no ku ishuri
- Ahantu ho kwigira hafite gahunda ihamye
- Buri mwaka hategurwa ibikorwa byinshi bihuriza hamwe imiryango
- Abanyeshuri bahabwa amahirwe menshi yo kwitabira imikino ngororangingo, amatsinda, n'ibikorwa bitandukanye bibera hanze y'ishuri
- Ababyeyi basabwa kugira uruhare rugaragara no gushyigikira gahunda yacu



Porogaramu Zihariye

Iby'Ukuri by'Ibanze Gusaba birasabwa

Gahunda Zihariye zigira umwihariko kandi zigatanga uburyo bwihariye bwo kwigisha no kwiga.

- **Abanyeshuri bose basaba kwiga muri gahunda zihariye mu bigo by'amashuri abanza mu gihe cy'ubusabe na bo bazaba bari muri tombola yo kwemererwa.** Nta bindi bikoresho cyangwa ibigenderwaho mu gutoranywa kugira ngo umunyeshuri yemererwe kwiga muri gahunda yihariye mu kigo cy'amashuri abanza. Mu gihe udahise wemererwa muri kimwe mu bigo washyize ku rutonde, uzabimenyeshwa umwanya wawe ku rutonde gihe cy'urugaryi.
- **Abanyeshuri bavukana biga cyangwa bize muri gahunda yihariye ntibibaha amahirwe mu buryo bw'ubusabe.** Ariko abavukana ari impanga (babiri, batatu n'abandi) basaba kwiga muri iyi gahunda bafatwa nk'ubusabe bumwe. Ababyeyi/abishingizi basabwe gutanga ubusabe butandukanye kuri buri munyeshuri.

IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

MicroSociety

Indian Trail: Zone ya Seneca, iy'Amajyepfo, n'iya Moore

Gahunda ya MicroSociety ishishikariza abanyeshuri kumva ko ari abaturage bafite inshingano, kwita ku bintu kandi b'umumaro mu muryango mugari bishushanyirije. Integanyanyigisho y'amasomo inoze ijyanye Kentucky Academic Standards (KAS) ihuza amasomo n'ubuzima nyabwo, igatuma uburezi buri munyeshuri ahabwa buba bukwiye. Ba rwiyemezamirimi b'abanyeshuri batanga umusaruro w'ibicuruzwa na serivisi, abayobozi batowe bagashyiraho amategeko, abacamanza bagakemura amakimbirane, n'abanyamakuru bagakurikirana inkuru. Abanyeshuri ba MicroSociety bahabwa ubumenyi buri ku rwego rw'urungano ruzaza bubafitiye akamaro mu gihe kizaza, harimo ihanamakuru, imitekerereze yagutse, kugira ihange, ifatwa ry'ibyemezo no guhanga udushya.

Kuzamura impano

Byck: Ifasi yose

Gahunda yo Kuzamura Impano ishingiye ku mahame y'imyigire, ubumenyi butandukanye, ubuhanzi mu burezi, insanganyamatsiko zongewemo, imyigire ishingiye ku mishinga, n'amahitamo y'umunyeshuri. Binyuze mu ihuzwa ry'integanyanyigisho y'ubuhanzi buvanze n'ibyitezwe mu rwego rw'amasomo, gutera imbere kw'abanyeshuri mu masomo, ubuhanzi, no guhanga impano. Serivisi z'abanyempano zitangwa hamwe n'imyigishirize itandukanye ku banyeshuri bo muri Gahunda yisumbuye bose.

Serivise zihabwa abanyeshuri biga mu ndimi nyinshi

Ikigo Gishinzwe Gutanga Ikaze ku Bagana Urwego Rushinzwe Abiga mu Ndimi Nyinshi (OML), gihereye kuri 1325 Bluegrass Avenue, ni ho imiryango mpuzamahanga cyangwa ikoresha indimi nyinshi ishobora kubonera amabwiriza ku buryo bwo kubona serivise z'uburezi muri JCPS. Urwego rutanga kandi serivisi z'ururimi bikanafasha mu ihanamakuru hagati y'imiryango n'ibigo by'amashuri hagamijwe gutuma hagumaho imikoranire ifite imbaraga mu buryo uburezi butangwamo. Imiryango ishobora kuvugana n'ibi biro ihamagara kuri **(502) 485-3623**.

Zirikana ko:

Buri shuri ryo muri JCPS ritanga serivisi zo guteza imbere ubumenyi bw'Icyongereza ku banyeshuri bujuje ibisabwa kugira ngo bahabwe gahunda zigenewe Abanyeshuri biga Indimi Nyinshi (ML).

Serivisi Zihabwa Abanyeshuri Bafite Ubumuga bwo Kwiga

Serivisi z'Uburezi bwihariye bugenewe abana (ECE) zihabwa abanyehsuri bafite ubumuga hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko rigenga uburezi bw'abafite ubumuga (IDEA) ndetse n'Amabwiriza y'ibuyobozi muri Kentucky (KARs). Umunyeshuri wa ECE ahabwa amasomo yateguriwe by'umwihariko mu buryo bwo kwigira ahantu hatamubuza kwiga no kwitabira amasomo hamwe n'abandi uko bishoboka (LRE), nk'uko bigenwa na Komite Ishinzwe Kwakira no Kurekura Abanyeshuri (ARC), kugira ngo ahabwe ubufasha bujyanye n'ibyifuzo bye bigaragara muri Gahunda Ye Yihariye y'Imyigire (IEP).

Ibibazo bikunze kubazwa

Amahitamo y'ibigo by'amashuri

JCPS SchoolFinder

Ikibazo: Ni gute nakwiyandikisha kandi ni gute nasaba kwiga muri aya mashuri?

Igisubizo: Ku bindi bisobanuro by'uko wakwiyandikisha n'uko wasaba, reba **paji za 5–7**.

Ikibazo: Ese *Amahitamo y'Ishuri* bisobanura iki?

Igisubizo: JCPS ifite gahunda yo guhitamo ishuri ituma ababyeyi basaba umwana wabo kwiga ku ishuri rihuje neza n'ibyifuzo bye, ibyo akeneye n'inyungu afite mu myigire. (Reba kode ya QR y' **Amahitamo y'Ishuri** hejuru.) JCPS kandi iha abanyeshuri baba muri Zone y'Ibigo Bitoranywa amahirwe yo gutoranya kujya mu mashuri ari hafi y'iwabo cyangwa kure.

Ikibazo: Ni amahitamo angahe yihariye nshobora kohereza ku munyeshuri wanjye?

Igisubizo: Ababyeyi bashobora guhitamo amahitamo yihariye agera kuri abiri mu busabe.

Ikibazo: Ni gute nahindura ubusabe nkabushyira ku rindi shuri cyangwa indi porogaramu?

Igisubizo: Ubusabe bwo kuri interineti bushobora guhindurwa kugeza ku wa **18 Ukuboza, 2026**. Impinduka ntiziba zicyemewe iyo igihe cy'ubusabe cyamaze kurangira.

Ikibazo: Ni gute namenya ishuri ribanza riri muri zone y'ishuri ry'umwana wawe?

Igisubizo: Koresha igikoresho cya **SchoolFinder** ku rubuga rwa JCPS kugira ngo umenye ishuri ry'umunyeshuri wawe. (Reba kode ya QR ya **SchoolFinder** hejuru.)

Ikibazo: Narasabye ariko aderesi yanjye yarahindutse. Nkore iki?

Igisubizo: Vugurura aderesi yawe hamwe na JCPS kuri **interineti** cyangwa imbonankubone. Ikizakurikiraho, reba **SchoolFinder** kugira ngo umenye niba impinduka yabaye kuri aderesi yawe izagira ingaruka ku busabe bw'umunyeshuri. Amwe mu mashuri cyangwa porogaramu zigenerwa bifite imipaka. Ihinduka rya aderesi rishobora kugena ko mu gihe umunyeshuri wawe yemewe, ashobora guhabwa ikindi kigo cy'amashuri. Uzakenera kuzuza ubusabe bushya niba aderesi yawe nshya iri mu yindi zone.

Ikibazo: Ni ryari kandi nzamenya nte ishuri umunyeshuri wanjye yagenewe?

Igisubizo: Abanyeshuri basaba kwiga muri aya mashuri mu gihe cyo gusaba bazamenyeshwa uko ubusabe bwabo bwifashe, binyujijwe mu ibaruwa, kuri imeyili cyangwa kuri telefoni, bitarenze muri **Mata 2027**.

Ikibazo: Nakererewe igihe cyo gusaba kwiga ku ishuri ryihariye. Nsigaranye ayahe mahitamo?

Igisubizo: Ushobora gusaba kwiga ku **ishuri ryihariye** nyuma ya tariki ya **18 Ukuboza 2026**, ariko ubusabe bwawe buzarebwa gusa niba iryo shuri rifite imyanya y'abanyeshuri bashya. Abanyeshuri bashobora buri gihe kwiga ku ishuri riri muri zone yabo. (Reba kode ya QR y' **Amahitamo y'Ishuri**.)

Ikibazo: Ubu ntabwo ntuye mu Ntara ya Jefferson ariko nzahimukira mbere y'uko amashuri atangira. Nasabira umunyeshuri wanjye ikigo cyangwa porogaramu Yihariye?

Igisubizo: Ushobora gutanga ubusabe bwo kwiga ku **ishuri ryihariye** kugira ngo umunyeshuri wawe abe yakwemererwa kwiga ku ishuri wahisemo. Abanyeshuri bashobora buri gihe kwiga ku ishuri riri muri zone yabo. Usabwe kugaragaza icyemezo cy'uko utuye muri Kawunti ya Jefferson mbere y'uko umunyeshuri wawe yandikwa mu kigo cy'amashuri cya JCPS. Hamagara Ibiro Bishinzwe Amahitamo y'Ishuri kuri **(502) 485-6250** kugira ngo umenye andi makuru.

Ikibazo: Nzimukira mu Ntara ya Jefferson nyuma y'uko amashuri atangiye. Ni ayahe mahitamo y'ikigo cyangwa porogaramu ya Magnet nabonera umunyeshuri wanjye?

Igisubizo: Abanyeshuri bimukira mu Ntara ya Jefferson nyuma y'uko umwaka w'amashuri wa 2027-28 utangiye, bashobora kubaza ku mahirwe yo kwiga ku mashuri ya yihariye igihe bahageze kugeza ku itariki ya **31 Werurwe 2028**, ariko amahitamo ashobora kuba make. Abanyeshuri bashobora buri gihe kwiga ku ishuri riri muri zone yabo. Hamagara Ibiro Bishinzwe Amahitamo y'Ishuri kuri **(502) 485-6250** kugira ngo umenye andi makuru.

Ikibazo: Ese JCPS itanga gahunda zo kwita ku bana mbere y'uko amasomo atangira na nyuma y'uko amasomo arangiye?

Igisubizo: Yego, **Gahunda yo Guteza Imbere Abana (CEP)** itangwa ku bufatanye hagati ya JCPS na YMCA. (Reba kode ya QR ya **Gahunda ya CEP**.) Vugisha YMCA kugira ngo ubone andi makuru.

Gahunda ya CEP

JEFFERSON COUNTY PUBLIC SCHOOLS

www.jefferson.kyschools.us

Byashyizweho, Byahinduwe, kandi Byacapwe na JCPS Materials Production
N11409_CHOICES ES 6/26 dw